REPUBLIC OF RWANDA
SUPREME COURT
P.o. Box. 2197 KIGALI
www.judiciary.gov.rw

ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 1 - 2021
Mutarama, 2021

RWANDA LAW REPORTS

Law Report V. 1 - 2021
January, 2021

ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 1 - 2021
Mutarama, 2021



RWANDA LAW REPORTS

Law Report V. 1 - 2021
January, 2021

ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI iii

KOMITE YEMEZA IMANZA v

IRIBURIRO ix

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO xi

INYITO xi

AMATEGEKO YASHINGIWEHO xiii

IMANZA ZIFASHISHIJWE xvii

AMAGAMBO MPINE xix

Re. NZAFASHWANAYO 1

ASSOCIATION DES ASSUREURS DU RWANDA (ASSAR) v. LETA Y'U RWANDA (MIFOTRA) 41

CARPENTIER v. UWAMAHORO 79

NISHIMWE N'UNDI v. MUGENGA N'UNDI 97

ANGEL PHARMACY LTD v. NDABATEZE 133

DRESOCECO LTD v. MININTCO LTD 151

PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY LTD v. TRANSCORP 185

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

I. ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KABERA Jean Claude

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

NINAHAZWA Roselyne

UMUHOZA Ange Mireille

UMURANGAMIRWA Anastase

UWINKINDI Angelique

II. KOMITE YEMEZA IMANZA

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse	:	Perezida wa Komite, Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire
Dr. MUHIRE G. Yves	:	Visi Perezida wa Komite, Umwalimu muri Kaminuza y'u Rwanda
NSENGIYUMVA Jean Claude	:	Umwanditsi wa Komite, Umugenzuzi w'Inkiko
Dr. KARIMUNDA M. Aimé	:	Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire
RUKUNDAKUVUGA F. Regis	:	Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga
NDAHAYOXavier	:	Perezida w'Urukiko Rukuru
RUTAZANA Angeline	:	Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko
KALIWABO Charles	:	Umucamanza w' Urukiko rw'Ubujurire
Dr. KAYIHURA Didas	:	Umuyobozi wa ILPD
BURAYOBERA UMUZAYIRE Bibiane	:	Visi Perezida wa Komisiyo y`u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry`Amategeko

BWIZA N. Blanche	:	Umugenzuzi w'Inkiko
KIBUKA Jean Luc	:	Umucamanza w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi
HABARUREMA Jean Pierre	:	Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
BUNYOYE Grace	:	Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
KABIBI Specioza	:	Intumwa ya Leta
MURERERE HE Saouda	:	Umucamanza mu Rukiko Rukuru
Lt. col. MADUDU A. Charles	:	Umucamanza mu Rukiko rwa Gisirikare
GIRANEZA Clémentine	:	Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye
Dr. NSHIMIYIMANA Didace	:	Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye

BAGABO Faustin	:	Avoka mu Rugaga rw'Abavoka
GAPARAYI Idi	:	Umwarimu muri University of Kigali
Dr. SHEMA Pierre	:	Umwarimu muri ULK
KARAKE Canisius	:	Umwarimu muri UNILAK
HABIMANA Pie	:	Avoka mu Rugaga rw'Abavoka
RWIGEMA Royck	:	Umucamanza mu Rukiko rw'Ubucuruzi
YANKURIJE Dorothée	:	Perezida w'Urukiko rw'Ibanze

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Tunejejwe no kubagezaho Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko, Volime 1 [2021]. Nk'uko mubizi, tubahitiramo imanza zikubiyemo bimwe mu bisubizo by'ibibazo muhura nabyo kenshi, haba mu mirimo yanyu ndetse no buzima bwa buri munsi.

Muri iyi nomero murasangamo imanza zirindwi (7) zikurikira: urubanza rumwe (1) rurebana n'ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga, urubanza rumwe (1) rurebana n'ikirego gisaba kubungabunga cyangwa gukuraho imbogamizi zibangamiye inyungu rusange, imanza ebyiri (2) z'imbonezamubano n'imanza eshatu (3) z'ubucuruzi.

Nk'uko mumaze kubimenyera imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no kurubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga: http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do.

Dr NTEZILYAYO Faustin
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na
Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire zikoreshwa hakurikijwe inyito ivugwa hasi.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo:

[2021] 1 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015;
ingingo ya 15 n'iya 95……..5
ingingo ya 49 n'iya 121……45
ingingo ya 34……..99

Itegeko Ngenga No 03/2013/OL ryo ku wa 16/06/2013 rikuraho Itegeko Ngenga No 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigenga imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, ingingo ya 35, igika cya 3……100

Minimum wage-fixing machinery convention, 1928 n° 26 yashyizweho umukono mu mwaka wa 1976……45

Decision on the African Continental Free Trade Area (AfCFTA), 33rd Ordinary Session of the Assembly of the Union, 9-10 February 2020, Addis Abeba, Ethiopia…….5

Protocol to the Agreement Establishing the African Continental Free Trade Area on Trade in Services……5

Protocol on establishment of East African Community Common Market…….5

World Trade Organization. Communication from Rwanda, Schedule of Specific Commitments under the General Agreement on Trade in Services, 30 August 1995……5

World Trade Organization General Agreement on Trade in services (GATS)……5

Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigena umurimo mu Rwanda, ingingo ya 2 n'iya 3……45

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko;
ingingo ya 68 n'iya 80……..45
ingingo ya 27 (5)……81

Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'imirimo n'iz'ubutegetsi;
ingingo ya 12……45
ingingo ya 194……81
ingingo ya 9……..100
ingingo ya 111……155

Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/8/2016 rigenga abantu n'umuryango, ingingo ya 243……81

Itegeko N° 005/2015 ryo kuwa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo, ingingo ya 27……45

Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 76……155

Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, ingingo ya 11 na 12……5

Itegeko N° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, ingingo ya 178,180 niya 258……155

Itegeko N° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 2(39, b) ,4, 17(2) niya 18……135

Itegeko N° 42/1988 rishyiraho Interuro y'ibanze n'Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 388 na 389……100

Itegeko teka ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 258……..135

Iteka rya Perezida N° 069/01 ryo ku wa 13/04/2018 ryongera amafaranga ya pansiyo n'ay'ibyago bikomoka ku kazi, ingingo ya 2……45

Iteka rya Minisitiri N° 20/15 ryo ku wa 03/05/2005 rigena ibyangombwa bisabwa mu gufungura, gukoresha no kwimura farumasi igenewe kudandaza imiti n'inzu icuruzwamo imiti, ingingo 6……..135

Iteka rya Perezida N° 31/01 ryo ku wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bababare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga……45

IMANZA ZIFASHISHIJWE

Canadian Council of Churches v. Canada (Minister of Employment and Immigration), [1992] 1 S.C.R. 236……46

Conseil Constitutionnel, décision no 2009-599 DC du 29 décembre 2009, para 80…….....5

Gulf, Colorado & Santa Fe Ry. Co. v. Ellis 165 U.S. 150 (1897)……5

Kayitsinga v. Kanyamibwa, RS/REV/INJUST/CIV 0012/2015/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 18/01/2019……100

Nibasenge v. Nahayo, RS/INJUST/RC 0006/2018/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa ku wa 18/01/2019……100

Nyetera Jean Baptiste v. CORAR, RCAA 0202/07/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 09/04/2009…….....45

Re AKAGERA BUSINESS GROUP, RS/SPEC/0001/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 23/09/2016……6

Re Murangwa, RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 29/11/2019……6

SORAS AG Ltd v. Umuhoza Pacifique n'Abandi, RCAA 0049/14/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016…….....46

Vodacom Business Nigeria V. Federal Inland Revenue Service (FIRS), Appeal No. CA/556/2018, p.23…….5

AMAGAMBO MPINE

1.Amategeko agenga amasezerano – amasezerano y'ubwishingizi – Kutubahiriza amabwiriza yo gutanga ubwishingizi bigenerwa ibihano by'ubutegetsi ku ruhande rwa sosiyete y'ubwishingizi, ariko si impamvu yo gusesa amasezerano yakozwe mu buryo bwubahirije amategeko agenga amasezerano

PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY LTD v. TRANSCORP……..184

Amasezerano y'ubwishingizi – Ikimenyetso cy'ubwishyu – "Vignettes" si ikimenyetso cy'ubwishyu, ahubwo n'ikimenyetso cy'ubwishingizi bw'ikinyabiziga, uwagitanze akaba agomba kwirengera icyishingiwe igihe habaye impanuka hatitawe ko yishyuwe cyangwa atishyuwe.

PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY LTD v. TRANSCORP……184

2.Amategeko agenga amasosiyete – Icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete – Icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete n'ikimenyetso kigaragaza ko isosiyete ishinzwe kandi ifite ubuzima gatozi uhereye ku itariki icyemezo cyanditsweho kugeza igihe izasibirwa mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by 'ubucuruzi.

ANGEL PHARMACY LTD v. NDABATEZE……...133

Isosiyete icuruza imiti (farumasi) – Ikigaragaza ko iriho – Agaciro k'icyangombwa gitangwa na MINISANTE – Icyo cyangombwa si cyo cyemeza ko farumasi iriho ko kandi ari iya kanaka ahubwo n'inyandiko ituma farumasi yateguwe, irimo n'ibicuruzwa itangira gukora.

ANGEL PHARMACY LTD v. NDABATEZE……...133

3.Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza zihariye – Ikirego kigamije kurengera inyungu rusange – Uruhare rwa Leta mu birego birebana n'inyungu rusange – Ikirego kirebana n'inyungu rusange kigomba kuba kigamije ko hubahirizwa uburenganzira bw'abandi bantu aho kwita ku kibazo bwite cy'urega n'ubwo urega yaba afite inyungu ku kiregerwa, izo nyungu agomba kuba azisangiye n'abandi bantu. – Muri ibi birego Leta ihamagazwa mu rubanza gutanga ibitekerezo; ntihamagazwa nk'umuburanyi ushobora kugira ibyo aryozwa cyangwa aca urundi ruhande
ASSAR v. MIFOTRA……41

Ikirego kigamije kurengera inyungu rusange – Ibigize inyungu rusange – Inyungu rusange iba iyo hari igikorwa cyabaye cyangwa kitabaye kikavutsa abantu benshi uburenganzira bwabo cyangwa se kikabagiraho ingaruka mbi, gikosorwa hatanzwe ikirego mu rukiko rubifitiye ububasha
ASSAR v. MIFOTRA……41

4.Amategeko agenga ububasha bw'inkiko – Urukiko ruburanisha ibirego by'agateganyo nyuma y'Ubutane – Mu gihe Urukiko ruburanishije urubanza rw'iremezo rujyanye n'Ubutane ku rwego rwa nyuma, rukagira icyemezo rufata mu buryo bw'ingoboka kandi bw'agateganyo (nko ku bijyanye no kurera abana cyangwa indezo), impamvu nshya zose zigamije guhindura icyo cyemezo cy'agateganyo cyafashwe, zishyikirizwa urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha imanza z'abantu n'umuryango ku rwego rwa mbere (Urukiko rw'Ibanze), aho gushyikirizwa Urukiko rwaciye urubanza ku butane ku rwego rwa nyuma. – Ingingo ya 27, agace ka gatanu (5)

y'Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 2/6/2018 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko.
CARPENTIER v. UWAMAHORO……79

5. Amategeko agenga umusoro – Umusoro ku nyongeragaciro – Ihame rishingiye kw'isoreshwa ry'umukiriya (Reverse charge) – Ni ihame rivana inshangano zo gukora ibijyanye n'itangwa ry'umusoro ku nyongeragaciro ku mugurisha zigahabwa umuguzi w'ibicuruzwa cyangwa servise ziturutse hanze y'igihugu.
Re. NZAFASHWANAYO……....1

Umusoro ku nyongeragaciro – Ihame rishingiye ku hantu ibicuruzwa na serivisi byinjizwa mu mategeko agenga imisoro (Destination Principle in Tax Law) – Ibicuruzwa na serivisi byose byagurishijwe mu gihugu byinjijwemo cg byakoresherejwemo birasoreshwa ariko bigasonerwa umusoro ku nyongeragaciro mu bihugu byakorewemo cyangwa biturukamo
Re. NZAFASHWANAYO…….1

Musoro ku nyongeragaciro – Gutandukanya abasoreshwa bagura serivise zivuye mu mahanga zitaboneka mu Rwanda n'abagura serivise zivuye mu mahanga ariko ziboneka mu Rwanda ntibyafatwa nko kubavangura cg kutabarengera kimwe imbere y'amategeko kuko bigamije gufungura isoko rya serivise kandi bikaba byarakozwe hari mpamvu zifite ireme zo gushyiraho ingamba zigamije kugabanya icyuho mu bucuruzi n'imyishyuranire n'amahanga.
Re. NZAFASHWANAYO…….1

6. Amategeko arengera umutungo bwite mu by'ubwenge – Ibirango bitera urujijo – Kugira ngo hamenyekane niba

ibirango bisa ku buryo bitera urujijo, si ngombwa ko biba bisa ijana kw'ijana ahubwo harebwa ubwiganze bwo gusa (dominant test of similarity) kuri ibyo birango byombi ku buryo byateza urujijo ku muguzi
DRESOCECO LTD v. MININTCO LTD……...151

7. Umutungo – Umutungo utimukanwa – Gusubizwa ibyongewe ku mutungo utimukanwa n'utari nyirawo – Mu gihe umuntu yaguze umutungo utimukanwa n'utari nyirawo, bikaba ngombwa ko awusubiza nyirawo w'ukuri kandi hari ibyo yongeyeho bitari ibyo yubatse cyangwa yateye bishya, abisubizwa na nyir'umutungo hakurikijwe imiterere yabyo – Asubizwa agaciro k'ibyakozwe biri ngobwa n'ibyakozwe bifite akamaro hatitawe ku kureba niba yarawubonye mu buryarya cyangwa nta buryarya – Ntacyo asubizwa na nyir'umutungo w'ukuri ku byakozwe by'umurimbo.
NISHIMWE N'UNDI v. MUGENGA N'UNDI.....97

IKIREGO GISABA KWEMEZA KO ITEGEKO RINYURANYE N'ITEGEKO

Re. NZAFASHWANAYO

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC 00004/2019/SC – (Ntezilyayo, P.J., Nyirinkwaya, Cyanzayire, Hitiyaremye na Rukundakuvuga, J.) 24 Nyakanga 2020]

Amategeko agenga umusoro – Umusoro ku nyongeragaciro – Gutandukanya abasoreshwa bagura serivise zivuye mu mahanga zitaboneka mu Rwanda n'abagura serivise zivuye mu mahanga ariko ziboneka mu Rwanda ntibyafatwa nko kubavangura cg kutabarengera kimwe imbere y'amategeko kuko bigamije gufungura isoko rya serivise kandi bikaba byarakozwe hari impamvu zifite ireme zo gushyiraho ingamba zigamije kugabanya icyuho mu bucuruzi n'imyishyuranire n'amahanga.

Amategeko agenga umusoro – Umusoro ku nyongeragaciro – Ihame rishingiye kw'isoreshwa ry'umukiriya (Reverse charge) – Ni ihame rivana inshangano zo gukora ibijyanye n'itangwa ry'umusoro ku nyongeragaciro ku mugurisha zigahabwa umuguzi w'ibicuruzwa cyangwa servise ziturutse hanze y'igihugu.

Amategeko agenga umusoro – Umusoro ku nyongeragaciro – Ihame rishingiye ku hantu ibicuruzwa na serivisi byinjizwa mu mategeko agenga imisoro (Destination Principle in Tax Law) – Ibicuruzwa na serivisi byose byagurishijwe mu gihugu byinjijwemo cg byakoresherejwemo birasoreshwa ariko bigasonerwa umusoro ku nyongeragaciro mu bihugu byakorewemo cyangwa biturukamo.

Incamake y'ikibazo: Nzafashwanayo yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko ingingo ya 12, igika cyayo cya 3

n'icya 4 y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro (VAT), inyuranyije n'ingingo ya 15 n'iya 95 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015. Mu iburanisha hari Leta y'u Rwanda hamwe n'Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda (*School of Law*) ryajemo nk'inshuti y' Urukiko.

Mu gusobanura ikirego cye, Nzafashwanayo avuga ko ingingo ya 12 igika cya 3 n'icya 4 y'itegeko ryavuzwe haruguru itubahirije ihame rigaragara mu ngingo ya 15 y Itegeko Nshinga ryavuzwe haruguru, kuberako ko idafata abasora kimwe. Umusoreshwa utumije serivisi mu mahanga yemererwa gukura umusoro ku nyongeragaciro yishyuye (input VAT) kuri izo serivisi mu musoro ku nyongeragaciro yakiriye (output VAT) iyo gusa izo serivisi zitaboneka mu Rwanda, nyamara uguze serivisi imbere mu gihugu akemererwa gukura umusoro ku nyongeragaciro yishyuye kuri izo serivisi mu musoro ku nyongeragaciro yakiriye nta kindi abanje gusabwa.

Ashingiye ku masezerano mpuzamahanga mu by'ubucuruzi u Rwanda rwasinye (GATS, EAC Common Market Protocol na Protocol to the Agreement Establishing the African Continental Free Trade Area on Trade in Services), avuga kandi ko ihame rya National treatment rikoreshwa muri ayo masezerano rivuguruzwa n'ingingo ya 12 igika cya 3 n'icya 4 y'itegeko ryavuzwe haruguru bityo, ikaba inyuranye n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga. Ukutareshya n'ukutarengerwa n'itegeko mu buryo bumwe bituma serivisi z'imbere mu gihugu zidashobora guhiganwa ku rwego rumwe na serivisi zo mu mahanga zishobora gukenerwa n'abakorera ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda kubera ubwo busumbane.

Leta y'u Rwanda ivuga ko kuba umushingamategeko yarashyize abasoreshwa mu byiciro bibiri bitafatwa nko kuvangura cyangwa kutarengerwa kimwe imbere y'amategeko kuko yabikoze ashingiye ku mpamvu nziza kandi zumvikana.

Ibi byashimangiwe n'Inshuti y'Urukiko (Ishuli ry'amategeko rya Kaminiza y'u Rwanda) ivuga ko gufata kimwe mu misoro abantu batameze kimwe ahubwo aribyo byaba kudafata abantu kimwe hakazabamo ubusumbane. Akomeza avuga ko iyo ngingo y'Itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ntabwo inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga, kubera ko abasoreshwa bavugwamo ari abantu (2) batandukanye. Gusoresha uwaguze hanze ibicuruzwa cyangwa serivisi iboneka mu Rwanda ari uburyo bwo kurengera no guteza imbere abacuruzi n'abashoramari bakorera mu Rwanda kandi byemewe n'amasezerano.

Ku birebana niba inyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga, Urega avuga ko ingingo ya 12 y'itegeko ryavuzwe haruguru inyuranyije n'ingingo ya 95 y'itegeko Nshinga kuko ivuguruza amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda mu gihe ayo masezerano asumba iryo tegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro. Ayo masezerano mpuzamahanga ahuriza ku ihame rya *National Treatment* risobanura ko ibintu bitumijwe mu mahanga bifatwa mu buryo bumwe n'iby'imbere mu gihugu igihe byamaze kuva muri gasutamo. Akomeza avuga ko iyo iri hame ritubahirijwe bituma habaho guhinduka kw'ihiganwa mu buryo butonesha serivisi cyangwa abatanga serivisi bo mu Rwanda ugereranije na serivisi cyangwa abatanga serivisi bo mu bindi bihugu, akaba ari ingaruka ziterwa n'iyo ngingo ya 12.

Leta y'u Rwanda ivuga ko ingingo ya 12 itanyuranyije n'ingingo ya 95 y'itegeko Nshinga ndetse ikaba itavuguruza ihame rya *National* Treatment ahubwo ishimangira iryo hame, kubera ko

serivisi z'imbere mu gihugu n'izatumijwe mu mahanga zose zifatwa kimwe kuko zisoreshwa umusoro ku nyongeragaciro kuzigomba gusoreshwa n'ubusanzwe cyangwa zigasonerwa kuri serivisi zisanzwe zisonerwa.

Inshuti y'urukiko nayo ivuga ko ingingo ya 12 y'itegeko ryavuzwe haruguru itanyuranyije n'ingingo ya 95 y'itegeko Nshinga kubera ko uretse no kuba igihe cyose ingingo y'itegeko itubahirijwe cyangwa inyuranyije n'ingingo y'itegeko ririsumba bidashobora kwitwa ko habayeho kwica Itegeko Nshinga.

Incamake y'icyemezo: 1. Gutandukanya abasoreshwa bagura serivise zivuye mu mahanga zitaboneka mu Rwanda n'abagura serivise zivuye mu mahanga ariko ziboneka mu Rwanda ntibyafatwa nko kubavangura cg kutabarengera kimwe imbere y'amategeko kuko bigamije gufungura isoko rya serivise kandi bikaba byarakozwe hari mpamvu zifite ireme zo gushyiraho ingamba zigamije kugabanya icyuho mu bucuruzi n'imyishyuranire n'amahanga.

2. Ihame rishingiye kw'isoreshwa ry'umukiriya (*Reverse charge*) riha inshingano umuguzi w'ibicuruzwa cyangwa serivise byaturutse hanze y'u Rwanda yo kubitangira umusoro ku nyongeragaciro wagenwe .

3. Ihame rishingiye ku hantu ibicuruzwa na serivisi byinjizwa mu mategeko agenga imisoro (*Destination Principle in Tax Law*) riteganya ko ibicuruzwa na serivisi bisoreshwa umusoro ku nyongeragaciro mu gihugu byinjijwemo cg byakoresherejwemo bigasonerwa umusoro ku nyongeragaciro mu bihugu byakorewemo cyangwa biturukamo.

4. Igihe hakiri imishyikirano igomba kubanza kuba cyangwa ibigomba kubanza gukorwa kugirango ibihugu byemeze

ibigomba gushingirwaho mu gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga biba byasinye, ntibyafatwa nko kutubahiriza ibiyakubiyemo.

Ikirego nta shingiro gifite.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 15 na 95.

World Trade Organization General Agreement on Trade in services (GATS).

World Trade Organization. Communication from Rwanda, Schedule of Specific Commitments under the General Agreement on Trade in Services, 30 August 1995

Protocol on establishment of East African Community Common Market.

Protocol to the Agreement Establishing the African Continental Free Trade Area on Trade in Services.

Decision on the African Continental Free Trade Area (AfCFTA), 33rd Ordinary Session of the Assembly of the Union, 9-10 February 2020, Addis Abeba, Ethiopia,

Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, ingingo ya 11 na 12.

Imanza zifashishijwe:

Conseil Constitutionnel, décision no 2009-599 DC du 29 décembre 2009, para 80

Gulf, Colorado & Santa Fe Ry. Co. v. Ellis 165 U.S. 150 (1897)

Vodacom Business Nigeria V. Federal Inland Revenue Service (FIRS), Appeal No. CA/556/2018, p.23

Re AKAGERA BUSINESS GROUP, RS/SPEC/0001/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 23/09/2016

Re Murangwa, RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 29/11/2019

Inyandiko z'Abahanga:

MINICOM, Made in Rwanda Policy, 2017, pp. 1-2,

F Paris and N Ghei, "The Role of Reciprocity in International Law" (2003) Cornell International LJ 36 (93), p. 94

Joseph J. Cordes, Robert D. Ebel, and Jane Gravelle, The Encyclopedia of Taxation & Tax Policy (The Urban Insitute, 2005), page 82-83

Hans Gribnau, "Equality, Legal Certainty and Tax Legislation in the Netherlands: Fundamental Legal Principles as Checks on Legislative Power: A Case Study", (2013) Utrecht L. Rev. 52 (9), p.62.

P. Lampreave,'Fiscal Competitiveness Vesus Harmful Tax Competition in the European Uninion" (2011) bfit 65 (6), p.4;

P T Scanlam,'Globalization and Tax-Related Issues: What are the Concerns?' in R Biswas (ed), International Tax Competition: Globaliztion and Fiscal Sovereignty (commonwealth Secretariat 2002), p.45;

Victor Thuronyi (ed), Tax Law Design and Drafting, Volume 1 (International Monetary Fund, 1996), page 196

William B. Barker, 'The Three Faces of Equality: Constitutional Requirements in Taxation', (2006), Case W.Res.L.Rev. 57(1), p. 5

Italian Discrimination against Imported Agricultural Machinery, Report adopted on 23 October 1958 (L/833 - 7S/60

Consultants 'Report on the Harmonization of Income Taxes within the East African Community, 1 November 2014; East

African Community, Report of the Meeting to validate the studies on development of Policy frameworks for the harmonization of VAT, Excise duties and Income tax in EAC, Mombasa, 23rd – 25th October 2014; PWC, Policy for harmonization of VAT and Excise duties, 28 October 2014.

East African Community, Report of the 38th Meeting of the Council of Ministers, 6th – 10th May 2019, pp. 30-31.

East African Community, Report of the 38th Meeting of the Council of Ministers, 6th – 10th May 2019, Annex IV: EAC Domestic Tax Harmonization Policy, pp. 8-9.

Urubanza

I. IMITERERE Y'IKIBAZO

[1] Me Nzafashwanayo Dieudonné yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko ingingo ya 12, igika cyayo cya 3 n'icya 4 y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro (*VAT*), inyuranyije n'ingingo ya 15 n'iya 95 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015.

[2] Me Nzafashwanayo Dieudonné akomeza avuga ko ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko n° 37/2012 ryavuzwe haruguru aregera ko inyuranyije n'Itegeko Nshinga, iteganya ko:

a. Iyo umusoreshwa yakiriye serivisi ahawe n'umuntu uri hanze y'u Rwanda, umusoreshwa afatwa nk'uwatanze serivisi zisoreshwa kandi akaba yarakiriye umusoro wakiriwe ahawe n'uwo mutuutaba mu Rwanda;

b. Gutanga serivisi bifatwa nk'ibyakozwe ku itariki izo serivisi zatangiweho n'umuntu uba hanze y'u Rwanda ku gaciro kagenwa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko. Umusoro wakiriwe utangwa ku itariki yo gutanga imenyesha ry'umusoro ku nyongeragaciro mu gihe cy'isoreshwa izo serivisi zatanzwemo. Umusoro wakiriwe ugomba kugaragara ku mpamyabwishyu yakoreshejwe mu kwishyura uwatanze serivisi zivuye mu mahanga, kandi iyo nyandiko ifatwa nk'inyemezabuguzi y'umusoro ku nyongeragaciro;

c. Hatitawe ku bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, abaguzi ba serivisi zivuye mu mahanga zitaboneka mu Rwanda, bemerewe kuvana umwenda w'umusoro ku kiranguzo mu musoro wakiriwe;

d. Serivisi zifatwa nk'aho zitaboneka mu Rwanda iyo nta muntu n'umwe utanga serivisi nk'izo cyangwa izisa na zo ku masoko yo mu gihugu."

[3] Ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda yo ivuga ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi ko itegeko ribarengera ku buryo bumwe; naho ingingo ya 95 yo ikavuga ko amategeko asumbana mu buryo bukurikira:

1° Itegeko Nshinga;

2° Itegeko Ngenga;

3° amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda;

4° itegeko risanzwe;

5° amateka.

Kandi ko nta tegeko rivuguruza iririsumba.

[4] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 23/06/2020, Me Nzafashwanayo Dieudonné yunganiwe na Me Bizimana Emmanuel hari na Leta y'u Rwanda ihagarariwe na Me Kabibi Spéciose. Muri iryo buranisha, Urukiko rwabanje kumva abari mu rubanza ku busabe bw'Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda (*School of Law*) rwo kurubamo Inshuti y'Urukiko (*Amicus Curiae*) mu rwego rwo gutanga ibitekerezo, maze rumaze kubona ko bemera ko ryakwemererwa kuko ryujuje ibisabwa, rwemera ko ubusabe bwaryo bwemewe, hanyuma rubona gusuzuma ingingo zigize urubanza mu mizi.

[5] Nk'uko babisobanura mu myanzuro no mu miburanire imbere y'Urukiko, Me Nzafashwanayo Dieudonné na Me Bizimana Emmanuel umwunganira bavuga ko bashingiye ku ihame rigaragara mu ngingo ya 15 y'Itegeko Nshinga yavuzwe haruguru, basanga ingingo ya 12 igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko N° 37/2012 ryavuzwe haruguru idafata abasora kimwe, aho umusoreshwa utumije serivisi mu mahanga mu rwego rw'ibikorwa bye by'ubucuruzi yemererwa gukura umusoro ku nyongeragaciro yishyuye (*input VAT*) kuri izo serivisi mu musoro ku nyongeragaciro yakiriye (*output VAT*) iyo gusa izo serivisi zitaboneka mu Rwanda, nyamara uguze serivisi imbere mu gihugu akemererwa gukura umusoro ku nyongeragaciro yishyuye kuri izo serivisi mu musoro ku nyongeragaciro yakiriye nta kindi abanje gusabwa.

[6] Bavuga kandi ko ibyo iyo ngingo ya 12 igika cya 3 n'icya 4 iteganya, binyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga yavuzwe haruguru, kubera ko ivuguruza ihame rya *national treatment* rikoreshwa cyane mu bucuruzi mpuzamahanga mu bya serivisi riteganywa na *World Trade Organization General Agreement on Trade in services* (GATS); *Protocol on*

establishment of East African Community Common Market (*EAC Common Market Protocol*), na *Protocol to the Agreement Establishing the African Continental Free Trade Area on Trade in Services*, kandi ayo masezerano mpuzamahanga yose u Rwanda rukaba rwarayashyizeho umukono rukanayemeza.

[7] Leta y'u Rwanda n'Inshuti y'Urukiko ntibemeranya nabo. Bavuga ko mu mategeko y'imisoro, igihugu gishobora gushyira abantu mu byiciro ku mpamvu zumvikana. Ibyo bikaba bitanyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko, ko ahubwo gusoresha abantu kimwe kandi batari mu cyiciro kimwe, aribyo byaba ari ukubasumbanya. Bavuga kandi ko kuba uburenganzira bwo kuvana umwenda w'umusoro ku kiranguzo mu musoro wakiriwe buhabwa uwatumije hanze serivisi zitaboneka mu gihugu ariko ntibuhabwe uwatumije hanze serivisi ziboneka mu gihugu ari uburyo bwo kurengera abashoramari bo mu gihugu, ubwo buryo bukaba bwemewe na WTO/GATS nk'irengayobora ku ihame rya *national treatment.*

[8] Urukiko rusanga ibibazo bigomba gusuzumwa muri uru rubanza ari:

A. Kumenya niba ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko No. 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

B. Kumenya niba ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko No. 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

A. Gusuzuma niba ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko N° 37/2012 ryo kuwa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

[9] Me Nzafashwanayo Dieudonné na Me Bizimana Emmanuel umwunganira bavuga ko ingingo ya 12 igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 ryavuzwe haruguru inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015 ivuga ko abantu bari mu cyiciro kimwe bareshya imbere y'amategeko, kuko idafata kimwe abasora aho umusoreshwa utumije serivisi mu mahanga mu rwego rw'ibikorwa bye by'ubucuruzi yemererwa gukura umusoro ku nyongeragaciro yishyuye (*input VAT*) kuri izo serivisi mu musoro ku nyongeragaciro yakiriye (*output VAT*) iyo gusa izo serivisi zitaboneka mu Rwanda, ariko uguze serivisi imbere mu gihugu akemererwa gukura umusoro ku nyongeragaciro yishyuye kuri serivisi mu musoro ku nyongeragaciro yakiriye nta kindi asabwe. Basobanura ko n'ubwo Leta yemerewe kuba yafata abantu ku buryo butandukanye cyangwa ikabashyira mu byiciro, hari uburyo bigomba gukorwa hashingiwe ku mpamvu yumvikana, kandi bigakorwa hubahirizwa amahame ateganywa n'Itegeko Nshinga nk'uko byemejwe n'Urukiko rurinda iremezo ry'Itegeko Nshinga rwo mu Bufaransa, aho urwo rukiko rwabivuze muri aya magambo y'Igifaransa: "*il appartient au Législateur de déterminer, dans le respect des principes constitutionnels et*

compte tenu des caractéristiques de chaque impôt, les règles selon lesquelles doivent être assujettis les contribuables…"[1]

[10] Me Bizimana Emmanuel avuga ko n'Urukiko rw'Ikirenga rwo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika[2] rwabivuze muri aya magambo y'icyongereza: *"The mere fact of classification is not sufficient to relieve a statute from the reach of the equality clause of the Fourteenth Amendment, and in all cases it must appear not merely that a classification has been made, but also that it is based upon some reasonable ground - something which bears a just and proper relation to the attempted classification, and is not a mere arbitrary selection*".

[11] Ahereye kuri ibyo byemejwe n'inkiko nkuru (zifite ububasha bwo kureba ko amategeko atanyuranyije n'Itegeko Nshinga—*judicial review*) zo mu bindi bihugu, Me Bizimana Emmanuel asanga nta mpamvu n'imwe yumvikana kandi ifatika yatuma umucuruzi utumije mu mahanga serivisi zikenewe mu bikorwa bye by'ubucuruzi atemererwa gukura umusoro ku nyongeragaciro yishyuye (*input* VAT) kuri izo serivisi mu musoro ku nyongeragaciro yakiriye (*ouput VAT*) hagendewe ku kuba izo serivisi zitaboneka mu Rwanda, mu gihe uguze serivisi imbere mu gihugu we abyemererwa nta kindi asabwe.

[12] Me Nzafashwanayo Dieudonné na Me Bizimana Emmanuel umwunganira basanga n'iyo Leta y'u Rwanda yavuga ko icyari kigamijwe hashyirwaho ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko n° 37/2012 ari ugukangurira abantu kugura serivisi z'imbere mu gihugu kurusha izitumijwe mu mahanga mu

---

[1] Reba *Conseil Constitutionnel, décision* no 2009-599 DC du *29 décembre* 2009, para 80

[2] Reba Gulf, Colorado & Santa Fe Ry. Co. v. Ellis 165 U.S. 150 (1897)

rwego rwo kurengera urwego rwa serivisi, Urukiko rutabifata nk'impamvu yemewe kuko binyuranyije n'ihame rya *national treatment* riteganywa mu masezerano mpuzamahanga yerekeye ubucuruzi mpuzamahanga mu bya serivisi u Rwanda rwasinye rukanayemeza. Bakavuga ko muri urwo rwego, ingingo ya 17 ya *East African Community Common Market Protocol*, ingingo ya 17 ya *General Agreement on Trade in Services (GATS)* ndetse n'iya 20 ya *African Continental Free Trade Area Protocol on Trade in Services* zose ziteganya ko igihugu cyasinye aya masezerano kigomba gufata abatanga serivisi zo mu bindi bihugu mu buryo bumwe (*no less favourable treatment*) na serivisi zo muri icyo gihugu zisa nazo cyangwa abantu bo muri icyo gihugu batanga serivisi zisa nazo.

[13] Bashingiye kuri izo mpamvu zose zavuzwe haruguru, banzura bavuga ko ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko n° 37/2012 ituma habaho ukutareshya kw'abantu imbere y'amategeko n'ukutarengerwa n'itegeko mu buryo bumwe nk'uko biteganijwe mu ngingo ya 15 y'Itegeko Nshinga kuko binatuma serivisi z'imbere mu gihugu zidashobora guhiganwa ku rwego rumwe na serivisi zo mu mahanga zishobora gukenerwa n'abakorera ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda kubera ubwo busumbane.

[14] Me Kabibi Spéciose, uhagarariye Leta y'u Rwanda, avuga ko kuba urwego rwashyira abantu mu byiciro bidasobanura ko buri gihe ari ukubavangura, ko uwo murongo ari nawo wemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/SPEC/0001/16/CS rwaciwe ku wa 23/09/2016 no mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC rwaciwe ku wa 29/11/2019.

[15] Me Kabibi Spéciose yakomeje avuga ko mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC rwaciwe ku wa 29/11/2019, Urukiko rw'Ikirenga rwemeje kandi ko: mu birebana n'imisoro, umushingamategeko afite ubwisanzure bwo gushyira abasoreshwa mu byiciro cyane cyane ko ari mu mwanya mwiza kurusha inkiko, wo kumenya ibyo abaturage na Leta bakeneye akabiheraho ashyiraho ibyiciro n'igipimo cy'isoresha, ibyo akaba abyemerewe, keretse bigaragaye ko byakozwe hashingiwe ku ivangura rigamije gukandamiza bamwe.

[16] Me Kabibi Speciose asobanura ko kuba Umushingamategeko yarashyize abasoreshwa mu byiciro bibiri aribyo icyiciro cy'abasoreshwa bagura serivisi zivuye mu mahanga zitaboneka mu Rwanda n'icyiciro cy'abasoreshwa bagura serivisi zivuye mu mahanga ariko ziboneka no mu Rwanda, bitafatwa nko kuvangura cyangwa kutarengerwa kimwe imbere y'amategeko kuko yabikoze kubera impamvu nziza, kandi zumvikana. Zimwe muri izo mpamvu akaba ari ukurengera no guteza imbere abacuruzi n'abashoramari bato bakorera mu Rwanda, gukomeza urwego rw'umusoro ku nyongeragaciro kuko iyo uwo muntu arangura iyo serivisi mu Rwanda, abamugurishije iyo servisi batanga umusoro ku nyongeragaciro mu gihe iyo uranguye servisi hanze y'u Rwanda abo bagurishije izo serivisi badasorera mu Rwanda, ibyo bikaba byumvikana ko uwiyemeje kurangura izo serivisi hanze akwiye kuba ariwe usora uwo musoro ku nyongera gaciro kuko ataguriye uwari busore mu Rwanda kandi ahari.

[17] Me Kabibi Spéciose avuga ko ku baguze serivisi zitaboneka mu Rwanda hanze y'igihugu, bo ntabwo bishyura uwo musoro (bemerewe kuvana umwenda w'umusoro ku kiranguzo mu musoro wakiriwe), kubera ko nta bundi buryo

babonamo izo serivisi uretse kuzikura hanze, hakaba nta n'umucuruzi uri mu Rwanda wari busorere izo serivisi wanze guhabwa ayo mahirwe yuko ariwe baranguraho. Asoza avuga ko ibivugwa na Me Nzafashwanayo Dieudonné na Me Bizimana Emmanuel umwunganira ko ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko N° 37/2012 inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 nta shingiro bifite.

[18] Mu izina ry'Inshuti y'Urukiko (*amicus curiae*), Me Habimana Pie avuga ko igihugu icyo aricyo cyose gifite ubwigenge busesuye mu gushyiraho amategeko y'imisoro mu miterere yayo yose. Yanavuze ko ubwigenge mu misoro n'imisoreshereze bwemezwa n'abahanga mu mategeko nk'ikintu cya ngombwa kugira ngo igihugu kibeho nk'igihugu kandi ko ari ntayegayezwa.[3]Anavuga ko ubwigenge mu misoro kandi buhoraho ku bihugu kabone n'ubwo ibyo bihugu byaba byibumbiye mu miryango mpuzamahanga, atanga ingero ku muryango mpuzamahanga mu bukungu n'iterambere (*Organisation for Economic Cooperation and Development – OECD*) ndetse n'Umuryango w'ubumwe bw'Uburayi (*European Union -EU*) aho usanga urwego rw'imisoro ari urwego rukigendera ahanini ku mategeko ya buri gihugu mu bwigenge n'ubwisanzure.[4]

---

[3] *P. Lampreave,'Fiscal Competitiveness Vesus Harmful Tax Competition in the European Uninion" (2011) bfit 65 (6), p.4;*
P T Scanlam,'Globalization and Tax-Related Issues: What are the Concerns?' in R Biswas (ed), International Tax Competition: Globaliztion and Fiscal Sovereignty (ommonwealth Secretariat 2002), p.45;

[4] *Hans Gribnau, "Equality, Legal Certainty and Tax Legislation in the Netherlands: Fundamental Legal Principles as Checks on Legislative Power: A Case Study", (2013) Utrecht L. Rev. 52 (9), p.62.*

[19] Me Habimana Pie yakomeje avuga ko no mu gihugu kimwe bibaho ko uturere cyangwa uduce tumwe na tumwe tugira amategeko y'imisoro atandukanye, ko no mu Rwanda ariko bimeze ku misoro imwe n'imwe nk'imisoro ku butaka aho usanga ingano y'umusoro wishyurwa (*rate*) atari imwe ndetse n'umusoro w'ipatanti abantu bakaba bawusora ku ngano zitandukanye bitewe n'aho bakorera ibikorwa byabo by'ubucuruzi ndetse na kamere yabyo.

[20] Me Habimana Pie yavuze kandi ko uburinganire cyangwa ugufata kimwe mu mategeko y'imisoro kumvikana nk'ihame ryo gufata kimwe abameze kimwe no kudafata kimwe abatameze kimwe. Ibyo yabihuje n'ibyo umuhanga mu mategeko witwa William B. Barker yanditse ko "*things that are alike should be treated alike and things that are unlike should be treated unlike in proportion of their un-likeness.*[5] Muri urwo rwego, Me Habimana Pie yakomeje avuga ko gufata kimwe mu misoro abantu batameze kimwe ahubwo aribyo byaba kudafata abantu kimwe nk'uko umuhanga mu mategeko, William B. Barker yabyanditse avuga ko uwagerageza kureshyeshya abantu mu misoro ahubwo byarangira ashyizemo ubusumbane.[6]

[21] Na none Me Habimana Pie yavuze ko ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4, y'itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro,

---

[5] *William B. Barker, 'The Three Faces of Equality: Constitutional Requirements in Taxation', (2006), Case W.Res.L.Rev. 57(1), p. 5 – Reba igika cya 8 cy'Umwanzuro w'Inshuti y'Urukiko (Amicus Curiae)*

[6] *The truth is that a formally equal tax can be in some cases the most unequal of all taxes. [….] In the same token, it has been even argued that adhering to a strict standard of equality would result in disaster.", - William B. Barker, op. cit., pp. 7,8,16. – Reba igika cya 9 cy'Umwanzuro w'Inshuti y'Urukiko (Amicus Curiae).*

itafatwa ukwayo yonyine ahubwo ikwiye gusobanurwa hanarebwe ingingo ya 15 y'iryo tegeko igaragaza igihe umusoreshwa yemererwa umusoro ku kiranguzo (*allowance of input tax*), bityo izi ngingo zombi ziramutse zisomewe hamwe zikaba zagaragaza ko hari ihame n'irengayobora (*principle and exceptions*) mu kwemerera umusoreshwa gukuramo cyangwa kudakuramo umusoro ku kiranguzo (*input* VAT).

[22] Asoza avuga ko ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu itanyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, kubera ko umusoreshwa uvugwa muri iyo ngingo ya 12, waguze hanze serivisi iboneka mu Rwanda n'umusoreshwa waguze serivisi mu Rwanda, ari abantu 2 batandukanye ku buryo ntaho umuntu yahera avuga ko ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga itubahirijwe kuko abantu batameze kimwe batanafatwa kimwe cyane cyane ko gusoresha uwo waguze hanze ibicuruzwa cyangwa serivisi iboneka mu Rwanda ari uburyo bwo kurengera no guteza imbere abacuruzi n'abashoramari bakorera mu Rwanda kandi bwemewe n'amasezerano mpuzamahanga urega avuga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[23] Mu gusesengura ikibazo cyo kumenya niba ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Urukiko rurasanga ari ngombwa kubanza gusobanura amahame abiri y'ingenzi arebana n'iby'umusoro ku nyongeragaciro ku bucuruzi bw'ibintu na serivisi byambukiranya

umupaka, ariyo *Reverse Charge Principle* na *Destination Principle*, nyuma rukareba n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko (*Equality before the Law)*.

[24] Ku birebana n'ihame rishingiye ku isoreshwa ry'umukiliya (*Reverse Charge in Ta*x), abahanga mu mategeko basobanura ko iryo hame rishingiye ku isoresha ry'umukiliya rifata umukiliya wahawe serivisi iturutse hanze y'igihugu nk'aho ariwe wayihaye. Uwo mukiliya akaba agomba kwegera inzego zishinzwe isoresha kugira ngo atange umusoro ku nyongeragaciro wagenwe nk'umusoro ushingiye kuri serivisi yahawe.[7]

[25] Ibi ni nabyo byasobanuwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Nigeria muri *Vodacom Business Nigeria V. Federal Inland Revenue Service (FIRS)* aho rwavuze ko ihame rishingiye ku isoreshwa ry'umukiliya rikoreshwa mu bihugu bigize Umuryango w'u Burayi aho umuguzi w'ibicuruzwa cyangwa serivisi byaturutse ku mugurisha ukorera mu kindi gihugu cy'Umuryango w'u Burayi ariwe ufite inshingano yo gutanga umusoro ku nyongeragaciro wagenwe aho kuba umugurisha. Hashingiwe kuri iri hame, ni umuguzi w'ibicuruzwa cyangwa serivisi utanga umusoro ku nyongeragaciro, mu yandi magambo umusoro utangwa n'umuntu wahawe ibicuruzwa cyangwa serivisi.[8]

---

[7] *Victor Thuronyi (ed), Tax Law Design and Drafting, Volume 1 (International Monetary Fund, 1996), page 196 "A reverse-charging rule treats the customer being supplied with a service originating abroad as making the supply to itself. It must then account to its tax authorities for the VAT due as output tax on that supply*

[8] "***The reverse charge applicable to European Union Countries whereby the buyer of goods or services from supplier(s) in other EU countries assumes the responsibility of paying the applicable VAT rates instead of the Supplier.***

[26] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa haruguru, Urukiko rukaba rusanga ihame rishingiye ku isoreshwa ry'umukiliya ku musoro ku nyongeragaciro mu Muryango w'u Burayi risobanura ko iyo umuntu aguze ibicuruzwa cyangwa serivisi ku bagurisha bakorera mu bindi bihugu by'Umuryango w'u Burayi, ihame rishingiye ku isoreshwa ry'umukiliya rivana inshingano zo gukora ibijyanye n'itangwa ry'umusoro ku nyongeragaciro ku mugurisha zigahabwa umuguzi w'ibyo bicuruzwa cyangwa izo serivisi. Iryo hame rikaba rikuraho cyangwa rikagabanya inshingano z'abagurisha zo kwiyandikisha ku musoro ku nyongeragaciro mu gihugu ibicuruzwa cyangwa serivisi byinjijwemo. Iyo abagurisha basabwa gutanga umusoro nyongeragaciro ku kiguzi cy'ibicuruzwa cyangwa serivisi byagemuwe hashingiwe ku ihame rishingiye ku isoreshwa ry'umukiliya, bashobora gusubizwa uwo musoro hashingiwe ku buryo bwo gusaba gusubizwa umusoro ku nyongeragaciro bwashyizweho mu Muryango w'u Burayi.[9]

[27] Urukiko rusanga ihame rya *Reverse Charge* rimaze gusobanurwa hejuru nk'uko rikoreshwa mu Muryango w'u Burayi riteganyijwe mu ngingo ya 12, igika cya 1, y'Itegeko N°. 37 ryo ku wa 09/04/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro aho ivuga ko iyo umusoreshwa yakiriye serivisi ahawe n'umuntu uri hanze y'u Rwanda, umusoreshwa afatwa nk'uwakiriye

---

***By this principle it is the buyer of goods or services that pays the VAT, put differently the VAT is paid by the person to whom the goods or services are supplied**." - Vodacom Business Nigeria V. Federal Inland Revenue Service (FIRS), Appeal No. CA/556/2018, p.23, https://lawpavilionplus.com/summary/judgments/?suitno=CA.*

[9] *KPMG International, VAT/GST Treatment of Cross-Border Services, 2017 Survey, p.20,https://assets.kpmg/content/dam/kpmg/xx/pdf/2017/11/ess-survey-13-nov-17.pdf*

serivisi zisoreshwa kandi akaba yarakiriye umusoro wakiriwe ahawe n'uwo muntu utaba mu Rwanda.

[28] Ku bijyanye n'ihame rishingiye ku hantu ibicuruzwa na serivisi byinjizwa mu mategeko agenga imisoro (*Destination Principle in Tax Law*), Urukiko rusanga ryarasobanuwe mu rubanza rwavuzwe haruguru rwa *Vodacom Business Nigeria na Federal Inland Revenue Service (FIRS)* aho Urukiko rw'Ubujurire rwemeje ko ihame rishingiye ku hantu ibicuruzwa na serivisi byinjizwa mu mategeko agenga isoreshwa rivuga ko ibicuruzwa byatumijwe mu gihugu bisonerwa umusoro ku nyongeragaciro ahubwo bigasoreshwa umusoro ku nyongeragaciro mu gihugu byinjijwemo. Iri hame rishyirwa imbere n'Umuryango w'Ubufatanye mu Bukungu n'Iterambere (OECD).[10]

[29] Abahanga mu mategeko nabo bavuga ko hashingiwe ku ihame ry'isoresha rishingiye ku hantu igicuruzwa cyinjijwe, ibicuruzwa na serivisi bisoreshwa aho byagurishirijwe cyangwa byakoresherejwe aho kuba aho byakorewe cyangwa bituruka. Ibicuruzwa na serivisi byose byagurishijwe mu gihugu byinjijwemo birasoreshwa, iyo bitasonewe by'umwihariko umusoro.[11]

---

[10] ***The Destination principle in taxation stipulates that goods imported from a State are exempted from VAT and are instead taxed from VAT in the Destination State in which the goods are imported. It is in principle promoted by Organization for Economic Co-operation and Development (OECD)."*** *Vodacom Business Nigeria V. Federal Inland Revenue Service (FIRS), Appeal No. CA/556/2018, p. 23, https://lawpavilionplus.com/summary/judgments/?suitno=CA.*

[11] *Joseph J. Cordes, Robert D. Ebel, and Jane Gravelle, The Encyclopedia of Taxation & Tax Policy (The Urban Insitute, 2005), page 82-83.* ***Under the destination principle*** *of taxation, goods and services are taxed where they are*

[30] Ku bijyanye n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko, ingingo ya 7 y'Itangazo ry'Umuryango w'Abibumbye ku burenganzira bwa muntu, (*Universal Declaration of Human Rights*), ryo mu mwaka wa 1948, ivuga ko abantu bose bareshya imbere y'amatageko kandi barengerwa kimwe n'amategeko nta vangura iryo ari ryo ryose.[12] Naho ingingo ya 26 y'Amasezerano Mpuzamahanga ku burenganzira Mbonezamubano n'ubwa Politiki (*International Covenant on Civil and Political Rights, 1966*) igateganya ko abantu bose bareshya imbere y'amatageko kandi barengerwa kimwe n'amategeko nta vangura iryo ari ryo ryose.[13]

[31] Abahanga mu mategeko, nk'uko byanasobanuwe n'Inshuti y'Urukiko (*amicus curiae*),[14] bavuga ko ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rivuga ko itegeko rifata nk'abareshya abantu bari mu cyiciro kimwe kandi rigashyirwa

---

purchased or consumed, rather than where they are produced or originate. Destination-basis treatment can be contrasted with the origin principle, under which goods and services are taxed where they are produced. All goods and services sold in the destination jurisdiction are taxed, provided they are not specifically exempted from the tax base;

[12] *All are equal before the law and are entitled without any discrimination to equal protection of the law. All are entitled to equal protection against discrimination in violation of this Declaration and against any incitement to such discrimination''*

[13] *"All persons are equal before the law and are entitled without any discrimination to equal protection of the law. In this respect, the law shall prohibit any discrimination and guarantee to all persons equal and effective protection against discrimination on any ground such as race, colour, language, religion, political or other opinion, national or social origin, property, birth or other status".*

[14] Reba Inyandiko ikubiyemo ibitekerezo by'Ishami ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda (School of Law/University of Rwanda) nka Amicus Curiae mu rubanza RS/INCONST/SPEC/00004/2019/SC, ibika bya 8, 9 na 10.

mu bikorwa kimwe. Mu yandi magambo, ibisa bifatwa kimwe. Ni ukuvuga ko nta vangura rigomba kubaho ku bantu bari mu bihe bisa no mu buryo busa. Bikumvikana ko abantu batari mu cyiciro kimwe badashobora gufatwa kimwe.

[32] Rushingiye ku bimaze kuvugwa mu bika bibanza, Urukiko rurasanga kuba igihugu cyashyira abasoreshwa mu byiciro bidasobanura ko buri gihe ari ukubavangura dore ko uwo murongo ari nawo wemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/SPEC/0001/16/CS rwaciwe ku wa 23/09/2016 no mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC rwaciwe ku wa 29/11/2019, aho rwemeje ko: kureshya imbere y'amategeko no kutavangura bitavuze ko gutandukanya abantu ubwabyo mu bihe byose ari ivangura. Gutandukanya abantu cyangwa gushyiraho ibyiciro by'abantu bishobora kuba ngombwa bitewe n'ikigambiriwe, hari impamvu zumvikana zishingiye ku ntego ifite ireme (legitimate or rational purpose).

[33] Muri uru rubanza, bikaba byumvikanisha ko gutandukanya abasoreshwa bagura serivisi zivuye mu mahanga zitaboneka mu Rwanda n'icyiciro cy'abasoreshwa bagura serivisi zivuye mu mahanga ariko ziboneka no mu Rwanda bitafatwa nko kuvangura cyangwa kutarengerwa kimwe imbere y'amategeko kuko Leta yabikoze hari impamvu zumvikana zifite ireme, nko gushyiraho ingamba zigamije kugabanya icyuho mu bucuruzi n'imyishyuranire n'amahanga igihe u Rwanda rugenda rushyira mu bikorwa ibyo gufungura isoko rya serivisi mu rwego rw'ubucuruzi bwa serivisi bwambukiranya umupaka, nk'uko turi bubisobanure dusuzuma icyo kibazo.[15]

---

[15] Ikibazo cyo kumenya niba ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 inyuranyije na GATS, AFCTA Protocol on Trade in Services na EAC Common Market Protocol

[34] Urukiko ruhereye ku bisobanuro byatanzwe mu bika bibanziriza iki, rukaba rusanga ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro itanyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

B. Kumenya niba ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015

[35] Me bizimana Emmanuel avuga ko ingingo ya 12 (mu gika cyayo cya 3 n'icya 4) y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda kuko ivuguruza amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda mu gihe ayo masezerano asumba itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro kuko ari itegeko risanzwe kandi ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga iteganya uko amategeko asumbana iteganya ko nta tegeko rivuguruza iririsumba.

[36] Me Bizimana Emmanuel avuga ko ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko N° 37/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda akurikira: *Protocol on the Establishment of the East African Community Common Market (EAC Common Market)* mu ngingo yayo ya 17, *World Trade Organisation (WTO) General Agreement on Trade in Services ("GATS")* mu ngingo yayo ya17 na *Protocol to the Agreement Establishing the African Continental Free Trade Area on Trade in Services (AfCFTA Protocol on Trade in Services*) mu ngingo yayo ya 20.

Avuga ko izo ngingo z'ayo masezerano mpuzamahanga zihuriza ku ihame rya national treatment riba ritubahirijwe iyo ingamba zifashwe zituma habaho guhinduka kw'ihiganwa mu buryo butonesha serivisi cyangwa abatanga serivisi bo mu gihugu runaka ugereranije na serivisi cyangwa abatanga serivisi bo mu bindi bihugu.

[37] Me Bizimana Emmanuel akomeza avuga ko asanga umusoro ku nyongeragaciro umucuruzi yishyuye arangura ibintu cyangwa serivisi bikenewe mu bikorwa bye by'ubucuruzi (*input VAT*), aba agomba kwemererwa kuwukura mu musoro ku nyongeragaciro yakiriye mu bucuruzi bwe (*output tax*) cyangwa agasubizwa urengaho mu gihe umusoro ku nyongeragaciro ku kiranguzo yishyuye uruta umusoro ku nyongeragaciro yakiriye.

[38] Me Bizimana Emmanuel akomeza avuga ko ariko ingingo ya 12 (mu gika cyayo cya 3 n'icya 4 y'Itegeko n° 37/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro idafata kimwe serivisi zo mu Rwanda ndetse na serivisi zitumizwa mu bindi bihugu, kandi uko kutazifata kimwe bishobora gutuma abacuruzi bo mu Rwanda batagura serivisi zo mu bindi bihugu (ahubwo bagahitamo kugura serivisi zo mu Rwanda) kuko baba bazi ko batazemererwa gukura umusoro ku nyongeragaciro ku kiranguzo bishyuye kuri izo serivisi mu musoro ku nyongeragaciro bakira mu gihe izo serivisi zishobora kuboneka mu Rwanda.

[39] Me Bizimana Emmanuel avuga ko ingaruka zikomoka kuri iyi ngingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) ari uko bituma habaho guhinduka kw'ihiganwa mu buryo butonesha serivisi cyangwa abatanga serivisi bo mu Rwanda ugereranije na serivisi cyangwa abatanga serivisi bo mu bindi bihugu, bityo bikaba binyuranyije n'ihame rya *national treatment* riteganijwe mu ngingo ya 17 ya

EAC Common Market Protocol, ingingo ya 17 ya *GATS* ndetse n'ingingo ya 20 y'*AfCFTA Protocol on Trade in Services*.

[40] Me Nzafashwanayo Dieudonné na Me Bizimana Emmanuel umwunganira bavuga ko ibyo ari nabyo byanagarutsweho na *World Trade Organisation (WTO) Panel* isobanura ihame rya *national treatment* mu bucuruzi bw'ibintu mu rubanza[16] aho yemeje ko iryo hame rya *national treatment* risobanura ko ibintu bitumijwe mu mahanga bifatwa mu buryo bumwe n'iby'imbere mu gihugu igihe byamaze kuva muri gasutamo, kandi ko kuba itegeko runaka ridateganya ibijyanye n'uburyo ibintu bigurwa cyangwa bicuruzwa ntacyo bivuze kuko bitabaye ibyo ibihugu byashobora gukumira ibiva ku masoko yo hanze mu buryo buziguye.

[41] Bakomeza bavuga kandi ko *WTO Panel* isobanura ko ihame rya *national treatment* ritareba amategeko agena igura n'igurisha gusa ahubwo rireba n'andi mategeko ashobora kugira ingaruka (*adverse effects*) ku ipiganwa ryo ku isoko ryo mu gihugu hagati y'iby'imbere mu gihugu ndetse n'ibyatumijwe mu mahanga, ko ibyo bagaragaje haruguru ari nabyo *WTO Panel* yashingiyeho maze yemeza ko itegeko ryatowe n'Inteko Ishingamategeko y'u Butaliyani ryemerera inyunganizi (*subsidisation*) abahinzi bagura imashini zakorewe mu Butaliyani ariko ntiriyemerere abagura izitumijwe mu mahanga, n'ubwo bitanditse muri iryo tegeko byari bigamije kurengera mu buryo butemewe imashini zikorerwa mu Butaliyani bityo bikaba binyuranyije n'ihame rya *national treatment*.

---

[16] Reba *Italian Discrimination against Imported Agricultural Machinery, Report adopted on 23 October 1958* (L/833 - 7S/60

[42] Me Kabibi Spéciose avuga ko ibiteganywa n'ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ntaho binyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga ndetse bitanavuguruza ihame rya *national treatment* riri mu masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje, kubera ko kuba uburenganzira buhabwa uwatumije serivisi zitaboneka mu gihugu ariko ntibuhabwe uwatumije hanze serivisi ziboneka mu gihugu ari uburyo bwo kurengera abashoramari bo mu gihugu imbere hatumizwa gusa serivisi zitaboneka mu gihugu, kandi ubwo buryo bukaba bwemewe na WTO/GATS kuko itanga irengayobora ku ihame rya *national treatment.*

[43] Me Kabibi Spéciose akomeza avuga ko ingingo ya 12 (igika cya 3 n'igika cya 4 yavuzwe haruguru ntaho inyuranyije n'ihame rya *national treatment* ahubwo ishimangira iryo hame, kubera ko serivisi z'imbere mu gihugu n'izatumijwe mu mahanga zose zifatwa kimwe kuko zisoreshwa umusoro ku nyongeragaciro kuzigomba gusoreshwa n'ubusanzwe cyangwa zigasonerwa kuri serivisi zisanzwe zisonerwa. Asobanura kandi ko kuba kuri serivisi zitaboneka mu Rwanda umusoro kunyongeragaciro umusoreshwa yemerewe wakurwamo cyangwa umusoreshwa waranguye izo serivisi zitaboneka mu Rwanda yawusubizwa, bitica ihame rya *national treatment* kuko izo serivisi n'ubusanzwe imbere mu gihugu ntazihari ngo byitwe ko zahawe amahirwe make kuruta izavuye hanze zemererwa gukuramo uwo musoro.

[44] Mu izina ry'Inshuti y'Urukiko (*amicus curiae*), Me Habimana Pie avuga ko kuba uwatanze ikirego avuga ko ingingo ya 12 (mu gika cyayo cya 3 n'icya 4 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika

y'u Rwanda kuko ivuguruza amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda ataribyo kubera ko uretse no kuba igihe cyose ingingo y'itegeko itubahirijwe cyangwa inyuranyije n'ingingo y'itegeko ririsumba bidashobora kwitwa ko habayeho kwica Itegeko Nshinga, nta n'aho iyo ngingo ya 12 inyuranya n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga.

[45] Me Habimana Pie yakomeje avuga ko ashingiye ku ihame rya *reciprocity* nka rimwe mu mahame akomeye cyane agenga amasezerano Mpuzamahanga risobanura ko ibihugu bigenzereza ibindi bihugu uko nabyo byabigenzereje kandi bibyitwaraho nk'uko nabyo byabyitwayeho,[17] nta muntu ukwiye gusaba igihugu kimwe ko ingingo iyi n'iyi y'amasezerano mpuzamahanga yubahirizwa ahubwo akwiye kubisaba ibihugu byose birebwa n'ayo masezerano cyangwa se urundi rwego mpuzamahanga rubifitiye ububasha kuruta uko byafatwa nk'ikibazo cyo kunyuranya n'Itegeko Nshinga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[46] Mu gusesengura ikibazo cyo kumenya niba ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Urukiko rurasanga hagomba kubanza gusuzumwa niba ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'itegeko ryavuzwe inyuranyije n'amasezerano mpuzamahanga urega yavuze kuko ariho ahera avuga ko ibiteganyijwe muri ibi bika by'iyi ngingo bivuguruza ayo masezerano kandi ayo masezerano

[17] F Paris and N Ghei, "*The Role of Reciprocity in International Law" (2003) Cornell International LJ* 36 (93), p. 94.

ari hejuru y'itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, ukurikije ibiteganywa n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

a. Kumenya niba ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko No. 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'Amasezerano rusange ku bucuruzi muri serivisi (GATS), Amasezerano y'Isoko rusange ry'Afurika ku bucuruzi muri serivisi (*African Continental free Trade Area Protocol on Trade in Services*) n'Amasezerano y'Isoko rusange ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (*EAC Common Market Protocol*).

[47] Amasezerano rusange y'ubucuruzi muri serivisi (*GATS*) agizwe n'Ingingo z'Amasezerano, Imigereka n'Ingengabihe (*Schedule*) igaragaza ubwokobwa serivisi buri gihugu cyiyemeje gufungurira ibindi bihugu n'ibyo cyiyemeje kutabifungurira mu gihe runaka. Kugira ngo rero umenye uburyo igihugu kiri muri *GATS* cyubahiriza amahame remezo *GATS* yubakiyeho harimo n'ihame ryo gufata ibintu cyangwa serivisi nk'ibindi byo mu gihugu nyiri zina (*national treatment*), ugomba kureba kuri iyo Ngengabihe (*Schedule*) yavuzwe haruguru.

[48] Ku byerekeye ibyo gufata serivisi nk'iz'inyagihugu (*national treatment*) nk'uko biteganyijwe n'ingingo ya XVII[18] ya *GATS*, ibyo bivuga ko buri gihugu kigomba gufata serivisi

---

[18] ***Article XVII: National Treatment***

1. In the sectors inscribed in its Schedule, and subject to any conditions and qualifications set out therein, each Member shall accord to services and service suppliers of any other Member, in respect of all measures affecting the supply of services, treatment no less favourable than that it accords to its own like services and service suppliers.

cyangwa abatanga serivisi bakomoka mu bindi bihugu ku buryo budatandukanye n'uburyo gifata serivisi cyangwa abatanga serivisi bo muri icyo gihugu. Iyo igihugu gishaka kugira ibyo gikumira muri urwo rwego, ni ukuvuga gufata ingamba zimwe zituma serivisi zituruka hanze cyangwa abazitanga zifatwa ku buryo butari bumwe n'uko izo mu gihugu zifashwe, igihugu kigomba kubigaragaza mu nkingi ya gatatu y'Ingengabihe (*Schedule*) yacyo.

[49] Urukiko rusanga ko no mu Ngengabihe (*Schedule*) y'ibyo u Rwanda rwiyemeje mu rwego rw'Amasezerano Rusange yerekeye ubucuruzi muri serivisi (*GATS*), rwagejeje ku Muryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi (*World Trade Organization)* muri 1995, hagaragara ko hari serivisi rutiyemeje gufungura harimo zimwe muri serivisi z'ubucuruzi, zimwe muri serivisi z'uburezi, zimwe muri serivisi z'ubukerarugendo na serivisi zijyanye n'ingendo.[19]

[50] Urukiko rusanga kandi ingingo ya XII[20] y'ayo Masezerano iteganya ko igihugu gishobora gufata ibyemezo

---

[19] *World Trade Organization. Communication from Rwanda, Schedule of Specific Commitments under the General Agreement on Trade in Services, 30 August 1995*

[20] *Article XII GATS:* ***Restrictions to Safeguard the Balance of Payments***

1. In the event of serious balance-of-payments and external financial difficulties or threat thereof, a Member may adopt or maintain restrictions on trade in services on which it has undertaken specific commitments, including on payments or transfers for transactions related to such commitments. It is recognized that particular pressures on the balance of payments of a Member in the process of economic development or economic transition may necessitate the use of restrictions to ensure, inter alia, the maintenance of a level of financial reserves adequate for the implementation of its programme of economic development or economic transition.

Part III. Specific Commitment.

bikumira serivisi z'inyamahanga mu rwego rwa politiki yacyo yo kuziba icyuho mu bucuruzi n'ubwishyuranire bwacyo n'amahanga (*restrictions to safeguard the balance of payments)*.

[51] Muri urwo rwego, muri politiki zitandukanye harimo n'iyitwa '*Made in Rwanda Policy'*,[21] u Rwanda rwagiye rugaragaza ingamba zo kugabanya icyuho hagati y'ibyo rugura mu mahanga n'ibyo rwohereza mu mahanga ndetse no kugabanya icyuho mu buryo bw'imyishyuranire mpuzamahanga.

[52] Ruhereye ku bimaze kuvugwa mu bika bibanza, Urukiko rusanga ibyo urega avuga ko mu gushyiraho ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4, y'Itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro u Rwanda rutubahirije inshingano rwiyemeje nk'umunyamuryango wa *GATS*, akabivuga kuri serivisi zose atitaye ku byo igihugu cyitemeye gufungura, cyangwa ngo yite ku burenganzira gifite bwo kuba cyafata ingamba zigamije kugabanya icyuho mu bucuruzi bwacyo cyangwa mu myishyuranire yacyo n'amahanga, bitafatwa nk'ukuri. Bityo akaba atabiheraho avuga ko iyo ngingo inyuranyije n'ayo masezerano.

[53] Ku byerekeye Amasezerano y'isoko rusange ry'Afurika areba ubucuruzi muri serivisi (*African Continental free Trade Area Protocol on Trade in Services*), ingingo ya 18 yayo yerekeye ihame ry'uko ibihugu bigomba kugenda bifungura amasoko yabyo (*progressive liberalization)*, ivuga ko ibihugu byiyemeje gufatanya mu gushyiraho amategeko n'amabwiriza ndetse n'imirongo ngenderwaho mu kureba uko buri serivisi

---

[21] MINICOM, *Made in Rwanda Policy*, 2017, pp. 1-2, *http://www.minicom.gov.rw/fileadmin/minicom_publications/documents/SEZ_Policy_-_January_2018_v2.pdf.*

yafungurirwa ibindi bihugu hashingiye ku mikorere myiza isanzwe igenderwaho ndetse n'ibyemejwe muri buri muryango w'ubukungu mu karere k'Afurika (*Regional Economic Community*). Ibihugu byemeje ko porogamu y'uburyo ibiganiro bizakomeza izemezwa na Komite y'ubucuruzi kuri serivisi.

[54] Ikindi ni uko iyo ngingo iteganya ko Lisiti ya za serivisi za ngombwa ndetse n'uburyo ubucuruzi bwa serivisi buzakorwamo bizaba bigize umugereka ku Masezerano kandi uwo mugereka ukaba igice cyayo. Ayo Masezerano kandi ateganya ko ibiganiro hagati y'ibihugu bizakomeza ku byo batari bumvikanyeho.

[55] Urukiko rusanga mu nama y'Abakuru b'Ibihugu bigize *AfCFTA* yabaye muri Gashyantare 2020 yaremeje ibyo Inama y'Abaminisitiri yari yatanzeho ibitekerezo ko hagombaga kuba inama idasanzwe y'Abakuru b'Ibihugu ku wa 30 Gicurasi 2020 kugira ngo yemeze ibintu byose bya ngombwa bikenewe kugira ngo Isoko rusange rya Afurika (*AfCFTA*) ritangire gukora ku itariki ya 1 Nyakanga 2020.[22]

[56] Urukiko rusanga kandi iyo nama yarasabye Abaminisitiri b'ubucuruzi gukora inama za ngombwa kugira ngo habe isozwa ry'imishyikirano ku byerekeye aho ibintu bituruka (*Rule of origin*), ingengabihe y'ubwumvikane ku mahoro (*schedules of tariff concessions*) n'ingengabihe y'ibyo ibihugu byiyemeje ku buryo bwihariye ku bireba inzego z'ingenzi eshanu za serivisi,

---

[22] *Decision on the African Continental Free Trade Area (AfCFTA), 33rd Ordinary Session of the Assembly of the Union, 9-10 February 2020, Addis Abeba, Ethiopia, https://www.tralac.org/documents/resources/cfta/3176-au-assembly-decision-on-the-afcfta-february- 2020/file.html*

isaba ko ibihugu byaba byerekanye ibyo byiyemeje ku nzego za serivisi zari zisigaye n'uburyo bwo gufatanya mu bucuruzi muri serivisi bitarenze ukwezi kwa Kamena 2020.[23]

[57] Uhereye rero ku bimaze kuvugwa mu bika bibanza kuri iki kibazo, Urukiko rusanga imvugo y'urega y'uko u Rwanda rutubahirije ibikubiye mu Masezerano y'Isoko rusange ry'Afurika yerekeye ubucuruzi muri serivisi, nta shingiro ifite, igihe hakiri imishyikirano igomba kuba kugira ngo ibihugu byemeze bimwe mu byangombwa bizashingirwaho mu gushyira mu bikorwa ayo Masezerano. Bityo rero, Urukiko rukaba ntacyo rwashingiraho rwemeza ko ingingo ya 12, igika 3 n'icya 4 y'Itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranyije n'Amasezerano y'isoko rusange ry'Afurika yerekeye ubucuruzi muri serivisi (*AfCFTA Protocol on Trade in Services*).

[58] Urega kandi avuga ko ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro inyuranije n'Amasezerano y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba yerekeye ibyo guhuza amasoko (*East African Community Common Market Protocol*). Ingingo ya 16, igika cya mbere[24] cy'ayo Masezerano, ivuga ko ibihugu bigomba gutuma habaho ubwisanzure mu bucuruzi bwa serivisi mu buryo umuturage w'igihugu kimwe ashobora gutanga izo serivisi mu kindi gihugu kigize uwo muryango.

[59] Igika cya gatanu cy'iyo ngingo giteganya ko kugira ngo ibivugwa mu gika cya mbere bigerweho, ibihugu bizagenda

---

[23] *Ibidem*

[24] *The Partner States hereby guarantee the free movement of services supplied by nationals of Partner States and the free movement of service suppliers who are nationals of the Partner State within the Community*.

bikuraho imbogamizi zose ziriho kandi ntabwo bizashyiraho izindi mbogamizi nshya ku byerekeranye no gutuma abaturage b'igihugu kimwe kigize Umuryango bashobora gutanga serivisi mu kindi gihugu, uretse aho aya masezerano abiteganya ukundi.[25]

[60] Na none ingingo ya 17 y'ayo Masezerano yerekeye ifatwa nk'iz'inyagihugu (national treatment) iteganya ko buri gihugu kizafata serivisi cyangwa abatanga serivisi bo mu bindi bihugu ku buryo budaciye munsi y'uburyo icyo gihugu gifata serivisi cyangwa abatanga serivisi bari muri icyo ghugu.[26]

[61] Aya masezerano kandi ateganya mu ngingo yayo ya 20, igika cya mbere ko ibihugu bishobora gushyiraho amategeko areba inzego za serivisi hakurikijwe intego za politiki zabyo ariko ku buryo ingamba zifatwa ziba zihuje n'ibiteganyijwe muri aya masezerano kandi ku buryo butazitira ubucuruzi.[27]

[62] Ku byerekeye uburyo bwo gushyira mu bikorwa ubwisanzure mu rujya n'uruza rwa serivisi, ingingo ya 23 y'Amasezerano iteganya ko ibyo bizakorwa ku buryo bugenda bwiyongera hakurikijwe gahunda y'uburyo ifungura rya serivisi rigenda ryiyongera iteganyijwe ku Mugereka wa Gatanu w'aya

---

[25] *For the purposes of paragraph 1, the Partner States shall progressively remove existing restrictions and shall not introduce any new restrictions on the provision of services in the Partner States, by nationals of other Partner States except as otherwise provided in this Protocol.*

[26] *Each partner State shall accord to services and service suppliers of other partner States treatment no less favorable than that accorded to similar services and services suppliers of the Partner States*

[27] *The Partner State may regulate their services sectors provided the measures are consistent with the provisions of this Protocol and do not constitute barriers to trade.*

Masezerano.[28]Ikindi ni uko ingingo ya 32 y'aya Masezerano yerekeye ihuzwa ry'amategeko na Politiki y'imisoro iteganya ko buri gihugu cyiyemeza kugenda gihuza amategeko na politiki yacyo y'imisoro ku buryo bukuraho itandukanyirizo ry'imisoro hagamijwe koroshya urujya n'uruza rw'ibicuruzwa, serivisi n'imari no guteza imbere ishoramari mu Muryango.[29]

[63] Byongeye kandi, ingingo ya 47 y'Amasezerano iteganya ko ibihugu bigomba gusuzuma imiterere y'amategeko yabyo ugereranyije n'ay'ibindi bihugu biri mu Muryango no guhuza politiki na sisiteme zabyo mu rwego rwo gushyira mu bikorwa aya masezerano. Ikindi ni uko Inama y'Abamanisitiri y'Umuryango igomba gushyiraho amabwiriza (*Council Directives*) agamije gushyira mu bikorwa aya Masezerano.[30]

[64] Urukiko rusanga kandi ku Mugereka wa gatanu w'Amasezerano yavuzwe haruguru, werekeye Ingengabihe y'ibyo ibihugu byiyemeje mu kugenda bifungura isoko rya serivisi,[31] u Rwanda kimwe n'ibindi bihugu bigize Umuryango hari ibyo rwari rwariyemeje kuba rwakoze kugeza mu mwaka wa 2015.

---

[28] *The implementation of Article 16 of this Protocol shall be progressive and in accordance with the Schedule on the progressive liberalization of services specified in Annex V of this Protocol.*

[29] *The Partner States undertake to progressively harmonize their tax policies and laws to remove tax distortions in order to facilitate the free movement of goods, services and capital and to promote investment within the Community*

[30] *The Partner States undertake to approximate their national laws and to harmonize their policies and systems, for purposes of implementing this Protocol.The Council shall issue directives for purposes of implementing this Article*

[31] *East African Community Common Market Protocol – Schedule of Commitments on the Progressive Liberalization of Services, November 2009.*

[65] Rusanga kandi ibihugu bigize Umuryango byaragiye bihura bigasuzuma uburyo bwo gufungura amasoko yabyo ku bintu cyangwa serivisi zambukiranya umupaka. Muri urwo rwego, Ubunyamabanga bw'Umuryango, mu kubahiriza icyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri, bwakoresheje inyingo[32] y'uburyo bwo guhuza politiki y'imisoro mu Muryango. Ibyo byaje kugerwaho ubwo mu nama yayo yo muri Gicurasi 2019, Inama y'Abaminisitiri b'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba yemeje Politiki yo guhuza imisoro y'imbere mu bihugu bigize uwo Muryango (EAC Domestic Tax Harmonization Policy) inasaba Ubunyamabanga bwa EAC n'ibihugu bigize Umuryango kuyishyira mu bikorwa.[33]

[66] Urukiko kandi rusanga muri Politiki yo guhuza imisoro y'imbere, ibihugu byaremeranyijwe ko uburyo bwo kugenda batera intambwe (progressive approach) aribwo buzakoreshwa mu guhuza imisoro, bahereye ku misoro ku byaguzwe (excise tax), bagakomereza ku musoro ku nyongeragaciro (value added tax), nyuma hakaza umusoro k'umusaruro (income tax). Banemeje ko ibyo bizakorwa hafatwa ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri (Council Directives), ku buryo hazaba icyemezo cyihariye kuri buri rwego rw'umusoro kandi ibyo byemezo bikazanagena igihe buri gihugu kizaba cyarangije guhuza

---

[32] *Consultants' Report on the Harmonization of Income Taxes within the East African Community, 1 November 2014; East African Community, Report of the Meeting to validate the studies on development of Policy frameworks for the harmonization of VAT, Excise duties and Income tax in EAC, Mombasa, 23rd – 25th October 2014; PWC, Policy for harmonization of VAT and Excise duties, 28 October 2014.*

[33] *East African Community, Report of the 38th Meeting of the Council of Ministers, 6th – 10th May 2019, pp. 30-31.*

amategeko yacyo na buri cyemezo kireba buri rwego rw'umusoro.[34]

[67] Ruhereye ku bimaze kuvugwa haruguru rero, Urukiko rurasanga iby'urega avuga ko u Rwanda rwishe amasezerano areba isoko rusange mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba rushyiraho ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nta shingiro bifite, kuko hari ibigomba kubanza gukorwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Politiki yo guhuza imisoro y'imbere, harimo no gushyiraho amabwiriza (Council Directives) y'Inama y'Abaminisitiri b'Umuryango ku musoro ku nyongeragaciro.

[68] Rushingiye ku byo rumaze kwemeza ko ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro itanyuranyije n'amasezerano mpuzamahanga urega avuga, ariyo *GATS*, *AfCFTA Protocol on Trade in Services na EAC Common Market Protocol*, kandi rumaze kubona ko aribyo urega yashingiragaho avuga ko ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 inyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Urukiko rurasanga ingingo ya 12, igika cya 3 n'icya 4 y'Itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro itanyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[69] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Me NZAFASHWANAYO Dieudonné nta shingiro gifite.

---

[34] *East African Community, Report of the 38th Meeting of the Council of Ministers, 6th – 10th May 2019, Annex IV: EAC Domestic Tax Harmonization Policy, pp. 8-9.*

[70] Rwemeje ko ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko n° 37/2012 ryo kuwa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro itanyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

[71] Rwemeje ko ingingo ya 12 (igika cya 3 n'icya 4) y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro itanyuranyije n'ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

IKIREGO GISABA KUBUNGABUNGA CYANGWA GUKURAHO IMBOGAMIZI ZIBANGAMIYE INYUNGU RUSANGE

ASSOCIATION DES ASSUREURS DU RWANDA (ASSAR) v. LETA Y'U RWANDA (MIFOTRA)

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/PIL/SPEC 00001/2019/SC – (Ntezilyayo, P.J., Nyirinkwaya, Cyanzayire, Hitiyaremye na Rukundakuvuga., J.) 19 Kamena 2020]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza zihariye – Ikirego kigamije kurengera inyungu rusange – Uruhare rwa Leta mu birego birebana n'inyungu rusange – Ikirego kirebana n'inyungu rusange kigomba kuba kigamije ko hubahirizwa uburenganzira bw'abandi bantu aho kwita ku kibazo bwite cy'urega n'ubwo urega yaba afite inyungu ku kiregerwa, izo nyungu agomba kuba azisangiye n'abandi bantu. – Muri ibi birego Leta ihamagazwa mu rubanza gutanga ibitekerezo; ntihamagazwa nk'umuburanyi ushobora kugira ibyo aryozwa cyangwa aca urundi ruhande.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza zihariye – Ikirego kigamije kurengera inyungu rusange – Ibigize inyungu rusange – Inyungu rusange iba iyo hari igikorwa cyabaye cyangwa kitabaye kikavutsa abantu benshi uburenganzira bwabo cyangwa se kikabagiraho ingaruka mbi, gikosorwa hatanzwe ikirego mu rukiko rubifitiye ububasha.

Incamake y'ikibazo: Association des Assureurs du Rwanda (muri uru rubanza rikaba riri bwitwe ASSAR) yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga irega Leta y'u Rwanda (MIFOTRA) isaba gutegeka ko imbogamizi zose zituma hadashyirwaho umushahara fatizo (SMIG/Minimum Wage) mu Rwanda

zikurwaho kubera ko Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo, mu ngingo ya 68 riteganya ko umushahara fatizo (SMIG/Guaranteed Minimum Wage) ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze n'andi mategeko y'umurimo yaribanjirije yabiteganyaga ariko ko bitigeze bikorwa, ntihanasobanurwa impamvu yumvikana ituma bidakorwa. Isobanura ko isanga kuba umushahara fatizo utariho ari ikibazo kibangamiye inyungu rusange z'abanyarwanda kandi bikaba binyuranye n'ingingo ya 49 n'iya 121 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015.

Habanze gusuzumwa ikibazo kijyanye no kuba ASSAR yarareze Leta y'u Rwanda. Kuri iyi ingingo, ASSAR ivuga ko Leta igomba kuba umuburanyi muri uru rubanza kubera ko ikiregerwa ari ikibazo cy'inyungu rusange kandi ikaba ariyo ishinzwe kubungabunga imibereho y'abantu.

Naho, Intumwa ya Leta ikavuga ko ubusanzwe muri bene ibi birego, Leta itazamo nk'umuburanyi ahubwo itanga ibitekerezo, ariko mu gihe Urukiko rwasanga Leta atari umuburanyi muri uru rubanza, rwakwifashisha ibitekerezo byayo.

Inshuti y'Urukiko nayo ivuga ko ibirego birebana no kurengera inyungu rusange bitagomba kugira ubiregwa, bityo, Leta yafatwa nk'ije gutanga ibitekerezo.

Nyuma yo gukemura ikibazo kijyanye no kumenya uburyo Leta ifatwa muri uru rubanza, iburanisha ryibanze gusa ku kibazo cyo kumenya niba iki ikirego gikwiye kwakirwa ngo gisuzumwe hakurikije ibiteganyijwe n'Itegeko.

ASSAR, ivuga ko kuba kugeza ubu mu Rwanda nta mushahara fatizo uhari, ari ikibazo kibangamiye inyungu rusange z'abanyarwanda muri rusange ndetse by'umwihariko ku ruhande

runini rw'igice cy'abanyarwanda aribo ibigo bikora umwuga wo gucuruza ubwishingizi kandi ko kubera ibura ry'akazi, umukozi ushaka akazi aba adafite ubushobozi bwo kumvikana n'umukoresha umushahara, ibyo bikamugiraho ingaruka mbi kuko ashobora guhabwa umushahara w'intica ntikize kuko nta mushahara fatizo uriho, iki akaba ari ikindi kigaragaza ko iki kibazo kibangamiye inyungu rusange

Intumwa ya Leta ivuga ko kuba Iteka rigena umushahara fatizo (SMIG/Minimum Wage) ritarajyaho bitabangamiye inyungu rusange z'abanyarwanda kuko kugeza ubu nta cyuho kiri mu mategeko (legal vacuum) kubera ko mu rubanza rwaciwe, Urukiko rw'Ikirenga rwatanze umurongo kuri iki kibazo aho rwagennye umushahara fatizo, Urukiko rw'Ikirenga rukaba rwarabishingiye ku kuba rufite ububasha bwo kwitwara nk'Umushingamategeko mu gihe nta tegeko rihari. Akomeza avuga ko amafaranga ya pansiyo atangwa hashingiwe ku Iteka rya Perezida Nº 31/01 ryo ku wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga riteganya amafaranga y'ubwiteganyirize bwa pansiyo n'ay'ibyago bikomoka ku kazi ahabwa uwiteganyirije atagombwa kujya munsi.

Inshuti y'Urukiko ivuga ko kuvuga ko nta mushahara fatizo uriho mu Rwanda atari ukuri kuko kuva mu mwaka wa 2012, Urukiko rw'Ikirenga rwashyizeho umushahara fatizo ndetse no mu mwaka wa 2016 uravugururwa hashingiwe ku biciro biri ku isoko.

Ku birebana n'inyigo yashyizwe ku mugereka w'ikirego, Urega avuga ko iyo inyigo igaragaza ko nta mushahara fatizo uhari, kuko MIFOTRA yakoresheje iyo nyigo ishaka gukemura ikibazo kijyanye n'umushahara fatizo kandi kandi ko mbere y'uko iregera Urukiko yari yarageraageje gushaka uburyo ikibazo

kijyanye n'igenwa ry'umushahara fatizo cyakemuka ariko birananirana.

Intumwa ya Leta ivuga ko urega atagaragaza inyigo yakozwe n'abahanga igaragaza uburemere bw'ikibazo kuko inyigo yashize ku mugereka wayo itashingirwaho kuko ikorwa itari igamije kugaragaza uburemere bwo kutagira umushahara fatizo mu gihugu n'ingaruka byagira cyangwa ikintu gifatika yakoze kugira ngo ikibazo kijyanye no gushyiraho umushahara fatizo gikemuke. Kuruhande rw'Inshuti y'Urukiko, nayo ivuga ko raporo urega ashingiraho yakozwe na Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo mu gihe iyo raporo itagaragaza uburemere bwo kuba nta mushahara fatizo uhari

Incamake y'icyemezo: 1. Mu birego birebana n'inyungu rusange, Leta ihamagazwa mu rubanza gutanga ibitekerezo; ntihamagazwa nk'umuburanyi ushobora kugira ibyo aryozwa cyangwa aca urundi ruhande.

2. Ikirego kirebana n'inyungu rusange kigomba kuba kigamije ko hubahirizwa uburenganzira bw'abandi bantu aho kwita ku kibazo bwite cy'urega, n'ubwo urega yaba afite inyungu ku kiregerwa, izo nyungu agomba kuba azisangiye n'abandi bantu.

3. Inyungu rusange iba iyo hari igikorwa cyabaye cyangwa kitabaye kikavutsa abantu benshi uburenganzira bwabo cyangwa se kikabagiraho ingaruka mbi, gikosorwa hatanzwe ikirego mu rukiko rubifitiye ububasha.

4. Intego zibanzweho mu nyigo yashyizwe ku mugereka w'ikirego ntabwo zigamije kugaragaza uburemere bwo kuba nta mushahara fatizo uriho, ahubwo zasuzumaga ibyashingirwaho hagenwa umushaharafatizo mu byiciro bitandukanye by'imirimo kandi ntinagaragaza ingaruka ziterwa no kutagira umushahara

fatizo. Bityo kuba iyo inyigo itagaragaza ibyo byose, iba itujuje ibisabwa n'Itegeko

Ikirego nticyakiriwe.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 49 n'iya 121.

Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigena umurimo mu Rwanda, ingingo ya 2 n'iya 3.

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 68 n'iya 80.

Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'imirimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 12.

Itegeko Nº 005/2015 ryo kuwa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo, ingingo ya 27.

Minimum wage-fixing machinery convention, 1928 n° 26" yashyizweho umukono mu mwaka wa 1976.

Iteka rya Perezida N°069/01 ryo ku wa 13/04/2018 ryongera amafaranga ya pansiyo n'ay'ibyago bikomoka ku kazi, ingingo ya 2.

Iteka rya Perezida Nº 31/01 ryo ku wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga.

Imanza zifashishijwe:

Nyetera Jean Baptiste v. CORAR, RCAA 0202/07/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 09/04/2009

SORAS AG Ltd v. Umuhoza Pacifique n'Abandi, RCAA 0049/14/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016

Canadian Council of Churches v. Canada (Minister of Employment and Immigration), [1992] 1 S.C.R. 236

Inyandiko z'Abahanga:

Albert Ruturi & Another v. Minister for finance and others, (2002) IK.LR 61 (Kenya) and Downtown Eastside Sex Workers United Against Violence Society v. Canada (Attorney General) 2012 SCC 45 (2012) 2 S.C.R 524.

Something in which the public as a whole has a stake (…), Blacks Law Dictionary, Nineth Edition, p. 1350.

Wadehra, Basant Lal. Public Interest Litigation: A Handbook, with Model PIL Formats. Universal Law Publishing, 2009, p. 46.

A Study on the Establishment and the Determination of the Minimum Guarantee Wage (MGW/SMIG) per Occupational Categories, Last Version, July 2018.

Urubanza

I. IMITERERE Y'IKIBAZO

[1] Association *des* Assureurs du Rwanda (ASSAR) yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga irega Leta y'u Rwanda (MIFOTRA), isaba gutegeka ko imbogamizi zose zituma hadashyirwaho umushahara fatizo (*SMIG/Minimum Wage*)[1] mu

[1] *Salaire Minimum Interprofessionnel Guaranti*

Rwanda zikurwaho kuko isanga kuba utariho ari ikibazo kibangamiye inyungu rusange z'abanyarwanda.

[2] ASSAR ivuga ko ingingo ya 2[2] y'Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigena umurimo mu Rwanda mu gace kayo ka 27 isobanura icyo umushahara fatizo aricyo, ikavuga ko ari umushahara muto wemewe n'itegeko hashingiwe kuri buri cyiciro cy'umurimo, ko icyo gisobanuro cyenda gusa n'icyatanzwe n'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo (*International Labor Organization*) aho wavuze ko umushahara fatizo (*SMIG/Minimum Wage*) ari amafaranga umukozi ahembwa yayakoreye mu gihe runaka, kandi ayo mafaranga akaba atagomba kugabanywa n'amasezerano ayo ariyo yose y'umurimo.

[3] ASSAR inavuga ko Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo, mu ngingo ya 68 riteganya ko umushahara fatizo (*SMIG/Guaranteed Minimum Wage*) ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze, kandi ko n'andi mategeko y'umurimo yabanjirije iririho ubu, nk'ingingo ya 76 y'Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 ndetse n'ingingo ya 83 y'Itegeko N° 51/2001 ryo ku wa 30/12/2001, nayo yateganyaga ko Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo ariyo yari ifite inshingano yo gushyiraho uwo mushahara fatizo, ariko ko bitigeze bikorwa ntihanasobanurwe impamvu yumvikana ituma bidakorwa.

[4] ASSAR ivuga ko usibye n'Itegeko rigenga umurimo ku rwego rw'Igihugu riha Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo ububasha bwo gushyiraho umushahara fatizo, hari

---

[2] Ubundi n'ingingo ya 3y'Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo

n'amasezerano mpuzamahanga yitwa "*Minimum wage-fixing machinery convention, 1928 n° 26*" u Rwanda rwashyizeho umukono mu mwaka wa 1976 nayo ateganya mu ngingo yayo ya mbere ko ibihugu byiyemeje kuyashyiraho umukono byiyemeje kuyabungabunga kandi bigashyiraho umushahara fatizo hashingiwe ku byiciro by'imirimo biri muri ibyo bihugu.

[5] ASSAR ikomeza isobanura ko kuba nta mushahara fatizo uriho mu Rwanda, kandi itegeko ribiteganya binyuranye n'ingingo ya 49 n'iya 121 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015 iteganya ko umunyarwanda wese afite inshingano yo kubaha Itegeko Nshinga, ko kandi abayobozi babifite mu nshingano bashyira mu bikorwa amategeko bakoresheje amateka, isanga ari ikibazo gikomeye cy'inyungu rusange, ikaba ariyo mpamvu yahisemo gutanga ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga isaba ko imbogamizi izo arizo zose ziriho zikurwaho, umushahara fatizo ugashyirwaho.

[6] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 19/05/2020, ASSAR ihagarariwe na Me Butare Emmanuel na Me Umugwaneza Claudine hari na Leta y'u Rwanda (MIFOTRA) ihagarariwe na Me Kabibi Spéciose.

[7] Nyuma yo gusuzuma ubusabe bw'Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda (*School of Law*) burebana no kuba Inshuti y'Urukiko (*Amicus Curiae*) muri uru rubanza, mu rwego rwo gutanga ibitekerezo, no kumva ko abahagaririye ASSAR n'uhagariye Leta y'u Rwanda bemera ko iryo shuri ryakwemererwa kuba Inshuti y'Urukiko kuko amategeko abiryemerera, Urukiko rwemeje ko iryo shuri ryujuje ibisabwa, bityo ubusabe bwaryo bukaba bwemewe.

[8] Urukiko rwasuzumye kandi ikibazo kijyanye no kuba ASSAR yarareze Leta y'u Rwanda mu gihe ingingo ya 80, igika cya 4 y' Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigenga ububasha bw'inkiko ivuga gusa ko muri izi manza, iburanisha rikorwa hari uhagarariye Leta. Kuri iyi ngingo, Me Kabibi Spéciose avuga ko ubusanzwe muri bene ibi birego, Leta itazamo nk'umuburanyi ahubwo itanga ibitekerezo, ko ariko ashingiye ku buryo abahagarariye ASSAR basobanura ikirego, asanga basa nk'aho barega Leta, asaba Urukiko kutakira ikirego cya ASSAR, ko ariko mu gihe Urukiko rwasanga Leta atari umuburanyi muri uru rubanza, rwakwifashisha ibitekerezo byayo.

[9] Me Butare Emmanuel we avuga ko impamvu Leta yazanywe muri uru rubanza ari ukubera ko ikiregerwa ari ikibazo kijyanye n'inyungu rusange, kandi Leta ikaba ariyo ishinzwe kubungabunga imibereho y'abantu, ko ari nayo mpamvu Umushingamategeko yateganyije ko muri bene izi manza, Leta igomba kuba ihagarariwe. Me Umugwaneza Claudine we asobanura ko kuba ikibazo cy'ishyirwaho ry'umushahara fatizo kireba MIFOTRA, Leta itari kuza mu rubanza gutanga ibitekerezo gusa kuko byari kuba binyuranyije n'ingingo ya 13 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

[10] Me Sebucensha Leonard uhagarariye Ishuri ry'Amatgeko yavuze ko ibirego birebana no kurengera inyungu rusange bitagomba kugira ubiregwa kuko bibaye bityo, byaba ari nko kugaragaza ko hari ugomba gusubiza uburenganzira bw'urega, ko ahubwo Leta yafatwa nk'ije gutanga ibitekerezo.

[11] Nyuma yo kumva impande zose kuri iki kibazo, Urukiko rwarihereye rufata icyemezo ko Leta iza muri uru rubanza

gutanga ibitekerezo, ko itaza nk'umuburanyi ushobora kugira ibyo aryozwa cyangwa aca urundi ruhande.

[12] Nyuma yo gukemura ikibazo cy'Ishuri ry'amategeko cyo kwemererwa kuba Inshuti y'Urukiko (*Amicus curiae*) n'ikijyanye no kumenya uburyo Leta ifatwa muri uru rubanza, Urukiko rwemeje ko iburanisha ryibanda gusa ku kibazo cyo kumenya niba ikirego cya ASSAR gikwiye kwakirwa ngo gisuzumwe hakurikije ibiteganyijwe n'ingingo ya 80 y'Itegeko N° 30/2018 ryavuzwe haruguru.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

[13] Rushingiye ku biteganyijwe n'ingingo ya 80 y'Itegeko No. 30/2018 ryavuzwe haruguru kandi rumaze kubona imyanzuro ya ASSAR no kubona ibitekerezo byayitanzweho n'uhagarariye Leta y'u Rwanda, Urukiko rurasanga ibibazo bigomba gusuzumwa ari ibi bikurikira:

a. Kumenya niba ikirego cya ASSAR kigaragaza inyungu rusange zemewe iharanira n'aho ikomora mu mategeko ishingiro ry'uburenganzira iharanira

b. Kumenya niba inyigo ASSAR yashyize ku mugereka w'ikirego cyayo yujuje ibiteganyijwe n'ingingo ya 80, igika cya 2 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigenga ububasha bw'inkiko.

Urukiko rugiye gusuzuma ibyo bibazo kimwe ku kindi.

a. Kumenya niba ikirego cya ASSAR kigaragaza inyungu rusange zemewe iharanira n'aho ikomora mu mategeko ishingiro ry'uburenganzira iharanira

[14] Me Kabibi Speciose, uhagarariye Leta y'u Rwanda, avuga ko n'ubwo bikwiye ko Iteka rigena umushara fatizo (*SMIG/Minimum Wage*) rijyaho kubera ko Itegeko ryabitegetse, kuba ritarajyaho bitabangamiye inyungu rusange z'abanyarwanda nk'uko ASSAR ishaka kubyumvikanisha kubera impamvu zikurikira:

- Nta cyuho kiri mu mategeko (legal vacuum) bitewe no kuba uwo mushahara fatizo udahari kubera ko Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RCAA 0049/14/CS rwaciwe ku wa 25/11/2016, rwemeje ko umushahara fatizo ari amafaranga ibihumbi bitatu (3.000 Frw) ku munsi. Ibyo Urukiko rw'Ikirenga rukaba rwarabishingiye ku kuba rufite ububasha bwo kwitwara nk'Umushingamategeko mu gihe nta tegeko rihari.

- Atanga urugero mu bijyanye no kugena indishyi zikomoka ku mpanuka n'ibindi, ko amafaranga 3.000 yemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga ashingirwaho n'ibigo by'ubwishingizi mu kugena indishyi.

- Naho ku bijyanye na pansiyo, asobanura ko iyo babona amafaranga ya pansiyo ari munsi ya 13.000 Frw, azamurwa akajya kuri 13.000Frw kugira ngo hirindwe ko uri muri pansiyo ajya munsi y'umurongo w'ubukene. Ibyo bakaba babishingira ku Iteka rya Perezida Nº 31/01 ryo ku

wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga riteganya ko amafaranga y'ubwiteganyirize bwa pansiyo n'ay'ibyago bikomoka ku kazi ahabwa uwiteganyirije adashobora kujya munsi y'ibihumbi cumi na bitatu (13.000 Frw) ku kwezi.

[15] Me Kabibi Speciose yakomeje avuga ko ashingiye ku bisobanuro yatanze, asanga nta nyungu rusange zihungabanywa no kuba hatarajyaho Iteka rigena umushahara fatizo kuko ibishingirwaho mu kuwugena bihari. asobanura ko ubundi umushahara fatizo ujyaho ku bakozi bahembwa, hagamijwe ko abakozi badahembwa umushahara utuma bajya munsi y'umurongo w'ubukene.

[16] Agaragaza ko ubushakashatsi ku bakora n'abashomeri (Labour Force Survey) bwakozwe mu mwaka wa 2018, bwagaragaje ko impuzandengo y'umushahara uhembwa abakora ku kwezi ari amafaranga 56.982 (Average monthly salary from paid employment) naho ubushakashatsi bwa "*The Fifth Integrated Household Living Conditions Survey"* (EICV5) ku mibereho y'ingo bwo bugaragaza ko hakenerwa byibura amafaranga angana na 159.375 ku mwaka kugira ngo uyahembwa abe atari munsi y'umurongo w'ubukene. Ubu bushakashatsi bukaba bugaragaza ko mu Rwanda abakorera umushahara bahembwa amafaranga atari munsi y'umurongo w' ubukene (poverty line).

[17] Asoza avuga ko ashingiye kuri ibyo bisobanuro byose, asanga nta kibazo gifite ingaruka ku bantu muri rusange giterwa n'uko Iteka rigena umushahara fatizo ritarajyaho, ko ahubwo binagaragara neza ko imbaraga zo guciririkanya hagati

y'abashaka akazi n'abagatanga (*force of demand and supply*) ubwazo zishyiriraho umushahara fatizo ujyanye n'akazi umuntu yakoze kandi ujyanye n'igihe. Bityo akavuga ko kuba Iteka ritarajyaho atari ikibazo kibangamiye inyungu rusange z'abanyarwanda.

[18] Me Umugwaneza Claudine avuga ko kuba kugeza ubu mu Rwanda nta mushahara fatizo uhari, ari ikibazo kibangamiye inyungu rusange z'abanyarwanda muri rusange ndetse by'umwihariko ku ruhande runini rw'igice cy'abanyarwanda aribo ibigo bikora umwuga wo gucuruza ubwishingizi. Akomeza avuga ko inyungu rusange zibangamiwe zigaragarira mu kuba Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda mu ngingo yaryo ya 68 riteganya ko umushahara fatizo ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze, kandi Itegeko ry'umurimo rikaba rimaze guhinduka inshuro eshatu zose, ariko kugeza ubu umushahara fatizo ukaba utarashyirwaho.

[19] Ku bijyanye n' ingaruka zikomoka ku kuba nta mushahara fatizo uriho mu Rwanda, Me Umugwaneza Claudine avuga ko bibangamira mu buryo bukomeye inyungu rusange z'ibigo bitanga serivisi z'ubwishingizi, kuko kuba uwo mushahara kugeza ubu udahari, byatumye inkiko zitandukanye harimo n'Urukiko rw'Ikirenga, zigenda zishyiraho amafaranga ashingirwaho mu kugenera abaregera indishyi zikomoka ku mpanuka.

[20] Atanga urugero ku rubanza RCAA 0202/07/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/04/2009 hagati ya Nyetera Jean Baptiste na CORAR aho muri urwo rubanza, mu gika cya 78, Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko umushahara fatizo rwawugereranyiriza ku mafaranga 2.500 Frw ku munsi. Mu rundi

rubanza RCAA 0049/14/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016 hagati ya SORAS AG Ltd na Umuhoza Pacifique, Izabayo Sylvie, Niyoyita Jacques, aho mu gika cya 27 n'icya 28 rwemeje ko kugeza ubu nta tegeko rishyiraho umushahara fatizo (SMIG), ariko ko hari imanza zagiye zicibwa zemeza amafaranga yafatwa nk'umushahara fatizo, ndetse narwo rwemeza ko hafatwa 3.000 Frw.

[21] Asobanura kandi ko mu bigo by'ubwishingizi, abantu batanga imisanzu ikaba ari nayo ikurwamo amafaranga y'indishyi zihabwa abakoze impanuka zikomoka ku binyabiziga. Ibarwa ry'izo ndishyi rishingiye ku mafaranga yemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga rikaba riteye ikibazo kuko ridafite aho rishingiye (*base de calcul*), ahubwo ashingiye ku bushishozi bw'Urukiko.

[22] Akomeza avuga kandi ko no mu Itegeko Nº 005/2015 ryo ku wa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo mu ngingo ya 27 hateganyijwe ko amafaranga ya pansiyo y'izabukuru, ay'ubumuga cyangwa ay'imburagihe adashobora kujya munsi ya mirongo itanu ku ijana (50%) y'umushahara fatizo wose w'ukwezi ugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze. Akavuga ko ibyo byumvikanisha ko mu gihe cyose uwo mushahara utarajyaho bizagira ingaruka ku rwego rushinzwe gutanga amafaranga ya pansiyo, cyangwa se ku muntu ugenewe kuyahabwa kuko bitoroshye kumenya ingano yayo.

[23] Me Butare Emmanuel yongeyehoko *Labor Force Survey* (2018) uhagarariye Leta yashingiyeho mu bisobanuro bye, igaragaza ko abantu badafite akazi ari 15.2%, inagaragaza umubare w'abarangije kaminuza badafite akazi, ibyo bikumvikanisha ko kubera ibura ry'akazi, umukozi ushaka akazi aba adafite ubushobozi bwo kumvikana n'umukoresha

umushahara, ibyo bikamugiraho ingaruka mbi kuko ashobora guhabwa umushahara w'intica ntikize kuko nta mushahara fatizo uriho, iki akaba ari ikindi kigaragaza ko iki kibazo kibangamiye inyungu rusange.

[24] Mu izina ry'inshuti y'Urukiko (*amicus curiae*), Me Sebucensha Leonard avuga ko amasosiyeti y'ubucuruzi kimwe n'izindi sosiyeti ziharanira inyungu zayo n'iz'abanyamuryango bayo, ko asanga ikirego cya ASSAR kidaharanira inyungu rusange kuko abanyarwanda bose badafite inyungu mu masosiyeti y'ubwishingizi. Yanavuze kandi ko ikirego kigamije inyungu rusange ari ikirego gitangwa mu rukiko rubifitiye ububasha kigamije kurengera inyungu z'abantu bose muri rusange, anatanga ingero z'uburyo inkiko zitandukanye zakemuye ikibazo kijyanye no kumenya ushobora kwemererwa gutanga ikirego cy'inyungu rusange.[3]

[25] Me Sebucensha Leonard avuga kandi ko n'ubwo Minisiteri y'umurimo yahawe inshingano yo gushyiraho umushahara fatizo, kuba kugeza ubu ritarashyirwaho bitari ukwica amategeko, harimo n'ingingo z'Itegeko nshinga zavuzwe na ASSAR cyangwa amasezerano mpuzamahanga yasinywe n'u Rwanda kuko itegeko ritigeze rigena igihe ntarengawa iryo Teka rigomba kuba ryashyizweho kandi Leta itagomba kotswa igitutu kuko gushyiraho iryo Teka bisaba ibintu byinshi bigomba kwitonderwa.

[26] Me Sebucensha Leonard avuga kandi ko ibyo ASSAR ivuga ko nta mushahara fatizo uriho mu Rwanda atari ukuri kuko

---

[3] *Albert Ruturi & Another v. Minister for finance and others, (2002) IK.L. R 61 (Kenya) and Downtown Eastside Sex Workers United Against Violence Society v. Canada (Attorney General) 2012 SCC 45(2012) 2 S.C.R 524*

kuva mu mwaka wa 2012, Urukiko rw'Ikirenga rwashyizeho umushahara fatizo ndetse no mu mwaka wa 2016 uravugururwa hashingiwe ku biciro biri ku isoko nk'uko bigaragara mu manza RCAA 0202/07/CS, RCAA 0003/11/CS, RSOCAA 0112/10/CS, RCAA 0049/14/CS.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[27] Ingingo ya 80 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko, iteganya ko "umuntu ku giti cye cyangwa urwego rwa Leta, umutwe wa Politiki, isosiyeti y'ubucuruzi, umuryango utegamiye kuri Leta n'ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi ashobora gutanga ikirego gisaba kubungabunga cyangwa gukuraho imbogamizi zibangamiye inyungu rusange z'igihugu, umutungo kamere wacyo, abagituye cyangwa igice cyabo. Urega agomba kugaragaza mu mwanzuro we inyungu rusange zemewe aharanira (…).

[28] Mu gusesengura ibikubiye mu gice cy'ingingo ya 80 yavuzwe haruguru, turasanga ari ngombwa kubanza kumenya icyo inyungu rusange zemewe bivuze kuko umushingamategeko atabisobanuye. Abahanga mu mategeko kimwe n'Inkiko basesenguye icyo kibazo bagaragaje ibisabwa kugira ngo ikirego gisaba kubungabunga cyangwa gukuraho imbogamizi zibangamiye inyungu rusange z'igihugu gishobore kwakirwa, bikaba aribyo bigomba gushingirwaho hasuzumwa niba ASSAR ihagarariye inyungu rusange zemewe muri uru rubanza.

[29] Inyungu rusange yumvikana nk'ikintu abaturage muri rusange bafitemo inyungu.[4] Muri urwo rwego kandi, umuhanga mu mategeko witwa Wadehra, Basant Lal. asobanura ko urubanza rurebana n'inyungu rusange ari urubanza rugamije inyungu rusange. Ni urubanza rugamije guharanira uburenganzira bw'abantu benshi, bashobora kugera ku mamiliyoni, cyangwa gukosora igikorwa cyose kibi cyabangamiye abo bantu. Avuga kandi ko urubanza rurebana n'inyungu rusange rugomba gushingira ku mpamvu enye z'ingenzi:

a. Kuba hari igikorwa cyabaye, kuba hari igikorwa kitabaye cyangwa imiterere y'ibintu uko biri;

b. Icyo gikorwa kibi kikaba cyaratumye abantu benshi bavutswa uburenganzira bwabo cyangwa kikabagiraho ingaruka mbi;

c. Uburenganzira buharanirwa hagamijwe ko bwubahirizwa cyangwa ko icyo gikorwa kibi gikosorwa, binyuze mu kirego cyatanzwe mu nkiko zibifitiye ububasha;

d. N'umuntu ugamije inyungu z'abantu benshi cyangwa ishyirahamwe ry'abantu bahagarariye abagizweho ingaruka.

Avuga kandi ko ihame ntakuka rigenga urubanza rurebana n'inyungu rusange ari uko ruba rugamije ko hubahirizwa uburenganzira bw'abandi bantu aho kwita ku kibazo bwite cy'urega. N'ubwo urega yaba afite inyungu ku kiregerwa, izo nyungu agomba kuba azisangiye n'abandi bantu. Umwanzuro

---

[4] *Something in which the public as a whole has a stake (...), Blacks Law Dictionary, Nineth Edition, p. 1350*

w'urubanza utanzwe ugomba kugirira inyungu igice kinini cy'abantu aho kuba itsinda ryabo.[5]

[30] Urukiko rurasanga kandi ibivugwa n'umuhanga Wadehra, Basant Lal ku bijyanye n'impamvu z'ingezi zishingirwaho mu rubanza rurebana n'inyungu rusange ari nabyo byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada mu rubanza *Canadian Council of Churches v. Canada (Minister of Employment and Immigration),* [1992] 1 S.C.R. 236, aho urwo Rukiko rwemeje ko kwemera ko hari impamvu yo guha umuntu ububasha bw'umuburanyi urengera inyungu rusange, byaba bitewe n'uburemere bw'uburenganzira rusange cyangwa gushaka kubahiriza amahame y'Itegeko nshinga ryo muri 1982 (*Constitution Act, 1982)*[6], rimwe na rimwe ntibivuga kwemerera bisesuye ubwo burenganzira abantu bose bifuza kugira icyo baregera. Hagomba

---

[5] *Wadehra, Basant Lal. Public Interest Litigation: A Handbook, with Model PIL Formats. Universal Law Publishing, 2009, pg 46, "Public interest litigation (or social action or class action litigation as it is various called) means a litigation which serves public interest. It is a litigation which vindicates a right of a large number of people, perhaps millions, or redresses a wrong done to them. For the existence of a public interest litigation, four conditions are necessary: Some action, inaction or state of affairs; Which causes the deprivation of a right of large number of people, or causes a large number of people to suffer a similar wrong; The right is sought to be enforced or the wrong redressed, through a petition to the appropriate courts; By a public spirited person or an association of person acting on behalf of those injured.*

In public interest litigation, the sine qua non is that it must be for the enforcement of rights of others not the individual grievances of the petitioner. Even if the petitioner is interested in the matter, it must be an interest which he/she shares with other members of the public. The relief, if granted must benefit large section of society not a handful of individuals.

[6] *Canadian Council of Churches v. Canada (Minister of Employment and Immigration), [1992] 1 S.C.R. 236 (https://scc-csc.lexum.com/scc-csc/scc-csc/en/item/835/index.do)*

kubaho gushyira mu gaciro mu kubahiriza uburenganzira bwo kuregera inkiko ndetse no kubungabunga umutungo wazo. Inkiko ntizigomba kuremererwa n'umutwaro w'ubwinshi butari ngombwa bw'imanza zidafite ishingiro cyangwa zidakenewe zitangwa n'amashyirahamwe abigiranye umutima mwiza ariko agamije gukurikirana ibibazo byayo bwite.[7]

[31] Ku birebana n'ikirego cya ASSAR, nk'uko bigaragara mu mwanzuro wayo no mu nyandiko ziri muri dosiye, ASSAR ni ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi kandi nk'uko ingingo ya 4 mu gace ka 1, 2 n'aka 4 y'amategeko shingiro yaryo ibiteganya, ASSAR ifite intego yo guteza imbere umwuga w'ubwishingizi, kurengera inyungu z'abanyamuryango zifitanye isano n'umwuga wabo, guhagararira abanyamuryango imbere y'inzego za Leta kimwe n'izindi nzego zarengerwamo inyungu rusange.

[32] Urukiko rurasanga igikwiye kumvikana mu ngingo ya 4 imaze kuvugwa mu gika kibanziriza iki, ni uko ASSAR ari ishyirahamwe riharanira inyungu z'abanyamuryango bayo, aho kuba inyungu z'abanyarwanda muri rusange, ibyo kandi bikanashimangirwa n'ibivugwa na Me Umugwaneza Claudine uyiburanira aho yasobanuye ko kuba nta mushahara fatizo uhari bigira ingaruka zikomeye ku bigo bitanga serivisi z'ubwishingizi kuko byatumye inkiko ziwushyiraho zishingiye ku bushishozi bwazo, nta bipimo bifatika zishingiyeho, atanga ingero z'imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga nk'urubanza RCAA 0202/07/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/04/2009 rwemeje ko umushahara fatizo ari 2.500 Frw n'urubanza RCAA 0049/14/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016 rwemeje ko umushahara fatizo ari 3.000 Frw.

---

[7] *Ibidem*

[33] Urukiko rusanga kandi na Banki Nkuru y'u Rwanda mu ibaruwa yandikiye MIFOTRA ku wa 14/11/2016 yarashimangiye ko kutagira umushahara fatizo bibangamiye ibigo by'ubwishingizi, aho yasobanuye ko kuba Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze atarashyiraho iteka rigena umushahara fatizo mu Rwanda bibangamiye ibigo by'ubwishingizi cyane cyane ku bijyanye no kwishyura indishyi zikomoka ku binyabiziga zitangwa hashingiwe ku murongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RCAA 0202/07/CS rwo ku wa 09/04/2009 rwemeje amafaranga 2500 ku munsi, ndetse n'izindi nkiko zigenda zigena amafaranga ari hejuru.

[34] Ku byo Me Umugwaneza Claudine avuga y'uko ASSAR ihagarariye inyungu rusange z'abanyarwanda ashingiye ku kuba indishyi zikomoka ku mpanuka zatewe n'ibinyabiziga Ibigo by'ubwishingizi byishyura ziva mu misanzu yatanzwe n'abanyarwanda, Urukiko rurasanga ibi bisobanuro atanga ataribyo bigaragaza ko ihagarariye inyungu rusange zemewe, kuko nk'uko byasobanuwe n'Uhagarariye Leta y'u Rwanda kimwe n'Inshuti y'Urukiko, atari abanyarwanda bose bafite ibinyabiziga ku buryo batanga imisanzu mu bigo by'ubwishingizi, ahubwo ari igice gito cy'abanyarwanda cyane ko nta n'ikimenyetso ASSAR yatanze kigaragaza ko abishingiwe baba barayigejejeho ikibazo kirebana no kuba nta mushahara fatizo wagenwe n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.

[35] Ku bivugwa n'abahagarariye ASSAR ko kuba nta mushahara fatizo uriho bigira ingaruka ku rwego rushinzwe gutanga amafaranga ya pansiyo no ku muntu ugenewe

kuyihabwa, hashingiwe ku ngingo ya 27 y'Itegeko[8] Nº 005/2015 ryo ku wa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo, iteganya ko amafaranga ya pansiyo y'izabukuru, ay'ubumuga cyangwa ay'imburagihe agenwa hashingiwe ku mushahara fatizo, Urukiko rurasanga, uretse kubivuga mu magambo, ASSAR itagaragaza uko izo ngaruka ziteye bitewe n'uko nta mushahara fatizo washyizweho n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze. Ikindi kandi, n'iyo haba hari impungenge ko abafata pansiyo bashobora guhabwa amafaranga make kuko nta mushahara fatizo uriho wagena amafaranga atagibwa hasi, Urukiko rusanga icyo kibazo cyarakemuwe n'Iteka rya Perezida N°069/01 ryo ku wa 13/04/2018 ryongera amafaranga ya pansiyo n'ay'ibyago bikomoka ku kazi atangwa n'Ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda, mu ngingo yaryo ya 2 aho ivuga ko amafaranga y'ubwiteganyirize bwa pansiyo n'ay'ibyago bikomoka ku kazi adashobora kujya munsi y'ibihumbi cumi na bitatu (13.000 Frw) ku kwezi.

[36] Ku byo ASSAR ivuga ko ikirego cyayo kigamije kurengera inyungu rusange kubera ko ishyirwaho ry'umushahara fatizo n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano biri mu rwego rwo kubahiriza Itegeko rigengamurimo n'amasezerano

---

[8] Ingingo ya 7 y' Itegeko Nº 005/2015 ryo kuwa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo iteganya ko ku muntu witeganyiriza uvugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 5 y'iri tegeko, umushahara ubarirwaho umusanzu ntushobora kujya munsi y'umushahara fatizo kandi ntushobora kwiyongera birenze mirongo itatu ku ijana (30%) mu gihe cy'imyaka itatu (3).

Ingingo ya 27 y'iryo Tegeko nayo ikavuga ko amafaranga ya pansiyo y'izabukuru, ay'ubumuga cyangwa ay'imburagihe ntashobora kujya munsi ya mirongo itanu ku ijana (50%) y'umushahara fatizo wose w'ukwezi ugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.

mpuzamahanga u Rwanda rwasinye, ndetse ko kutabyubahiriza binyuranyije n'Itegeko nshinga, Urukiko rurasanga koko ingingo ya 68 y'Itegeko N°. 30/2018 ryavuzwe haruguru iteganya ko Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze agomba gushyiraho iryo Teka, ariko nk'uko Inshuti y'Urukiko yabivuze, iryo Tegeko ntabwo rigena igihe ntarengwa ibyo bigomba kuba byakozwemo, kandi nk'uko bigaragara muri dosiye, hari imirimo MIFOTRA yakoze igamije gushyiraho iryo Teka kandi na ASSAR yagizemo uruhare.`

[37] Dushingiye ku bisobanuro byatanzwe mu bika bibanziriza iki, Urukiko rurasanga mu kirego ASSAR yashyikirije uru Rukiko isaba gutegeka ko imbogamizi izo arizo zose zituma hatajyaho umushahara fatizo (*SMIG/Minimum Wage*) mu Rwanda zivaho, itagaragaza inyungu rusange zemewe iharanira nk'uko biteganywa n'ingingo ya 80 y'Itegeko N° 30/2018 ryavuzwe haruguru.

b. Kumenya niba inyigo ASSAR yashyize ku mugereka w'ikirego cyayo yujuje ibiteganyijwe n'Ingingo ya 80, igika cya 2, y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigenga ububasha bw'inkiko

[38] Me Kabibi Speciose avuga ko ikirego cya ASSAR kitagaragaza inyigo yakozwe n'abahanga igaragaza uburemere bw'ikibazo ivuga, uburyo ASSAR yagerageje kugikemura yifashishije inzego za Leta bikananirana, n'ingaruka kutacyitaho byateye. Akomeza avuga ko inyigo ASSAR yashyize ku mugereka w'ikirego cyayo ivuga ko yakozwe na Minisiteri y'abakozi ba Leta n'umurimo (MIFOTRA) ari umushinga w'inyigo ugaragaza imishahara iri ku isoko ijyanye n'inzego z'umurimo zitandukanye, *practices* zihari mu kugena umushahara fatizo n'umusaruro mbumbe w'imbere mu gihugu,

umushahara fatizo mu kugabanya ubusumbane bw'inyungu, ubukene n'ibindi. Agaragaza ko iyo nyigo itashingirwaho kuko ikorwa itari igamije kugaragaza uburemere bwo kutagira umushahara fatizo mu gihugu n'ingaruka byagira. Asaba Urukiko kutakira ikirego cya ASSAR kuko kitubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 80 igika cya 2 y'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru.

[39] Me Kabibi Speciose avuga kandi ko ASSAR itagaragaza ikintu gifatika yakoze kugira ngo ikibazo kijyanye no gushyiraho umushahara fatizo gikemuke, ko iterekana niba hari ubushakashatsi yakoze ku kutagira umushahara fatizo, ngo igaragaze ingaruka byateye abanyarwanda n'icyatuma bikemuka, asoza yongera gusaba Urukiko kutakira ikirego cyatanzwe na ASSAR kuko kitubahirije ibiteganywa n'Itegeko.

[40] Mu kuvuguruza ibyavuzwe na Me Kabibi Speciose, Me Butare Emmanuel avuga ko inyigo yakozwe na Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo igaragaza ko nta mushahara fatizo uhari, aho mu iriburiro hagaragara ikibazo gihari n'ibibazo biterwa no kuba nta mushahara fatizo, ko byumvikana ko MIFOTRA yakoresheje iyo nyigo ishaka gukemura ikibazo kijyanye n'umushahara fatizo. Asobanura ko yaba Leta y'u Rwanda ndetse n'Inshuti y'Urukiko bose bemera ko nta mushahara fatizo uhari, bakanavuga ko Minisiteri bireba ikibyigaho, ko ariko ushingiye ku gihe Itegeko ry'umurimo ryateganyirije ko hagomba gushyirwaho umushahara fatizo ntibikorwe, asanga MIFOTRA itarabihaye ubwihutire.

[41] Mu kumwunganira, Me Umugwaneza Claudine avuga ko inyigo ijyanye n'umushahara fatizo yakozwe na Minisiteri y'abakozi ba Leta n'umurimo ubwayo mu kwezi kwa 7/2018, kandi ko ku rupapuro rwa 33 rwayo hagaragara ko umushahara

fatizo wagakwiye kuba amafaranga 1.400 ku munsi, banagaragaza akamaro ko kugira umushahara fatizo aho bavuga ko ari ukurandura ubukene n'ibindi bibazo bivugwa muri iyo nyigo, ko iyo nyigo igaragaza uburyo amategeko y'umurimo atandukanye yateganyaga ishyirwaho ry'umushahara fatizo n'uburyo n'icyo umaze mu iterambere ry'Igihugu n'abaturage muri rusange, akaba asanga iyo nyigo ihagije mu kugaragaza uburemere bw'ikibazo cy'uko nta mushahara fatizo uriho mu Rwanda.

[42] Me Umugwaneza Claudine avuga kandi ko mbere y'uko ASSAR ifata icyemezo cyo gutanga ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga, yari yarageragaje gushaka uburyo ikibazo kijyanye n'igenwa ry'umushahara fatizo cyakemuka ariko birananirana, ko ibyo bigaragazwa n'amabaruwa atandukanye yandikiwe Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo, arimo ibaruwa Banki Nkuru y'u Rwanda nk'umugenzuzi w'ibigo by'ubwishingizi, yandikiye Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo ku wa 14/11/2016, imugaragariza ko kuba nta mushahara fatizo urashyirwaho (SMIG/MGW) kandi ari inshingano Minisiteri ayobora ihabwa n'Itegeko ry'umurimo bituma inkiko zishyiraho amafaranga ashingirwaho mu kugena indishyi zihabwa abagiriye ibyago mu mpanuka zatewe n'ibinyabiziga byishingiwe, bikaba bigira ingaruka zikomeye ku bigo bitanga serivisi z'ubwishingizi mu Rwanda

[43] Me Umugwaneza Claudine asobanura kandi ko Minisiteri y'abakozi ba Leta n'umurimo yasubije iyo baruwa ku wa 23/01/2017, aho mu gika cya 2 yavuze ko ishyirwaho ry'umushahara fatizo ritegereje ivugururwa ry'Itegeko Nº 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 ryagengaga umurimo mu Rwanda. Avuga ko n'ubwo iyo baruwa yatangaga icyizere, ariko

Itegeko rigenga umurimo mu Rwanda ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ku wa 30/08/2018, hakaba hashize igihe cy'umwaka n'ubundi ikibazo cy'umushahara fatizo kitarakemuka, kandi ingingo ya 68 y'iryo Tegeko iteganya ko Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze ariryo rigena umushahara fatizo.

[44] Asobanura kandi ko hari indi baruwa yandikiwe MINECOFIN ku wa 05/06/2019, imenyeshwa MIFOTRA ndetse na MINIJUST aho ASSAR yongeye kugaragaza ikibazo gikomeye iterwa no kuba nta mushahara fatizo uhari mu Rwanda. Bityo ko kuba ASSAR yarageragaje kugeza icyo kibazo mu nzego zitandukanye, ariko kugeza ubu kikaba kitarakemuka, ASSAR isanga Urukiko rw'Ikirenga arirwo rwakemura icyo kibazo.

[45] Mu myanzuro yabo, Me Serugo Jean Baptiste na Me Sebucensha Leonard bavuga ko ASSAR ishingira kuri raporo yakozwe na Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo mu gihe iyo raporo itagaragaza uburemere bwo kuba nta mushahara fatizo uhari, ko iyo raporo itakozwe mu rwego rwo kugaragaza ko nta mushahara fatizo uhari. Basobanura ko iyo raporo itafatwa nk'iyakozwe n'abahanga, banagaragaza ko kugira ngo bihure n'ibiteganywa n'ingingo ya 80 y'Itegeko N° 30/2018 ryavuzwe haruguru, raporo igomba gukorwa n'umuntu ufite ubumenyi mu kibazo kigomba kwigwa, bityo ko raporo yatanzwe na ASSAR itujuje ibisabwa mu ngingo ya 80 yavuzwe haruguru.

[46] Bakomeje bibutsa ko ingingo ya 80 y'Itegeko N°30/2018 ryavuzwe haruguru iteganya ko inyigo yomekwa ku mwanzuro w'urega mu birego bijyanye n'inyungu rusange hagaragazwa uko yarageraje gukemura ikibazo n'inzego za Leta zibishinzwe bikananirana.

Aha bavuga ko amabaruwa atandukanye ASSAR yatanze nk'ikimenyetso cy'uburyo yagerageje gukemura ikibazo cy'igenwa ry'umushahara fatizo, atafatwa nk'ikimenyetso kibyemeza. Basobanura ko kuba Banki Nkuru y'u Rwanda, nk'ishinzwe kugenzura ibigo by'ubwishingizi yarandikiye MIFOTRA ku kibazo cyo gushyiraho umushahara fatizo, cyangwa kuba ASSAR yarandikiye MINECOFIN ikagenera kopi MIFOTRA na MINIJUST, ataribyo bigaragaza ko ASSAR ubwayo yagerageje gukemura ikibazo cy'ishyirwaho ry'umushahara fatizo n'urwego rubishinzwe, arirwo MIFOTRA, bikananirana. Bahereye kuri ibyo basaba Urukiko kutakira ikirego cya ASSAR kuko cyitujuje ibisabwa n'amategeko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[47] Ingingo ya 80 y'Itegeko N° 30/2018 ryavuzwe haruguru iteganya ko urega [.....]. Agomba gushyira ku mugereka w'imyanzuro inyigo yakozwe n'abahanga igaragaza uburemere bw'ikibazo avuga, uburyo yagerageje kugikemura yifashishije inzego za Leta bikananirana n'ingaruka kutabyitaho byagira.

[48] Urukiko rusanga inyigo ivugwa muri iyi ngingo ifite ibice bine biyiranga Umushingamategeko yifuje ko bigomba kuyigaragaramo kugira ngo ikirego cyakirwe:

a. Kuba yarakozwe n'umuhanga

b. Kuba igaragaza uburemere bw'ikibazo urega avuga;

c. Kugaragaza ko urega yagerageje gukemura ikibazo aregera yifashishije inzego za Leta bikananirana;

d. Kugaragaza ingaruka kutabyitaho bifite cyangwa byagira ku nyungu rusange aharanira.

[49] Urukiko rusanga kandi buri cyose mu bice bivugwa mu gika kibanziriza iki, gifite impamvu zumvikana cyashyiriweho, zigomba kubahirizwa n'utanga ikirego:

a. Inyigo igomba gukorwa n'umuhanga. Ibi bivuze ko igikenewe atari inyigo iyo ari yo yose. Ni inyigo ahubwo ikozwe kinyamwuga, yakozwe n'umuntu ubifitemo ubuzobere, ishingiye ku makuru afite gihamya kandi igamije kumvikanisha koko ikibazo kiriho ngo kibonerwe igisubizo.

b. Kuba agaragaza uburemere bw'ikibazo urega avuga. Ibi bivuze ko iyo nyandiko itagarukira ku kuvuga ikibazo gusa, ahubwo igomba kugaragaza mu buryo bwa gihanga uburemere gifite (ubunini bwacyo) ugereranyije n'inyungu rusange uwayiteguye ashaka kurengera.

c. Kugaragaza ko urega yagerageje gukemura ikibazo aregera yifashishije inzego za Leta bikananirana. Ibi bisobanuye ko urega agaragaza uburyo we ubwe cyangwa abo ahagarariye bagerageje uko bashoboye ngo ikibazo gikemuke bifashishije inzego za Leta, nyamara bikananirana.

d. Kugaragaza ingaruka kutabyitaho bifite cyangwa byagira. Ingaruka zivugwa aha si izo urega yibwira ko zabaho kuko ariko abitekereza gusa. Ahubwo zigomba gushingira ku isesengura ry'ibintu no ku ngero zifatika zerekana ko ibibazo ashaka gukemura bigira, ku rugero runaka, ingaruka mbi ku nyungu rusange urega agamije kurengera.

[50] Dosiye y'uru rubanza igaragaza ko inyigo ASSAR yashyize ku mugereka w'ikirego cyayo ivuga ko yakozwe na MIFOTRA, ariyo mu kwezi kwa Nyakanga 2018 ikaba isuzuma

ishyirwaho n'igenwa ry'umushahara fatizo ku byiciro by'umurimo.[9] Iyo nyigo ikaba yari igamije gukora ubushakashatsi ku rwego rw'Igihugu ku birebana no gushyiraho no kubara umushahara fatizo ku byiciro by'imirimo no gutegura umushinga w'iteka rya Minisitiri riteganya umushahara fatizo kuri buri cyiciro cy'umurimo cyagaragajwe. Hashingiwe ku ngero zitandukanye ndetse n'izihuriweho zerekana inzira zifashishwa mu kugena umushahara fatizo, intego ubwo bushakashatsi bwibanzeho zikaba ari izi zikurikira:

i) Gukora ubushakashatsi bucukumbuye ku miterere y'imishahara mu mirimo itandukanye ku Isoko ry'Umurimo mu Rwanda hitabwa ku byiciro by'imirimo;

ii) Gusesengura uburyo butandukanye bukoreshwa ubu mu kugena umushahara fatizo ku isi;

iii) Gukora ubushakashatsi bugereranya umushahara fatizo n'ibindi bigereranyo bishingiye ku mushahara n'umusaruro nk'umusaruro mbumbe w'imbere mu gihugu ku muturage (*GDP per capita*), umusaruro mbumbe w'imbere mu gihugu ku mukozi

iv) Gusesengura ingaruka z'umushahara fatizo ku isaranganya ry'umutungo, ku igabanuka ry'ubukene, ku busumbane bw'umutungo, ku nzego z'imirimo;

v) Hashingiwe ku bizaba byagaragajwe n'ubushakashatsi ku mushahara fatizo, gutegura

---

[9] *A Study on the Establishment and the Determination of the Minimum Guarantee Wage (MGW/SMIG) per Occupational Categories, Last Version, July 2018*.

umushinga w'iteka rya Minisitiri rigena umushahara fatizo hakurikijwe ibyiciro by'imirimo mu Rwanda.

[51] Mu gusesengura inyandiko yavuzwe haruguru ASSAR yashyikirije Urukiko, Urukiko rurasanga iyi nyandiko igaragara nk'inyandiko yari itararangira ngo itangazwe kuko ku mpapuro zayo zibanza, hari aho ibice bimwe bitujujwe aribyo, *Disclaimer, Inquiries, Acknowledgments, Abstract,* ibi bikaba byafatwa y'uko iyi nyigo yari ikiri umushinga nk'uko uhagarariye Leta abivuga. Ikindi ni uko iyi nyigo igaragaza ku rupapuro rwayo rwa mbere amagambo 'Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo', *Ministry of Public Service and Labor'*. Me Butare Emmanuel asubiza ikibazo cyo kumenya umuhanga wakoze iyi nyigo, yavuze ko ari MIFOTRA, ibi Urukiko rukaba rubona bidahagije kugira ngo rwemeze ko inyigo yakozwe n'umuhanga uteganyijwe n'ingingo ya 80 y'Itegeko N°. 30/2018.

[52] Urukiko rurasanga kandi intego zibanzweho mu nyigo yavuzwe haruguru zitari zigamije kugaragaza uburemere bwo kuba nta mushahara fatizo uriho mu Rwanda, ahubwo zasuzumaga ibyashingirwaho hagenwa umushaharafatizo mu byiciro bitandukanye by'imirimo. Iyo nyigo kandi ntinagaragaza ingaruka ziterwa no kutagira umushahara fatizo haba muri rusange, cyangwa by'umwihariko ku bigo by'ubwishingizi, kuko aribyo ASSAR ivuga ko aricyo gice cy'abaturage iharanira inyungu zacyo. Nk'uko Urukiko rwabigaragaje mu bika bibanza, ASSAR ivuga gusa ko kuba nta mushahara fatizo uriho bituma hakoreshwa uwashyizweho n'Urukiko rw'Ikirenga, bikayitera igihombo, ariko ntisobanure uko icyo gihombo giteye, ingano yacyo n'ingaruka kigira kuri ibyo bigo. Iyo ijya gukoresha inyigo kuri icyo kibazo, byashoboraga kwereka Urukiko uburemere bwacyo ndetse n'impamvu kigomba gukemurwa kugirango kitabagamira inyungu

z'igice cy'abaturage (i.e. ibigo by'ubwishingizi) ASSAR iharanira ndetse n'abaturage muri rusange cyane cyane abafata ubwishingizi muri ibyo bigo. Kuba rero inyigo yatanzwe na ASSAR itagaragaza ibyo byose, turasanga itujuje ibisabwa n'ingingo ya 80 y'Itegeko N°. 30/2018 ryavuzwe haruguru.

[53] Ku birebana n'ibyakozwe na ASSAR mu gukemura ikibazo cyo kutagira umushahara fatizo yifashishije inzego za Leta bikananirana, dosiye y'urubanza yerekana ko mbere yuko Itegeko No. 66/2018 rigenga umurimo ritangazwa, Banki Nkuru y'u Rwanda yandikiye MIFOTRA ibaruwa yo ku wa 14/11/2016 ivuga ko kutagira umushahara fatizo bibangamiye ibigo by'ubwishingizi, kuko indishyi zikomoka ku mpanuka zatewe n'ibinyabiziga zitangwa hashingiwe ku murongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RCAA 0202/07/CS rwo ku wa 09/04/2009 rwemeje amafaranga 2500 ku munsi, ndetse n'izindi nkiko zigenda zigena amafaranga ari hejuru. Mu ibaruwa yo ku wa 23/01/2017, MIFOTRA yasubije Banki Nkuru y'u Rwanda iyimenyesha ko ishyirwaho ry'Iteka rigena umushahara fatizo ritegereje isohoka ry'Itegeko rishya rigenga umurimo risimbura Itegeko N°. 13/2009 ry ku wa 27/05/2009. Itegeko N°. 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda ryatangajwe ku itariki ya 06/09/2018, ariko mbere y'aho, ku wa 27/07/2018, MIFOTRA yari yandikiye ASSAR n'ibigo by'ubwishingizi ibitumira mu nama ngwishwanama ku mushinga w'Iteka rya Minisitiri rishyiraho umushahara fatizo, iyo nama yagombaga kuba ku wa 06/08/2018. Nyuma y'aho, ku itariki ya 29/08/2018, Umuyobozi wa ASSAR yandikiye MIFOTRA avuga ko ashingiye ku nama ngishwanama bakoranye na MIFOTRA kuwa 06/08/2018, ashimira Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze kuba yarabagejejeho umushinga w'Iteka rigena umushahara fatizo, asaba ko muri iryo Teka hagira ibintu bimwe byajya ku

mugereka waryo aribyo: ibyiciro by'imirimo hakurikijwe ibikorwa mbonezabukungu; umushahara fatizo kuri buri kiciro; umubare w'iminsi y'akazi mu kwezi; abakozi bakora mu rwego rw'imirimo yanditse ariko batarebwa n'Iteka rya Minisitiri.

[54] Bigaragara kandi ko ku wa 05/06/2019, Umuyobozi wa ASSAR yandikiye MINECOFIN ibaruwa ayigezaho umushinga w'Itegeko ryerekeye indishyi zikomoka ku mpanuka ziterwa n'ibinyabiziga, anavuga ko imwe mu mbogamizi ibigo bitanga serivisi z'ubwishingizi bihura nazo ari izamuka ry'indishyi zigenwa mu bushishozi bw'Urukiko kuko nta mushahara fatizo uriho.

[55] Urukiko rurasanga isesengura ry' amabaruwa yavuzwe mu bika bibanziriza iki, rigaragaza ko mbere y'itangazwa ry'Itegeko rishya rigenga umurimo mu Rwanda, nta kigaragaza ko ASSAR hari icyo yakoze ubwayo ngo igeze kuri MIFOTRA, nk'urwego rushinzwe gushyiraho Iteka rigena umushahara fatizo, ikibazo cyo kuba uwo mushahara fatizo utariho n'ingaruka cyagira. Nyuma y'uko Itegeko rishya ritangarijwe, ibaruwa ASSAR yandikiye MIFOTRA ku wa 29/8/2018 yari iyo kuyishimira ko yayigejejeho umushinga w'Iteka rya Minisitiri rishyiraho umushahara fatizo inatanga ibitekerezo kubyashyirwa ku mugereka w'iryo Teka.

[56] Rushingiye kubyavuzwe mu bika bibanza, Urukiko rurasanga usibye ibaruwa imwe ASSAR yandikiye MIFOTRA ku wa 27/7/2018 iyishimira ko yayohererereje umushinga w'Iteka rya Minisitiri rigena umushahara fatizo ikanatanga ibyo yifuzaga ko byashyirwa ku mugereka w'iryo Teka, nta yindi baruwa yagejeje kuri MIFOTRA yerekeye ishyirwaho ry'umushahara fatizo. Mu gusobanura ko ASSAR yagize icyo ikora kugirango ikibazo cy'umushahara fatizo gikemuke bikananira, ASSAR

ihera ku ibaruwa yanditswe na Banki Nkuru y'u Rwanda ku wa 14/11/2016, ngo kuko ariyo ishinzwe kugenzura ibigo by'ubwishingizi. Aha Urukiko rurasanga icyo gisobanuro kidahagije kuko Banki Nkuru y'u Rwanda atariyo mu buranyi muri uru rubanza usabwa kugaragaza icyo yakoze kugirango ikibazo gikemuke. Ni muri urwo rwego kandi ASSAR itakwitwaza ibaruwa yandikiye MINECOFIN ku wa 05/06/2019 kuko, usibye n'uko iyo baruwa itasabaga MINECOFIN ishyirwaho ry'umushahara fatizo, ahubwo yayohereza imishinga y'amategeko yerekeye indishyi z'imvune z'umubiri, nta cyayibuzaga kwandikira Minisiteri ibishinzwe ariyo MIFOTRA.

[57] Urukiko rurasanga MIFOTRA yaratangiye gahunda yo gushyiraho Iteka rya Minisitiri rigena umushahara fatizo kandi ASSAR ikaba yarabimenyeshejwe ikanatanga ibitekerezo byayo, bityo ikaba itabona aho ihera ivuga ko MIFOTRA ntacyo yakoze cyangwa itahaye iki kibazo ubwihutirwe, cyane cyane ko n'Itegeko N°.66/2018 rigenga umurimo ritigeze riteganya igihe ntarengwa iryo Teka rigomba kuba ryagiyeho.

[58] Rushingiye ku bisobanuro byatanzwe haruguru, Urukiko rurasanga kuba mu gihe cyo gutanga ikirego gisaba kubungabunga cyangwa gukuraho imbogamizi ASSAR ivuga ko zibangamiye inyungu rusange, itarashoboye kugaragaza inyungu rusange zemewe iharanira, kandi ikaba itaratanze inyigo yakozwe n'umuhanga igaragaza uburemere bwo kuba nta mushahara fatizo uhari, icyo yabikozeho igamije gushaka uburyo icyo kibazo cyakemuka bikananirana n'ingaruka cyateye ku banyarwanda muri rusange, no ku bigo bw'ubwishingizi by'umwihariko, ikirego cyayo kitagomba kwakirwa kubera ko kitujuje ibiteganywa n'itegeko.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[59] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Association des Assureurs du Rwanda (ASSAR) kitakiriwe kubera ko kitujuje ibiteganywa n'amategeko.

IMANZA ZACIWE MU MIZI

IMANZA MBONEZAMUBANO

CARPENTIER v. UWAMAHORO

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCA 00006/2019/CA (Kanyange, P.J, Ngagi na Gakwaya) 06 Werurwe 2020

Amategeko agenga ububasha bw'inkiko – Inkiko z'Ibanze – Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego bisaba guhindura cyangwa ikurwaho ry'icyemezo cyafashwe mu buryo bw'ingereka n'ubw'agateganyo mu rubanza rw'ubutane, nyuma y'icibwa ry'urubanza rw'ubutane ku rwego rwa nyuma – Mu gihe Urukiko ruburanishije urubanza rw'iremezo rujyanye n'Ubutane ku rwego rwa nyuma, rukagira icyemezo rufata mu buryo bw'ingoboka kandi bw'agateganyo, impamvu nshya zose zigamije guhindura icyo cyemezo cy'agateganyo cyafashwe, zishyikirizwa Urukiko rw'Ibanze kuko nirwo rufite ububasha bwo kuburanisha imanza z'abantu n'umuryango ku rwego rwa mbere – Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 2/6/2018 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ngingo ya 27(5).

Incamake y'Ikibazo: Carpentier yashakanye na Uwamahoro babyarana abana babiri. Nyuma yo kutabana neza batanze ikirego mu Rukiko basaba ubutane ndetse baza kubuhabwa kuburyo bwa burundu n'Urukiko Rukuru. Mu byemezo by'agateganyo, Uwamahoro yahawe inshingano zo kurera abana, Carpentier ategekwa kujya atanga indezo no kuvuza abana mu gihugu cy'Ububirigi. Aba bombi mu bihe bitandukanye bagiye bagana Urukiko Rukuru nk'Urukiko rwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma basaba ko hari ibyahinduka mu myanzuro yafashwe. Cyakora haza kubaho kutishimira imwe mu myanzuro yafashwe bityo bombi bajuririra Urukiko rw'Ubujurire. Mbere yo

gusuzuma urubanza mu mizi, Urukiko rw'Ubujurire rwabanje gusuzuma niba koko Urukiko Rukuru nk'Urukiko rwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma ari narwo rwagombaga gusuzuma ibindi bibazo bigendanye no kutubahiriza ibyavuzwe muri izo manza cyangwa guhindura bimwe mu byemezo rwari rwarafashe.

Uwajuriye avuga ko kuba Urukiko Rukuru ari rwo rwaciye urubanza rw'ubutane hagati yabo kandi muri urwo rubanza akaba ari naho hafashwe ibyemezo birebana n'abana urwo Rukiko Rukuru ari rwo rufite ububasha bwo gusuzuma ibyo birego byose harimo n'urubanza rujuririrwa.

Mu kwisobanura kuri iyo ngingo, Uregwa nawe asanga Urukiko Rukuru ari rwo rwari rufite ububasha bwo kuburanisha urubanza rujuririrwa kuko ibyemezo byafashwe ku bana n'ubundi ari rwo rwari rwabifashe, ko rero rwanagombaga gusuzuma niba bikwiye guhinduka cyangwa kugumaho.

Incamake y'icyemezo: 1. Mu gihe Urukiko ruburanishije urubanza rw'iremezo rujyanye n'Ubutane ku rwego rwa nyuma, rukagira icyemezo rufata mu buryo bw'ingoboka kandi bw'agateganyo (nko ku bijyanye no kurera abana cyangwa indezo), impamvu nshya zose zigamije guhindura icyo cyemezo cy'agateganyo cyafashwe, zishyikirizwa Urukiko rw'Ibanze kuko nirwo rufite ububasha bwo kuburanisha imanza z'abantu n'umuryango ku rwego rwa mbere, bityo ibyemezo byafashwe mu manza RC 00004/2019/HC/KIG, RC 00010/2019/HC/KIG no mu rubanza RC00023-00024/2019/HC/KIG rujuririrwa, bigomba kuvanwaho, umuburanyi ubifitemo inyungu agatanga ikirego cye imbere y'Urukiko rufite ububasha bwo kukiburanisha.

Urukiko Rukuru ntirufite ububasha bwo kuburanisha urubanza rujuririrwa;
Ibyemezo byafashwe mu manza N° RC 00004/2019/HC/KIG, N° RC 00010/2019/HC/KIG na N° RC00023-00024/2019/HC/KIG bivanyweho.

Amategeko yashingiweho:
Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 2/6/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 27 (5)
Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo 194
Itegeko Nº 32/2016 ryo ku wa 28/8/2016 rigenga abantu n'umuryango, ingingo ya 243.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Carpentier Raymond Marcel Patrick yashakanye na Uwamahoro Dalida Waldha babyarana abana babiri, aribo Carpentier Patrick Junior na Carpentier Carl Philippe. Nyuma baje guhabwa ubutane mu rubanza n° RCAA 00013/2018/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 7/12/2018, Uwamahoro Dalida Waldha ahabwa inshingano zo kurera abana, Carpentier Raymond Marcel Patrick ategekwa kujya atanga indezo, ahabwa n'uburenganzira bwo kujya kuvuza abana mu gihugu cy'Ububirigi nk'uko yari yabisabye, ariko

agaherekezwa na Uwamahoro Dalida Waldha, runagena uburyo bagabana umutungo wabo.

[2] Nyuma y'aho urubanza RCAA 00013/2018/HC/KIG rociriwe n'Urukiko Rukuru, Carpentier Raymond Marcel Patrick yagarutse muri urwo Rukiko asaba ko icyemezo cyafashwe muri urwo rubanza ku byerekeye abana cyahinduka, hagasuzumwa ibyerekeye uburenganzira bwo kujya kuvuza abana, indezo z'abana n'uburenganzira bwo kubona ababyeyi babo bombi uko bikwiye. Mu rubanza RC 00004/2019/HC rwaciwe ku wa 20/2/2019, Urukiko Rukuru rwemeje ko ikirego cya Carpentier Raymond Marcel Patrick gifite ishingiro, rugena ibihe agomba kubonana cyangwa gusurwa n'abana, ruvuga ko yajya abajyana muri *week-end*, akabafata ari ku wa gatanu saa tanu (11h00), akabagarurira Uwamahoro Dalida Waldha ku cyumweru saa kumi za nimugoroba(16h00), naho ku byerekeye uburenganzira bwo kurera abana no kujya kubavuza, hemezwa ko ibyo yasabye nta shingiro bifite, ko hagumyeho ibyemejwe mu rubanza RCAA 00013/2018/HC/KIG, rwibukijwe haruguru.

[3] Carpentier Raymond Marcel Patrick na none yongeye gutanga ikirego mu Rukiko Rukuru avuga ko hari ibyahindutse bitagenda neza ku byerekeye uburenganzira bw'abana, kuko bahawe nyina ngo abarere, ariko akaba atabitaho, ko akenshi ajya asohoka akabasiga mu rugo, ko atitwara neza, kuko kenshi asohoka ari n'ijoro akabasiga no kuba akina umukino wa *Hiking* yambaye ubusa, asaba ko yabamburwa akaba ari we uhabwa inshingano zo kubarera cyangwa bakajya ibihe byo kubarera (garde alternée), anasaba ko Uwamahoro Dalida Waldha yagira uruhare mu burere bw'abana, kuko afite akazi akora, bakanafatanya kwishyura amashuri yabo, kuko Uwamahoro Dalida Waldha ari we wasigaranye umutungo wose, anasaba na

none ko hakongera gusuzumwa uburenganzira bwo kujya kuvuza abana, kuko Uwamahoro Dalida Waldha nta bushake agaragaza bwo kugira ngo bikorwe n'ubwo byemejwe n'Urukiko Rukuru.

[4] Mu rubanza RC 00010/2019/HC/KIG rwaciwe ku wa 14/6/2019, Urukiko Rukuru rwemeje ko Carpentier Raymond Marcel Patrick ahawe uburenganzira bwo kujyana abana babo Carpentier Patrick Junior na Carpentier Carl Philipe kubavuza mu Bubirigi akanabakorera ibisabwa byose kugira ngo bagende banavurwe, akabagarura bitarenze ku wa 6/8/2019. Yahawe kandi uburenganzira bwo kubarera (garde des enfants), kugeza ku itariki ya 6/8/2019, nyuma y'iyo tariki bakongera kurerwa na nyina nk'uko byari bisanzwe.

[5] Uwamahoro Dalida Waldha nawe yaje gutanga ikirego mu Rukiko Rukuru, gihabwa RC 00023/2019/HC/KIG, asaba Urukiko guhindura ibyemezo byafashwe muri urwo rubanza ku birebana no kurera abana no kubavuza, ariko aza gusanga bimwe mu byo yasabye bitakiri ngombwa, ahitamo gusaba Urukiko gutegeka Carpentier Raymond Marcel Patrick kubahiriza icyemezo ku bijyanye n'indezo n'amafaranga y'ishuri, bigakorwa adategereje ko urubanza ruba itegeko, kuko abikora uko ashaka n'igihe ashakiye bikaba bibangamye.

[6] Carpentier Raymond Marcel Patrick nawe yatanze ikirego mu Rukiko Rukuru, gihabwa RC 00024/2019/HC/KIG, asaba guhindura ibyemezo byafashwe mu manza RCAA 00013/2018/HC/KIG, RC 00004/2019/HC, RC 00010/2019/HC/KIG mu nyungu z'abana ku byerekeye kubarera no kubavuza, asaba ko hatangwa *garde alternée* nk'igisubizo cyo gukemura amakimbiraneahoraho hagati ye na UWAMAHORO Dalida Waldha, agahabwa uburenganzira bwo kujya kuvuza abana mu Bubirigi bidasabye uruhushya rwa nyina n'indishyi zo

gushorwa mu manza n'ibindi amaze gutakaza, nk'amatike y'indege amaze gupfa ubusa kubera gutambamira ivuzwa ry'abana.

[7] Imanza zombi zahurijwe hamwe mu rubanza RC 00023/2019/HC/KIG-RC 00024/2019/HC/KIG, rucibwa ku wa 11/10/2019. Urukiko Rukuru rwasanze Uwamahoro Dalida Waldha avuga ko bitakiri ngombwa ko abana bajya kuvurirwa hanze kuko indwara ya *autism* barwaye itavurwa ngo ikire, ko na Minisiteri y'ubuzima yemeje ko ibirebana n'indwara ya *autism* bishobora gusuzumirwa mu Rwanda, rusanga ibisabwa na Carpentier Raymond Marcel Patrick byo kujya kuvuza abana mu Bubirigi bidasabye uruhushya rwa nyina bidafite ishingiro, kuko atigeze agerageza kubavuza mu Rwanda ngo aho bazageza abe ariho ahera ajya kugerageza mu Bubirigi, rwemeza ko ibirego rwashyikirijwe na Uwamahoro Dalida Waldha na Carpentier Raymond Marcel Patrick nta shingiro bifite.

[8] Carpentier Raymond Marcel Patrick ntiyishimiye imikirize y'urubanza ajuririra Urukiko rw'Ubujurire, arusaba gusuzuma ibyerekeye kurera abana Carpentier Patrick Junior na Carpentier Carl Philippe ku bufatanye bw'ababyeyi bombi hifashishijwe *garde partagée* mu nyungu z'abana ndetse n'uburyo bwo gukemura amakimbirane ari hagati y'ababyeyi babo, gusuzuma niba yajya kuvuza abana mu Bubirigi bidasabye ubushake n'uruhushya bya nyina Uwamahoro Dalida Waldha, gutegeka Uwamahoro Dalida Waldha gutanga *passeports* nyarwanda z'abo bana yafatiriye no gusuzuma ibirebana n'uburenganzira umubyeyi agira ku bana n'ubwo abana bamugiraho.

[9] Urubanza rwahamagawe kuburanishwa ku wa 4/2/2020, ariko uwo munsi ntirwaburanishwa, kuko Me Munyaneza Remy,

uburanira Uwamahoro Dalida Waldha, atari yitabye, acibwa ihazabu yo gutinza urubanza. Iburanisha ryimuriwe ku wa 13/2/2020, ababuranyi basabwa gukora imyanzuro irebana n'ububasha bw'Urukiko Rukuru rwaciye urubanza rujuririrwa n'ubw'Urukiko rw'Ubujurire. Iburanisha mu ruhame ryongeye kuba ku wa 13/2/2020, Carpentier Raymond Marcel Patrick yunganiwe na Me Musasangohe Illuminée na Me Kazeneza Théophile, Uwamahoro Dalida Waldha ahagarariwe na Me Munyaneza Remy, haburanishwa ikibazo kirebana n'Ububasha bw'Urukiko Rukuru n'ubu Urukiko rw'Ubujurire bwo kuburanisha ikirego cy'ubujurire cyatanzwe na Carpentier Raymond Marcel Patrick.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO

a. Kumenya Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ibirebana n'abana nyuma y'uko ubutane bw'abashyingiranywe bwemejwe n'urubanza rwabaye ndakuka

[10] Me Musasangohe Illuminée, wunganira Carpentier Raymond Marcel Patrick, avuga ko urubanza rujuririrwa n'izindi zarubanjirije zaciwe n'Urukiko Rukuru hashingiwe ku ngingo ya 243 y'Itegeko Nº 32/2016 ryo ku wa 28/8/2016 rigenga abantu n'umuryango, ko ibikubiye muri iyo ngingo bishatse kuvuga ko iyo urukiko rwafashe icyemezo ruyishingiyeho, icyo cyemezo kiba ari agateganyo, ko rushobora kwisubiraho rukagihindura ku nyungu z'abana.

[11] Me Musasangohe Illuminée avuga ko hashingiwe kuri iyo ngingo na none, kuba Urukiko Rukuru ari rwo rwaciye urubanza

rw'ubutane hagati ya Carpentier Raymond Marcel Patrick na UWAMAHORO Dalida Waldha kandi muri urwo rubanza akaba ari naho hafashwe ibyemezo birebana n'abana, no kuba urwo Rukiko ari rwo rwanaciye urubanza RC 00004/2019/HC/KIG, RC 00010/2019/HC/KIG n'urubanza n° RC 00023/2019/HC/KIG- RC 00024/2019/HC/KIG, ibyo birego bigatangwa binyuze mu nzira y' ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe nk'uko bisobanurwa n'ingingo ya 194 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Urukiko Rukuru ari rwo rwari rufite ububasha bwo gusuzuma ibyo birego byose harimo n'urubanza rujuririrwa.

[12] Me Musasangohe Illuminée avuga na none ko ku birebana n'ububasha bw'Urukiko rw'Ubujurire, urubanza rujuririrwa rwatangiriye mu Rukiko Rukuru, ko rwaregewe mu buryo bw'ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 189 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Avuga ko imanza zirebana n'abana ziba zifite umwihariko, kuko zisaba ko haboneka ikintu kigaragaza ko inyungu z'umwana zibangamiwe, ko rero umuntu wese ubifitemo inyungu yemererwa gusaba Urukiko rwafashe icyo cyemezo kugikuraho cyangwa kugihindura mu nyungu z'abana.

[13] Me Musasangohe Illuminée avuga kandi ko Urukiko rw'Ubujurire ari rwo rufite ububasha bwo kuburanisha ubujurire ku cyemezo cy'Umucamanza cyafatiwe mu Rukiko Rukuru, kuko ingingo ya 192 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, yemera ko ibyemezo

byafashwe mu manza zikomoka ku birego bitanzwe n'umuburanyi umwe bishobora kujuririrwa, kandi ko kuba Urukiko Rukuru ari rwo rwaciye urubanza rw'ubutane rukanafata icyemezo ku birebana n'abana, bafite uburenganzira bwo kurujuririra inshuro imwe, akaba ari nabyo bakoze.

[14] Ku birebana n'Urukiko ruregerwa ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe ku bibazo birebana n'umuryango n'ubwihutirwe kuri byo, Me Musasangohe Illuminéeavuga ko ingingo ya 189 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko ibirego bitanzwe n'umuburanyi umwe biba bidafite urubanza bishingiyeho, ko batanga ikirego bwa mbere cyari gishingiye ku byategetswe umwe mu babyeyi b'abana undi bitamutegetswe, ko Urukiko ari rwo rwabonye ko n'undi ahamagazwa.

[15] Ku birebana n'ingingo ya 27 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 2/6/2018 rigena ububasha bw'inkiko, iha ububasha Urukiko rw'Ibanze ku bibazo byerekeye abantu n'umuryango, Me Musasangohe Illuminée avuga ko mu gihe Urukiko rw'Ibanze rwafashe icyemezo ku kibazo runaka, kikajuririrwa hakagira ibikurwaho mu bujurire, umuburanyi adasubira mu Rukiko rw'Ibanze gusaba ko hagira ibihinduka, kuko ruba rwariyambuye ububasha, kandi ko muri iki kibazo, Urukiko Rukuru ari rwo rwafashe icyemezo cy'agateganyo, nabo baregera ko gihinduka, bidakozwe barakijuririra.

[16] Me Kazeneza Théophile, nawe wunganira Carpentier Raymond Marcel Patrick, avuga ko ibyemezo Umucamanza yafashe ku bana ku birego bidafite urubanza bishingiyeho, ashobora kubihindura cyangwa kubikuraho, ko Umushingamategeko yateganyije ko biburanishwa nk'ibirego

bitanzwe n'umuburanyi umwe (requête unilatérale), bikaba bishobora no kujuririrwa. Avuga ko Umucamanza w'Urukiko rw'Ibanze uregewe *requête unilatérale* ku bijyanye n'ibyemezo byafashwe n'Urukiko Rukuru, ashobora kuvuga ko ibikubiye muri iyo dosiye atabifite, ko adashobora no guhindura icyemezo cyafashwe n'Urukiko Rukuru.

[17] Me Kazeneza Théophile avuga kandi ko mu gihe Urukiko rw'Ubujurire ruzaburanisha uru rubanza, kugira ngo icyemezo rwafashe gihinduke, byasaba ko biregerwa na none uru Rukiko rw'Ubujurire rwagifashe.

[18] Me Munyaneza Remy, uburanira Uwamahoro Dalida Waldha, avuga ko nabo basanga Urukiko Rukuru ari rwo rwari rufite ububasha bwo kuburanisha urubanza rujuririrwa hashingiwe ku ngingo ya 243 y'Itegeko Nº 32/2016 ryo ku wa 28/8/2016 rigenga abantu n'umuryango, n'iya 189 kugeza ku ya 195 z'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Akomeza avuga ko Urukiko Rukuru rwari rufite ububasha bwo kwakira no kuburanisha urubanza rujuririrwa, kuko ibyemezo byafashwe ku bana n'ubundi ari rwo rwari rwabifashe, ko rero rwanagombaga gusuzuma niba bikwiye guhinduka cyangwa kugumaho.

[19] Me Munyaneza Remy avuga na none ko Urukiko rw'Ibanze rwafashe ibyemezo mu mizi y'urubanza ku bana, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rurabyemeza, Urukiko Rukuru rufata n'ibindi, ko rero ibyo byemezo bidashobora gukurwaho n'Urukiko rw'Ibanze, ahubwo ko Urukiko Rukuru rwaregewe ari rwo gusa rwashobora kubihindura. Avuga ko mu ngingo ya 243 y'Itegeko rigenga abantu n'umuryango, mu rurimi rw'igifaransa bakoresheje ijambo *''les mesures''* mu

Kinyarwanda bakavuga ‘’Urukiko’’, ko ari byo bitera urujijo, kandi ko mu gihe ababuranyi babiri baburanye mu bujurire bidashoboka ko hatangwa inyandiko nsobanurakirego itanzwe n’umuburanyi umwe (*requête unilatérale)*.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[20] Ingingo ya 243, igika cya gatanu, y’Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/8/2016 rigenga abantu n’umuryango, ku birebana n’inkurikizi z’ubutane ku bana igira iti: ‘’ *Ibyemezo urukiko rufata rushingiye kuri iyi ngingo bihora ari agateganyo, rushobora buri gihe kubikuraho bisabwe n’ubifitemo inyungu mu buryo bw’ikirego gitanzwe n’umuburanyi umwe’’*.

[21] Ingingo ya 27, agace ka gatanu (5), y’Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 2/6/2018 rigena ububasha bw’inkiko, iteganya ko ‘’ *Inkiko z’Ibanze ziburanisha imanza zerekeye imimerere y’abantu n’umuryango’’*.

[22] Ingingo ya 194 y’Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbonezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi iteganya ko *‘’ Uwatanze inyandiko nsobanurakirego cyangwa uwayigobotsemo ashobora, mu gihe hari ibyahindutse, gutanga ikirego gisaba umucamanza wafashe icyo cyemezo kugira ibyo ahindura cyangwa akura ku byo yari yemeje mbere, ariko bitabangamira uburenganzira bw’abandi ku byo bahawe n’icyo cyemezo’’*.

[23] Dosiye y’urubanza igaragaza ko urubanza rujuririrwa, rwaregewe Urukiko Rukuru, aho Carpentier Raymond Marcel Patrick yareze arusaba guhindura ibyemezo byafashwe mu

manza RCAA 00013/2018/HC/KIG, RC 00004/2019/HC, RC 00010/2019/HC/KIG mu nyungu z'abana ku byerekeye kubarera no kubavuza, asaba ko bajya bajy'ibihe byo kurera abana babo (*garde alternée)* nk'igisubizo cyo gukemura amakimbirane ahoraho hagati ye na Uwamahoro Dalida Waldha, uyu nawe asaba Urukiko gutegeka Carpentier Raymond Marcel Patrick kubahiriza icyemezo ku bijyanye n'indezo n'amafaranga y'ishuri, narwo rwari rwaregewe nk'ikirego cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, bikaba byumvikana ko nacyo cyari ikirego gishya, kidafite ikindi gishamikiyeho.

[24] Dosiye y'urubanza igaragaza kandi ko Urukiko Rukuru ari rwo rwafashe ku rwego rwa nyuma icyemezo ku rubanza rw'ubutane rwa Carpentier Raymond Marcel Patrick na Uwamahoro Dalida Waldha, mu rubanza RCAA 00013/2018/HC/KIG, rwaciwe ku wa 7/12/2018, runafata mu rwego rw'ingereka (accessoirement) ibyemezo ku birebana n'abana, ibyo byemezo bikaba ku bw'amategeko ari iby'agateganyo kugeza igihe ababuranyi bazagaragariza Urukiko rubifiteye ububasha, ko hari ibyahindutse, bakanarusaba guhindura ibyari byemejwe mbere.

[25] Hashingiwe ku byagaragajwe mu gika kibanziriza iki, Urukiko rw'Ubujurire rurasanga kuba ibyemezo bisabwa guhinduka mu manza RC 00004/2019/HC, RC 00010/2019/HC/KIG na RC 00023/2019/HC/KIG-RC00024/2019/HC/KIG, byarafashwe mu buryo bw'ingereka n'ubw'agateganyo n'Urukiko Rukuru mu rubanza RCAA 00013/2018/HC/KIG, aho rwaburanishaga mu mizi ku bw'ibanze (à titre principal) ibirebana n'ubutane hagati ya Carpentier Raymond Marcel Patrick na Uwamahoro Dalida Waldha, kandi

urwo rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rukaba rwarabaye ndakuka, bivuze ko icyo gihe Urukiko Rukuru rwarangije kuruca burundu, ku buryo rutarusubiraho (dessaisissement), bityo rukaba atari rwo rwakongera kuburanisha ibirebana n'abana mu gihe hari impamvu nshya (circonstances nouvelles) zatuma ibyemezo birebana n'abana byafashwe mu rubanza rw'ubutane bihinduka, kuko byarwambuye ububasha bwo kwongera kuburanisha icyo kirego. Ibi bishimangirwa no kuba imanza zirebana n'abana ari ndemyagihugu (umudendezo rusange), ku bw'ibanze, hakaba hagomba kubahirizwa inyungu zabo no guha ababyeyi uburenganzira bwo kujurira (principe du double degré de juridiction) no gukoresha izindi nzira z'ubujurire ziteganywa n'Itegeko.

[26] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga iyo hasesenguwe amategeko y'ibindi bihugu, usanga ateganya ko Umucamanza w'Urukiko Rwisumbuye ushinzwe kuburanisha imanza zirebana n'umuryango ku rwego rwa mbere ari we ufite ububasha bwo kuburanisha, nyuma y'uko urubanza rw'ubutane rwabaye ndakuka, ibirebana n'ububasha bwa kibyeyi[1], bivuze ko

---

[1] *L'article 247, alinéa 4, du code civil franÇais dispose que '' Il (juge du tribunal de grande instance délégué aux affaires familiales) est seul compétent, après le prononcé du divorce, quelle qu'en soit la cause, pour statuer sur les modalités de l'exercice de l'autorité parentale et sur la modification de la pension alimentaire, ainsi que pour décider de confier les enfants à un tiers. Il statue alors sans formalité et peut être saisi par les parties intéressées sur simple requête''. L'article 1084 du code de procédure civile franÇais dispose que '' Quand il ya lieu de statuer, après le prononcé du divorce, sur l'exercice de l'autorité parentale, la pension alimentaire ou la contribution à l'entretien et à l'éducation de l'enfant, la demande est présentée, même si un pourvoi en cassation a été formé, au juge aux affaires familiales selon les modalités prévues à la section III du*

ababuranyi bagomba kugaruka imbere y'Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ku rwego rwa mbere imanza z'abantu n'umuryango, mu gihe basanga hari impamvu nshya zatuma ibyemezo ku bana byafashwe n'Urukiko rwaciye burundu ubutane, bigomba guhinduka.

[27] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga kandi muri uru rubanza, ababuranyi barashoboraga gusaba Urukiko Rukuru guhindura ibyemezo by'agateganyo byafashwe ku bana igihe cyose rwari rukiri kuburanisha urubanza rw'ubutane, ni ukuvuga mbere yo gufata icyemezo ku butane, nk'ukobivugwa mu ngingo ya 224 n'iya 225 z'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/8/2016 rigenga abantu n'umuryango[2].

---

présent chapitre'', Code procédure civile annoté, Edition limitée, 108 édition, Dalloz, Paris, 2017, P. 1084.

L'article 302 du code civil belge édicte que '' Après la dissolution du mariage par le divorce, l'autorité sur la personne de l'enfant et de l'administration de ses biens sont exercés conjointement par les père et mère ou par celui à qui elles ont été confiées, soit par l'accord des parties dûment entériné conformément à l'article 1258 du code judiciaire, soit par décision ordonnée par le président statuant en référé conformément à l'article 1280 du code judiciaire, sans préjudice de l'article 387 bis du présent code''. L'article 1280 du code judiciaire belge dispose que '' Le Président du tribunal ou le juge qui en exerce les fonctions statuant en référé, connaît jusqu'à la dissolution du mariage à la demande, soit des parties ou l'une d'elles, soit du procureur du Roi, en tout état de cause, des mesures provisoires relatives à la personne, aux aliments et aux biens, tant des parties que des enfatnts''.

[2] Ingingo ya 224 iteganya ko '' Aho urubanza rw'ubutane rwaba rugeze hose, umucamanza ashobora gufata ibyemezo by'agateganyo byerekeye ababuranyi, abana babyaranye ndetse n'umutungo'', naho ingingo ya 225 iteganya ko '' Kugira ngo arengere inyungu z'abana mu gihe urubanza rw'ubutane rukiburanishwa, umucamanza ashobora kubashinga by'agateganyo umwe mu bashyingiranwe cyangwa undi muntu akanagena uruhare rwa buri wese mu bashyingiranywe ku bitunga abana''.

[28] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga na none ibivugwa mu ngingo ya 194 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, byumvikanisha ko mu gihe hari ibyahindutse, ikirego gisaba umucamanza wafashe icyemezo ku nyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, kugira ibyo ahindura cyangwa akura ku byo yari yemeje mbere, bikorwa ku miburanishirize irebana n'inyandiko nsobanurakirego gusa, haba ku rwego rwa mbere, haba ku rwego rw'ubujurire cyangwa ku rwego rwo gutambamira urubanza, bivuze ko gusaba ihinduka ry'ibyemezo byafashwe ku birebana n'abana bidakorwa imbere y'Urukiko rwarangije gufata icyemezo cyabaye ndakuka ku birebana n'ubutane, bityo iyi ngingou ya 194 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/4/2018 ryavuzwe haruguru idakoreshwa muri uru rubanza.

[29] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga bigomba kumvikana ko Urukiko ruvugwa mu gika cya gatanu cy'ingingo ya 243, y'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/8/2016 ryavuzwe haruguru, ari Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ku rwego rwa mbere imanza zerekeye abantu n'umuryango, bivuze ko hashingiwe ku ngingo ya 27, agace ka gatanu (5) y'Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 2/6/2018, ryavuzwe haruguru, ari Urukiko rw'Ibanze rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego biregera gufata ibyemezo ku bijyanye no kurera abana kubera ko hari ibyahindutse.

[30] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga kandi, ibyo abunganira Carpentier Raymond Marcel Patrick bavuga, ndetse bikanashimangirwa n'uburanira Uwamahoro Dalida Waldha, ko mu gihe Urukiko Rukuru rwaciye urubanza rw'ubutane rukanafata icyemezo ku birebana n'abana, Urukiko rw'Ibanze

rutaregerwa ikirego cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe ku birebana n'abana ngo ruruce kuko Urukiko Rukuru ruri hejuru yarwo, nta shingiro bifite, kuko muri uru rubanza, Urukiko Rukuru rwaciye urubanza ku kirego cy'ubutane mu rwego rw'ubujurire bwa kabiri, runafata mu rwego rw'ingereka (accessoirement) icyemezo ku byerekeye abana nk'uko rwari rwabisabwe, bikaba rero bitafatwa ko Urukiko rw'Ibanze rwaba rugiye guhindura icyemezo cy'Urukiko Rukuru, kuko icyo kirego kitaba gishamikiye ku rubanza rw'ubutane Urukiko Rukuru rwaciye, ahubwo rusuzuma impamvu nshya (circonstances nouvelles ou faits nouveaux) zatuma ibyemezo byafashwe ku bana bihinduka, bivuze ko izo mpamvu ziba zinatasuzumwe n'Urukiko Rukuru igihe rwaburanishaga ubutane.

[31] Kubera izo mpamvu zose, Urukiko rw'Ubujurire rurasanga Urukiko Rukuru rutari rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego byatanzwe na Carpentier Raymond Marcel Patrick na Uwamahoro Dalida Waldha nk'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe (requête unilatérale) ku birebana no kurera abana, nyuma y'uko urubanza rw'ubutane bwabo ruciwe burundu, bityo ibyemezo byafashwe mu manza RC 00004/2019/HC/KIG, RC 00010/2019/HC/KIG no mu rubanza RC00023-00024/2019/HC/KIG rujuririrwa, bikaba bigomba kuvanwaho, umuburanyi ubifitemo inyungu agatanga ikirego cye imbere y'Urukiko rufite ububasha bwo kukiburanisha.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[32] Rwemeje ko Urukiko Rukuru rutari rufite ububasha bwo kuburanisha rubanza RC00023-00024/2019/HC/KIG rujuririrwa.

[33] Rwemeje ko ibyemezo byafashwe mu manza RC 00004/2019/HC/KIG, RC 00010/2019/HC/KIG na RC00023-00024/2019/HC/KIG rujuririrwa, bivanweho.

[34] Rutegetse ko amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

NISHIMWE N'UNDI v. MUGENGA N'UNDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA 00031/2016/SC (Nyirinkwaya P.J., Cyanzayire, Kayitesi Rusera, Rukundakuvuga na Hitiyaremye J.) 25 Nzeri 2019]

Umutungo – Umutungo utimukanwa – Gusubizwa ibyongewe ku mutungo utimukanwa n'utari nyirawo – Mu gihe umuntu yaguze umutungo utimukanwa n'utari nyirawo, bikaba ngombwa ko awusubiza nyirawo w'ukuri kandi hari ibyo yongeyeho bitari ibyo yubatse cyangwa yateye bishya, abisubizwa na nyir'umutungo hakurikijwe imiterere yabyo – Asubizwa agaciro k'ibyakozwe biri ngobwa n'ibyakozwe bifite akamaro hatitawe ku kureba niba yarawubonye mu buryarya cyabgwa nta buryarya – Ntacyo asubizwa na nyir'umutungo w'ukuri ku byakozwe by'umurimbo.

Incamake y'ikibazo: Mugenga yagiranye amasezerano y'ubugure bw'inzu na Kabagema, yaje guteshwa agaciro n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali nyuma yo gusanga Kabagema yaragurishije ibitari ibye, kuko yari iy'umuvandimwe we Rwamanywa.

Mugenga amaze gusubiza uwo mutungo, yahise arega abazungura ba Rwamanywa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge avuga ko yasubije inzu ariko ntiyishyurwa agaciro k'ibikorwa yari amaze kuyikoraho, asaba Nishimwe na Mashami inyungu z'amafaranga yashyize kuri iyo nzu, amafaranga y'ubukode bayibonamo, n'amafaranga aturuka ku guta agaciro k'ifaranga; urwo Rukiko rwemeza ko hari ibikorwa Mugenga

yakoze kuri iyo nzu, rutegeka ko asubizwa agaciro kabyo kagenywe mu bushishozi bwarwo, runategeka abazungura ba Rwamanywa gusubiza Mugenga amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza.

Ababuranyi bombi bajuririye urwo rubanza, mu rubanza rwahurije hamwe ubwo bujurire bwombi, rwemeza ko ubujurire bwombi nta shingiro bufite.

Nishimwe yongeye kujuririra urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko habayeho kwivuguruza urukiko rukavugisha itegeko ibyo ritavuga, ko rwemeje ko Mugenga asubizwa inyongeragaciro yashyize ku nzu mu gihe amakosa ariwe wayakoze, ko kandi ibimenyetso byashingiweho mu kugena ibyo yongeye ku nzu bishidikanywaho.

Mu iburanisha ry'urubanza, Mugenga yazamuye inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Nishimwe wajuriye yatsinzwe kabiri ku mpamvu zimwe, ndetse ko n'ikiburanwa ubwacyo kitagejeje kuri 50.000.000Frw, asaba Urukiko kutakira ubujurire. Urukiko rwemeza ko inzitizi y'iburabubasha yatanzwe nta shingiro ifite.

Nyuma Mugenga yongeye gutanga indi nzitizi avuga ko Nishimwe yahinduye ababuranyi mu rwego rw'ubujurire, kuko Mashami aza mu baregwa mu gihe mu nkiko zibanza yari afatanyije urubanza na Nishimwe, bituma Urukiko rubyutsa inzitizi yo kumenya niba ubujurire bwa Nishimwe butagira ingaruka ku bandi bazungura, nyuma y'impaka kuri izo nzitizi Urukiko rwemeza ko kubireba Mashami, ikirego cya Nishimwe kidakwiye kwakirwa, Mashami avanwa mu rubanza nk'uregwa, ahubwo ahamagazwa ku ruhande rw'uwajuriye nubwo atajuriye, iburanisha rikomeza mu mizi.

Mu miburaniye ye, Mugenga avuga ko haribyo yongeye kunzu nyuma yo kuyigura agira n'ibindi bishya yubaka muri icyo kibanza, mu gihe Nishimwe na Mashami bo bavuga ko ntacyo yongeyeho, ko nubwo byaba biriho ataribo babimwishyura kubera ko yaguze mu buryarya.

Hitabajwe umuhanga mu igenagaciro wagennywe yumvikanyweho n'ababuranyi, asabwa kugaragariza Urukiko ibyongewe ku nzu no mu kibanza bivugwa mu kiburanwa nyuma y'umwaka wa 1997 kugeza mu mwaka wa 2008 Mugenga ayivamo, raporo umuhanga yakoze mbere igibwaho impaka, biba ngombwa ko urukiko rutegeka ko hakorwa iy'inyongera.

Incamake y'icyemezo: 1. Mu gihe umuntu yaguze umutungo utimukanwa n'utari nyirawo, bikaba ngombwa ko awusubiza nyirawo w'ukuri kandi hari ibyo yongeyeho bitari ibyo yubatse cyangwa yateye bishya, asubizwa na nyir'umutungo ibyo yongeyeho hakurikijwe imiterere yabyo.

2. Asubizwa agaciro kose k'ibyakozwe biri ngombwa n'ibyakozwe bifite akamaro hatitawe ku kureba niba yarawubonye mu buryarya cyangwa nta buryarya. Ntacyo asubizwa na nyir'umutungo w'ukuri ku byakozwe by'umurimbo.

Ubujurire bwa Nishimwe na Mashami bufite ishingiro kuri bimwe;
Amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe.

Amategeko yashingiweho:
Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 34.

Itegeko Ngenga N° 03/2013/OL ryo ku wa 16/06/2013 rikuraho Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigenga imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, ingingo ya 35, igika cya 3;
Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 9.
Itegeko N° 42/1988 rishyiraho Interuro y'ibanze n'Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano (ryavuyeho), ingingo ya 388 na 389.

Imanza zifashishijwe:

Kayitsinga v. Kanyamibwa, RS/REV/INJUST/CIV 0012/2015/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 18/01/2019,
Nibasenge v. Nahayo, RS/INJUST/RC 0006/2018/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 18/01/2019.

Inyandiko z'abahanga:

Gérard Cornu, Vocabulaire juridique, 6ème éd., Paris, Presses Universitaires de France, 1996, p. 312, 388 na 418.
Christian Larroumet, Droit Civil, Les Biens, Droits réels, Principaux, 5ème Ed., T.II, Paris, Economica, 2006, p. 311, 312, 372, 373.
Patrice Jourdain, Droit Civil, Les biens, Paris, Dalloz, 1995, p.229, p. 282.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA.

[1] Mugenga Joseph yaguze na Kabagema Ferdinand inzu mu mwaka wa 1994. Amasezerano y'ubugure bwabo yaje guteshwa agaciro n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, mu rubanza N° RC 36.294/01 rwaciwe ku wa 12/02/2003. Muri urwo rubanza, Urukiko rwasanze Kabagema Ferdinand yaragurishije ibitari ibye kuko byari iby'umuvandimwe we Rwamanywa Jérémie, akabigurisha mu buryo budakurikije amategeko, kubera iyo mpamvu Urukiko rwemeza ko amasezerano y'ubugure yabaye hagati ya Kabagema Ferdinand na Mugenga Joseph avuyeho.

[2] Mugenga Joseph amaze gusubiza iyo nzu, yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, arega abazungura ba Rwamanywa bagizwe na Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle, avuga ko yasubije inzu ariko ibikorwa yari amaze kuyongeraho ntiyasubizwa agaciro kabyo, asaba inyungu z'amafaranga yari kubona ku mafaranga yashyize kuri iyo nzu, amafaranga y'ubukode abazungura ba Rwamanywa Jérémie bayibonamo, n'amafaranga aturuka ku guta agaciro k'ifaranga (inflation), byose bingana na 137.056.112 Frw.

[3] Urukiko Rwisumbuye rwaciye urubanza rwemeza ko, koko hari ibikorwa Mugenga Joseph yakoze kuri iyo nzu, ndetse agira n'ibindi yubaka muri icyo kibanza; Rutegeka "Succession" Rwamanywa Jérémie igizwe na Nishimye Claudine na Mashami Gisèle gusubiza Mugenga Joseph amafaranga 15.591.362 Frw, runabategeka kumuha amafaranga 800.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'amafaranga 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

[4] Mugenga Joseph n'abazungura ba Rwamanywa Jérémie ntibishimiye imikirize y'urubanza, buri ruhande rujurira mu Rukiko Rukuru, ubujurire bwabo buhurizwa hamwe mu rubanza Nº RCA 0517/15/HC/KIG-0538/15/HC/KIG, rwaciwe ku wa 22/04/2016. Urukiko rwemeje ko ubujurire bw'abazungura ba Rwamanywa n'ubwa Mugenga Joseph nta shingiro bufite, rwemeza ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse.

[5] Nishimwe Claudine yongeye kujuririra urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, urubanza ruhabwa Nº RCAA 00031/2016/SC, avuga ko arega Mugenga Joseph na Mashami Gisèle. Asobanura ko yajurijwe n'impamvu zikurikira:

- Kuba harabaye kwivuguruza bigatuma Urukiko ruvugisha itegeko ibyo ritavuga;
- Kuba Urukiko rwaremeje ko Mugenga Joseph asubizwa inyongeragaciro yashyize ku nzu mu gihe ariwe wakoze amakosa ;
- No kuba ibimenyetso byashingiweho mu kugena ibyo yongeye kuri iyo nzu, bishidikanywaho.

[6] Iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhame ku wa 27/03/2018. Iburanisha rigitangira, Mugenga Joseph yibukije inzitizi yatanze ishingiye ku kuba Nishimwe Claudine wajuriye yaratsinzwe kabiri ku mpamvu zimwe, n'iyo kuba ikiburanwa ubwacyo kitagejeje kuri 50.000.000 Frw, bityo ko hashingiwe ku ngingo ya 28 igika cya 2, agace ka 7º no ku gika cya 5 y'Itegeko Ngenga Nº 03/2012 ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ubujurire budakwiye kwakirwa kubera ko butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.

[7] Ku wa 20/04/2018, Urukiko rwafashe icyemezo mu rubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko inzitizi y'iburabubasha yatanzwe na Mugenga Joseph nta shingiro ifite, ko urubanza ruzasubukurwa ku wa 12/06/2018. Kuri iyi tariki, ntirwaburanishijwe kubera impinduka mu rwego rw'amategeko, ruburanishwa ku wa 09/10/2018. Mugenga Joseph yongeye gutanga inzitizi avuga ko Nishimwe Claudine yahinduye ababuranyi mu rwego rw'ubujurire, kubera ko Mashami Gisèle aza mu baregwa kandi yari afatanyije urubanza na Nishimwe Claudine mu nkiko zibanza, icyo kibazo kigibwaho impaka, hamwe n'icyabyukijwe n'Urukiko cyo kumenya niba ubujurire bwa Nishimwe Claudine butagira ingaruka ku bandi bazungura.

[8] Ku wa 09/12/2018, Urukiko rwemeje ko ikirego cy'ubujurire cya Nishimwe Claudine ku bireba Mashami Gisèle kidakwiye kwakirwa ngo gisuzumwe, rwemeza ko Mashami avanwa mu rubanza nk'uregwa. Rwemeje kandi ko hashingiwe ku kuba Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle basangiye inyungu mu kiburanwa nk'abazungura ba Rwamanywa Jérémie ku buryo icyemezo cyafatwa cyabagiraho ingaruka bose, Mashami Gisèle n'ubwo we atajuriye agomba kuzanwa mu rubanza ku ruhande rwa Nishimwe Claudine wajuriye. Rwategetse ko iburanisha mu mizi y'urubanza rizakomeza ku wa 08/01/2019.

[9] Ku wa 08/01/2019, iburanisha ryabereye mu ruhame, rirapfundikirwa, Urukiko rumenyesha ababuranyi ko urubanza ruzasomwa ku wa 15/02/2019. Mu mwiherero warwo, rwasanze mbere yo guca urubanza ari ngombwa ko hashyirwaho umuhanga mu igenagaciro hashingiwe ku ngingo ya 77 y'Itegeko No 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko "kugira ngo urukiko ruce

urubanza rwaregewe rushobora gutegeka umuhanga cyangwa abahanga gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku bintu bifitanye isano n'urwo rubanza kandi bijyanye n'umwuga wabo."

[10] Iburanisha ryo gushyiraho umuhanga mu igenagaciro ryabaye ku wa 26/02/2019, imbere y'Urukiko ababuranyi bose bemeranywa ku mugenagaciro witwa Ir Havugimana Justin. Uwo muhanga, yifashishije igenagaciro N° 17/97 ryo ku wa 07/03/1997 ryakozwe n'umukozi wa Minisiteri yari ishinzwe Ibikorwaremezo n'Ingufu, ndetse n'ibisobanuro by'ababuranyi ku mpande zombi, yasabwe kugaragariza Urukiko ibyongewe ku nzu no mu kibanza bivugwa mu kiburanwa nyuma y'umwaka wa 1997 kugeza mu mwaka wa 2008 Mugengaayivamo, n'agaciro byari bifite muri uwo mwaka wa 2008.

[11] Umuhanga washyizweho n'Urukiko yagejeje raporo ye mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/04/2019, iburanisha ry'urubanza ryongera gushyirwa ku wa 17/07/2019. Kuri iyi tariki, urubanza rwaraburanishijwe, Nishimwe Claudine ahagarariwe na Me Abasa Fazil, Mashami Gisèle ahagarariwe na Me Nsengiyumva Abel naho Mugenga Joseph yunganiwe na Me Nzabahimana Augustin Néto, ababuranyi bahabwa umwanya wo kugira icyo bavuga kuri raporo y'Umuhanga.

[12] Mugenga Joseph yavuze ko ibyakozwe n'umuhanga abyemera, uretse aho yibeshye ku bijyanye na "annexe" akavuga ko "maçonnerie" iri "en briques adobes"(rukarakara) kandi iri "en briques cuites"; bigatuma aho kubarira m^2 kuri 50 000 Frw, ayibarira kuri 5 600 Frw. Yasobanuye kandi ko Umugenagaciro yavuze ko "charpente" iri "en bois" aho kuvuga ko ari "métallique".

[13] Me AbasA Fazil uburanira Nishimwe Claudine na Me Nsengiyumva Abel uburanira Mashami Gisèle bavuze ko batumva aho ibiciro byakoreshejwe mu igenagaciro byavuye, basaba ko umugenagaciro yabagaragariza imibare yagendeyeho abara igiciro cya buri kintu, bagahabwa n'umwanya wo kugira icyo babivugaho.

[14] Nyuma yo kumva ibisobanuro by'impande zombi ku bijyanye na raporo y'Umuhanga, Urukiko rwemeje ko hazakorwa raporo y'inyongera, ikazaba yagejejwe mu Bwanditsi bw'Urukiko ku wa 25/07/2019, iburanisha rigakomeza ku wa 31/07/2019 saa mbili za mu gitondo. Kuri iyo tariki ababuranyi bose baritabye, hari n'Umuhanga washyizweho n'Urukiko, buri muburanyi agira ibyo avuga kuri raporo y'inyongera, Urukiko rupfundikira iburanisha, rumenyesha ababuranyi ko urubanza ruzasomwa ku wa 25/09/2019.

[15] Mu miburanire yabo, Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bavuga ko ntacyo Mugenga Joseph yongeye ku nzu iburanwa nyuma yo kuyigura, kandi ko niba hari n'ibyo yongeyeho ataribo babimwishyura kuko yaguze mu buryarya. Muri uru rubanza rero, iby'ingenzi bigomba gusuzumwa bikaba ari ukumenya niba hari ibyo Mugengayongeye ku mutungo yasubije abo baburana ugizwe n'inzu n'ikibanza yubatsemo, no kumenya niba ibyo yaba yarongeyeho yabyishyurwa n'uwabimwishyura.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

A. Kumenya niba hari ibyo Mugenga Joseph yongeye ku mutungo yasubije Abazungura ba Rwamanywa Jérémie.

[16] Avoka uburanira Nishimwe Claudine, hamwe n'uburanira Mashami Gisèle bavuga ko batemera ko hari ibyo Mugenga Joseph yongeye ku nzu iburanwa, ibi bakabishingira ku mpamvu zikurikira :

> Kuba mu Rukiko Rukuru, umucamanza yaravuze ko yagiye ku kiburanwa agasanga hari inzu imwe yo mu 2004 n'indi nshya, ariko akaba yaragiye atamenyesheje ababuranyi, ariyo mpamvu batemera imvugo z'abatangabuhamya babajijwe;
>
> Kuba inzu iburanwa ari iyo Rwamanywa Jérémie yasize mbere ya 1994, uko yari imeze ikaba ariko ikimeze. Avuga ko icyo Mugenga Joseph yakoze ari ugufata neza ibyari biyirimo nko gusana inzugi z'ibyumba no gusiga amarangi.

[17] Me Nsengiyumva Abel uburanira Mashami Gisèle avuga ko haramutse hari ibyongewe ku nzu, byahwana (compensation) no kuba Mugenga Joseph yarabaye muri iyo nzu kuva mu 1994 kugeza 2008. Avuga ko Urukiko rubishoboye narwo rwakora ipereza rukareba koko niba hari ibyongewe ku nzu iburanwa, rukanareba niba ibyo abatangabuhamya bavuze aribyo. Yongeraho ko inzu yiswe "Annexe" batayikeneye, ko Mugenga Joseph wayishyizeho yayikuraho agatwara ibikoresho bye kubera ko yayihashyize mu buryo bw'uburiganya. Avuga kandi ko igenagaciro ryagendeweho n'inkiko zibanza ataryemera kuko ari Mugenga Joseph waryikoreshereje uko abishaka.

[18] Mugenga Joseph avuga ko mu nyandiko zigize urubanza harimo igenagaciro rimwe ryakozwe na MINITRAP ryerekana agaciro umutungo wari ufite igihe yawuguraga hakaba n'irindi genagaciro ryakozwe muri 2008 ryerekana agaciro umutungo wari ufite igihe wasubizwaga Abazungura ba Rwamanywa. Avuga ko igenagaciro rya nyuma (2008) ryerekana ko ubu Abazungura ba Rwamanywa bari mu mutungo ufite agaciro ka miliyoni 64, mu gihe umutungo wabo wari ufite agaciro ka miliyoni 3.

[19] Avuga ko ibyo yongeye kuri uwo mutungo bigaragazwa n'ibintu bitatu:

> Inyandiko z'igenagaciro zavuzwe haruguru, kandi zashyizwe muri dosiye;
>
> Urubanza N° RC 36. 294/01 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ku wa 12/02/2003, muri rusanze yarwo ya 7, urupapuro rwa 5. Avuga ko muri urwo rubanza, hemejwe ko hari ibyo yongeye ku nzu;
>
> Imvugo z'abatangabuhamya bose bemeje ko hari ibyongewe kuri uwo mutungo ndetse n'ubuyobozi bw'aho inzu iherereye bukaba ariko bubyemeza.

[20] Me Nzabahimana Augustin Néto wunganira Mugenga Joseph avuga ko Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bitiranya amafaranga yaguzwe inzu iburanwa no kwikungahaza nta mpamvu, ko icyo Mugenga Joseph asaba ari amafaranga y'ibyo yongeye ku nzu basubijwe, ko atishyuza amafaranga yayiguze. Avuga kandi ko Mugenga Joseph atubatse "annexe" gusa, ko ahubwo n'inzu yayivuguruye, icyo asaba akaba ari agaciro k'ibyo byose yongeyeho, atari ukuyisenya.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[21] Ibimenyetso Mugenga Joseph atanga ahamya ko hari ibyo yongeye ku nzu, bigizwe n'inyandiko y'igenagaciro yakozwe na Minisiteri y'Ibikorwaremezo n'Ingufu ku wa 07/03/1997, inyandiko y'igenagaciro yakozwe na Ir Batanage Louis ku wa 31/10/2008 ku busabe bwa Mugenga Joseph, inyandiko y'ubuhamya bwatanzwe ku wa 15/10/2014 n'abitwa Habimana Pierre, Busogi Emmanuel na Hakizabera Louis imbere y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Rukiri ya I Mukasano Gaudence, n'urubanza N° RC 36. 294/01 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ku wa 12/02/2003, muri rusanze yarwo ya 7, urupapuro rwa 5. Mu bika bikurikira, urukiko rurasuzuma agaciro ka buri cyose muri ibi bimenyetso.

i. Inyandiko y'igenagaciro yakozwe na Ir Batanage Louis

[22] Ku bijyanye n'inyandiko y'igenagaciro yakozwe na Ir Batanage Louis ku wa 31/10/2008, Urukiko rusanga itagenderwaho muri uru rubanza kuko yakozwe ku busabe bwa Mugenga Joseph, abandi baburanyi batabigizemo uruhare. Icyakora, n'ubwo igenagaciro ryakozwe na Minisiteri y'Ibikorwaremezo n'Ingufu ku wa 07/03/1997 ryari ryasabwe na Mugenga Joseph, nta cyabuza ko ryifashishwa n'Umugenagaciro washyizweho n'Urukiko amaze kumvikanwaho n'ababuranyi, kugirango agaragaze ibyaba byarongewe ku nzu kuva mu mwaka wa 1997, kugeza igihe Mugenga Joseph yayiviriyemo mu mwaka wa 2008 n'agaciro kabyo, kuko ryakozwe imanza zitarabaho kandi rigakorwa n'Urwego rwa Leta.

[23] Umugenagaciro Havugimana Justin washyizweho n'Urukiko, muri raporo yarushyikirije ku wa 25/04/2019,

yagaragaje ko hari ibyongewe ku nzu iburanwa bifite agaciro ka 10.577.136 Frw, inzu ntoya (annexe) yongewe mu kibanza ifite agaciro ka 6.328.659 Frw, n'ibyakozwe mu rwego rwo gutunganya igipangu ku gaciro ka 7.633.672 Frw bigizwe ahanini n'urugo rw'amatafari ahiye, urugi rw'igipangu, parikingi, umuyoboro w'amazi n'ikigega cy'amazi.

[24] Ibyo ababuranira Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bavuga ko raporo y'umugenagaciro itashingirwaho atabanje kugaragaza "échantillon" y'ibiciro yahereyeho byo mu mwaka wa 2008, Urukiko rurasanga bitahabwa ishingiro kuko umugenagaciro yasobanuye ko yagendeye ku biciro byari ku isoko muri uwo mwaka, yifashishije ibyo yakoreshaga nk'umunyamwuga icyo gihe, ibi bisobanuro bikaba byumvikana. Urukiko rurasanga nta cyatuma rutifashisha iyi raporo y'umugenagaciro, cyane ko abavuga ko idakwiye gukoreshwa badahakana ko yakozwe n'umunyamwuga ubifitemo ubumenyi, bakaba batanagaragaza ibindi biciro byifashishwaga n'abanyamwuga bivuguruza ibyo uwashyizweho n'Urukiko yagendeyeho.

ii. Inyandiko yasinyiwe imbere y'Umunyamabanga

[25] Inyandiko igaragaza ko yasinyiwe imbere y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Rukiri ya I Mukasano Gaudence ku wa 15/10/2014, ikubiyemo imvugo z'abatangabuhamya Habimana Pierre, Busogi Emmanuel na Hakizabera Louis, bemeza ko bari baturanye na Mugenga Joseph mu Mudugudu w'Ukwezi, nyuma y'uko ahaguze ikibanza kirimo inzu ituzuye, akayikoraho ibikorwa bigaragara byayongereye agaciro. Bavuga ko bimwe muri ibyo bikorwa ari ukuvugurura inzu ashyiraho ibikoresho biramba, kubaka "annexe" no kubaka uruzitiro rw'amatafari ahiye yasimbuje imiyenzi. Urukiko

rurasanga nta cyatuma izi mvugo zidahabwa agaciro, mu gihe zakorewe imbere y'umuyobozi wemeje ko abo baturage bari batuye mu Kagari ka Rukiri ya I aho inzu iburanwa ihereye. Izi mvugo zihuza n'ibyagaragajwe n'umugenagaciro washyizweho n'Urukiko, ahereye ku byo yabwiwe n'ababuranyi ku mpande zombi.

iii. Urubanza N° RC 36. 294/01 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali

[26] Ku bijyanye n'urubanza N° RC 36. 294/01 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ku wa 12/02/2003, Urukiko rurasanga ibivugwa muri rusanze yarwo ya 7, ku rupapuro rwa 5 atari ikimenyetso ko hari ibyongewe ku nzu, kuko umucamanza yavuze gusa ko ntacyo yabivugaho mu gihe bitari byaregewe Urukiko.

[27] Hashingiwe ku byagaragajwe n'Umugenagaciro washyizweho n'Urukiko, no ku mvugo z'abatangabuhamya, Urukiko rurasanga hari ibyo Mugenga Joseph yongeye ku nzu no mu kibanza yasubije abazungura ba Rwamanywa Jérémie, aribo Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle. Mu ngingo zikurikira, harasuzumwa niba ibyo Mugenga Joseph yongeye ku mutungo uburanwa yabyishyurwa n'uwabimwishyura.

B. Kumenya niba Mugenga Joseph agomba kwishyurwa ibyo yongeye ku mutungo yasubije n'uwabimwishyura.

[28] Me Rwabukamba Moussa uburanira Nishimwe Claudine na Me Nsengiyumva Abel uburanira Mashami Gisèle bavuga ko niba hari ibyo Mugenga Joseph agomba kwishyurwa, atari abo bunganira babyishyura kubera impamvu zikurikira:

Hashingiwe ku rubanza Nº RC 24.199/95/S1 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ku wa 16/01/1996, ku rupapuro rwarwo rwa kabiri, ugomba kubazwa ibyongewe ku mutungo wasubijwe Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle ni Kabagema Ferdinand; kubera ko muri urwo rubanza hemejwe ko yagurishije ibitari ibye ;

Urukiko Rukuru rwagaragaje ko Mugenga Joseph yaguze mu buryarya, nyuma rurivuguruza, ruvugisha ingingo za 311 na 312 z'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano icyo zitavuga, kuko iyo ruzishingiraho, ibivugwa ko byongewe ku nzu byari kuryozwa Kabagema. Mugenga yaguze azi neza ko inzu atari iya Kabagema, uyu nawe azi neza ko inzu atari iye kuko yari yanditse kuri Rwamanywa Jérémie;

Kuba nta masezerano y'ubugure Mugenga Joseph yigeze agirana n'abazungura ba Rwamanywa Jérémie ntacyo akwiye kubasaba; haramutse hari n'ibyo yabaza ntiyabihabwa kubera ko yabaye muri iyo nzu nta mafaranga y'ubukode yishyura kuva mu 1994 kugeza mu 2008 ayikurwamo

Ibyo Mugenga Joseph avuga ko Nishimwe Claudine na MASHAMI Gisèle baramutse badasubije inyongeragaciro yashyize ku mutungo basubiranye byaba ari ukwikungahaza nta mpamvu, basanga atari byo, kandi biramutse binabaye byaba bireba Kabagema Ferdinand wagurishije ibitari ibye.

[29] Mugenga Joseph yasubije kuri izo mpamvu avuga ko:

Ibijyanye n'uko Abazungura ba Rwamanywa aribo bagomba kwishyura byasobanuwe mu manza baburanye, amategeko yashingiweho akaba arengera uwaguze mu buryo bwemewe n'amategeko aho guha Abazungura ba Rwamanywa uburyo bwo kwikungahaza nta mpamvu ;

Umucamanza mu Rukiko Rukuru yasobanuye neza ko kuba yaraguze mu buryarya, n'ubwo we atabyemera, bitatuma atakaza ibyo yakoze. Umucamanza wabyemeje gutyo akaba atarivuguruje nk'uko abarega babivuga, ahubwo akaba yaragaragaje ko abungukiye mu byo yakoze aribo bagomba kwishyura ibyo yakoresheje;

Agura nta buryarya yagize; "fiche cadastrale" yari yanditse kuri Rwamanywa Jérémie, hakorwa "transfert" kuri Kabagema Ferdinand. Avuga ko ashobora kuba atarashishoje, ngo arebe icyo amategeko ateganya ku bubasha bwa "tuteur", kuko Kabagema yavugaga ko ari we "tuteur" w'abana.

[30] Mugenga Joseph yongeraho ko inkiko zabanje zamuhaye amafaranga make ugereranyije n'ibyo yongeye ku nzu iburanwa, ko ashingiye ku rubanza Nº RCAA 0018/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 24/02/2012, haburana Harerimana Emmanuel na Sebukayire, asanga akwiye gusubizwa agaciro k'ibyo yongeye ku mutungo uburanwa nk'uko amategeko abiteganya. Avuga ko urubanza Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bitwaza ntaho ruhuriye n'ibirimo kuburanwa ubu, kubera ko ibyo yishyuza ari amafaranga yashyize ku nzu yeguriwe Nishimwe na Mashami akaba ataburana amafaranga yahaye Kabagema.

[31] Me Nzabahimana Augustin Néto wunganira Mugenga Joseph avuga ko Abazungura ba Rwamanywa bagomba gusubiza

Mugenga Joseph ikinyuranyo cya miliyoni 64 arenga ku gaciro k'inzu yaguzwe kugira ngo batikungahaza nta mpamvu, ko kandi kuba aribo bahawe umutungo uburanwa aribo bagomba gusubiza icyo kinyuranyo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

i. Ibyongewe ku mutungo bitari inyubako nshya

[32] Nta ngingo y'amategeko isobanura uko bigenda mu gihe umuntu yaguze umutungo utimukanwa n'utari nyirawo, nyuma nyirawo agasaba gusubizwa umutungo we, kandi hari ibyo uwari wawuguze yongeyeho adashaka guhomba. Ingingo ya 9 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko, "umucamanza aca urubanza ashingiye ku ngingo z'amategeko zirebana n'ikirego yaregewe. Iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko, umuco, amahame rusange agenga amategeko n'inyandiko z'abahanga mu mategeko".

[33] Hari ihame rusange mu rwego rw'amategeko rivuga ko umugurisha(vendeur) yishingira ko uwo agurishije atagira ikimuhungabanya mu butunzi bw'icyaguzwe(garantie en cas d'éviction)[1] . Hagendewe kuri iryo hame, umugurisha agomba

[1] "*obligation pour le vendeur de défendre l'acquéreur contre le trouble apporté par autrui à sa possession et de l'indemniser au cas où la propriété de la chose vendue serait reconnue appartenir à un tiers ou grevée de droits réels"; Gérard CORNU, Vocabulaire juridique, 6ème éd., Paris, Presses Universitaires de France, 1996, p.388*.

kwishyura cyangwa agasaba ko umuguzi yishyurwa n'umuvutsa ibyo yaguze (ushobora kuba ari nyirabyo w'ukuri/ "le véritable proriétaire"), ibintu byose by'ingirakamaro yatanze asana cyangwa yongerera agaciro ibyaguzwe bitimukanwa(fonds). Ibi bisobanura ko, mu gihe uwaguze avukijwe inzu yaguze, atagomba guhomba ibyo yashyizeho by'ingirakamaro ayisana cyangwa ayongerera agaciro. Icyo gihe, uwamugurishije agomba kubimwishyura cyangwa agasaba ubimuvutsa kumwishyura. Iyo umugurisha yagurishije mu buryarya, agomba kwishyura ubwe ibyashyizweho bitari ingirakamaro (dépenses non utiles), ahubwo by'umurimbo (voluptuaires ou d'agrément), kandi ntashobora gusaba uwavukije inzu uwo yayigurishije kuba ariwe ubyishyura.

[34] Ibimaze kuvugwa, bigomba guhuzwa n'ihame ryo kutikungahaza nta mpamvu nk'uko n'Urukiko Rukuru rwabisobanuye. Mu gihe umugurisha atariwe uzagira inyungu (tirer profit) yo gukoresha ibyongeweho muri ubwo buryo, n'iyo yabyishyura mu rwego rw'ubwishingire aba yarijeje uwaguze ko ntawe uzamuvana mu mutungo we, yasubira inyuma akishyuza ubifite kugirango hatabaho kwikungahaza nta mpamvu (enrichissement sans cause); bivuga rero ko ugomba kubyishyura ari uzabikoresha akabigiramo inyungu. Icyakora, mu gihe umugurisha yagurishije iby'undi mu buryarya, niwe ubwe wishingira ibyongewe ku mutungo wagurishijwe by'umurimbo nk'uko byasobanuwe haruguru.

[35] Ibyavuzwe mu bika bibanza bihura n'ibyo Abahanga mu mategeko basobanura mu buryo burambuye, babihuza n'icyo bita

"la théorie des impenses" bishatse kuvuga ibyakozwe ku mutungo utimukanwa n'umuntu ugomba kuwusubiza nyirawo[2].

[36] Umuhanga mu mategeko Christian LARROUMET asobanura ko, inkiko zagiye zikoresha "théorie des impenses" ikomoka mu Baromani, zigendeye ku ihame ry'uko ntawe ugomba kwikungahaza nta mpamvu, mu gukemura ibibazo hagati ya nyiri ikintu (propriétaire) n'uwagize icyo acyongeraho[3]. Asobanura ko muri iyo ntekerezo (théorie), hatabaho gutandukanya uwagize icyo yongera ku mutungo utari uwe nta buryarya (de bonne foi) cyangwa mu buryarya(de mauvaise foi)[4]. Umuhanga mu mategeko Patrice JOURDAIN nawe asobanura ko usaba gusubizwa umutungo utimukanwa, agomba kwishyura uwambuwe uwo mutungo ibyo yashyizeho byitwa "impenses". Avuga ko inkiko zasobanuye ibigenderwaho mu kwishyura, bidaturuka ku kuba uwambuwe umutungo yarawubonye nta buryarya (de bonne foi) cyangwa mu buryarya (de mauvaise foi), ahubwo bituruka ku miterere y'ibyakozwe [5]. Ibi ni nabyo

---

[2] *Dépenses faites sur un immeuble par une personne qui est tenue de le restituer"; ibidem, p.418*

[3] *"Se fondant sur la notion d'enrichissement sans cause……, la jurisprudence a appliqué la théorie romaine des impenses……. Cette théorie, intervenant dans les rapports du propriétaire et de celui qui a effectué des réparations ou améliorations….; CHRISTIAN LARROUMET, Droit Civil, Les Biens, Droits réels Principaux, 5ème Ed., T.II, Paris, ECONOMICA ,2006, p. 311-312.*

[4] *"Dans la théorie des impenses aucune distinction n'est faite entre celui qui, de bonne foi, c'est à dire dans la croyance d'en être le propriétaire, effectue des travaux sur un bien et celui qui effectue les mêmes travaux alors qu'il est de mauvaise foi"; ibidem, p.312*

[5] "*Le revendiquant doit indemniser le défendeur évincé des dépenses de celui-ci qui ont été incorporées à l'immeuble et qui portent le nom d'impenses. La jurisprudence a défini les conditions de cette indemnisation, qui ne dépendent pas de la bonne ou de mauvaise foi du possesseur évincé mais qui varient*

bigarukwaho n'abahanga mu mategeko nka François TERRE na Philippe SIMLER[6].

[37] Aba Bahanga mu mategeko bashyira mu byiciro bitatu imiterere y'ibyakozwe ku mutungo utimukanwa n'umuntu ugomba kuwusubiza nyirawo (nature des impenses) :

> Ibyakozwe biri ngombwa (les impenses nécessaires), ni ukuvuga ibyari ngombwa gukora mu rwego rwo kubungabunga umutungo, ku buryo iyo bidakorwa umutungo wari kwangirika cyangwa ugatakaza agaciro. Ibyo bigomba gusubizwa uko biri uwabyongeye ku mutungo utari uwe, n'ubwo yaba yarawubonye mu buryarya[7] ;

---

suivant la nature des impenses »; Patrice JOURDAIN, Droit Civil, Les biens, Paris, Dalloz, 1995, p.282

[6] *"La jurisprudence, s'inspirant de la tradition romaine……a retenu le principe d'une indemnisation du possesseur évincé, en fonction, non plus, cette foi, de sa bonne ou mauvaise foi, mais de la nature des travaux entrepris ou des frais exposés, appelés impenses"; François TERRE et Philippe SIMLER, Droit Civil, les biens, 9ème éd, Paris, Dalloz, 2014, p.412.*

[7] *« Les impenses nécessaires sont celles qu'imposait la conservation de la chose: à leur défaut, l'immeuble eût péri ou eût certainement perdu en valeur (….). Le possesseur, même de mauvaise foi, a droit au remboursement intégral des impenses de cette nature »; ibidem., p. 412*

« Les impenses nécessaires correspondent aux travaux qui devaient être faits pour assurer la conservation de la chose (…). En ce cas, le propriétaire doit rembourser le coût des travaux »; Christian LARROUMET, op.cit., p. 372. « *Les impenses nécessaires, à défaut desquelles la conservation de l'immeuble aurait été compromise (comme les réparation d'une charpente menaçant ruine), donnent lieu au remboursement intégral »; Patrice JOURDAIN, op.cit., p. 282.*

Ibyakozwe bifite akamaro (les impenses utiles), ni ukuvuga ibyakozwe bitari ngombwa ariko bikongerera agaciro umutungo.

Uwabikoze asubizwa agaciro k'ibyo yongeye ku mutungo, karebewe igihe byemejwe ko asubiza uwo mutungo[8]

Ibyakozwe by'umurimbo, ni ukuvuga ibyakozwe bitari ngombwa, bigakorwa gusa mu rwego rwo gushaka ibinogeye ijisho. Uwabikoze ntashobora gusaba

---

[8] *« Les impenses utiles sont celles qui, sans être indispensables, ont procuré une plus-value à l'immeuble (par exemple, extension de la surface utile ou surélévation, installation du chauffage central, de l'eau courante, d'un ascenseur, travaux de drainage du sol). La restitution en est due au possesseur, même de mauvaise foi, mais seulement jusqu'à concurrence de la plus-value appréciée au jour où la revendication est admise »; François TERRE et Philippe SI « Les impenses voluptuaires ou somptuaires sont des dépenses de pur luxe ou agrément, effectuées en vue de satisfaire les goûts personnels de celui qui les a engagées……Le possesseur ne peut jamais demander l'indemnité pour de telles impenses, mais il a la faculté d'enlever les objets apposés sur le fonds, s'il est possible de le faire sans dégradation » ; François TERRE et Philippe SIMLER, op.cit., p. 413.*
« Les impenses voluptuaires ou somptuaires sont des améliorations de pur agrément pour celui qui les a effectuées. Elles n'apportent aucune plus-value appréciable à l'immeuble. Aucune indemnisation n'est due et le propriétaire peut même exiger la disparition des travaux » ; Christian LARROUMET, op.cit., p. 373.
« Les impenses voluptuaires qui ont un caractère de luxe ou de pur agrément et satisfont surtout le gout personnel de celui qui les a engagées, ne donnent pas lieu à indemnité. Le possesseur évincé pourrait d'ailleurs enlever les ornements qu'il aurait ajoutés au fonds, à charge de ne pas détériorer celui-ci » ; Patrice JOURDAIN, op.cit., p. 282. MLER, op. cit., p. 413.

gusubizwa agaciro kabyo, ariko afite uburenganzira bwo kubivanaho igihe yashobora kubikora ntacyangiritse[9].

[38] Ibi bisobanuro by'Abahanga mu mategeko, bihujwe n'ibikubiye mu bika bya 33 na 34 by'uru rubanza, byumvikanisha ko:

> Mu gihe umuntu yaguze umutungo utimukanwa n'utari nyirawo, bikaba ngombwa ko awusubiza nyirawo w'ukuri kandi hari ibyo yongeyeho bitari ibyo yubatse cyangwa yateye bishya, asubizwa ibyo yongeyeho hakurikijwe imiterere yabyo;
>
> Abisubizwa na nyiri umutungo w'ukuri wawusubiranye kugirango hatabaho kwikungahaza nta mpamvu;
>
> Ntihabaho kureba niba yarawubonye mu buryarya cyangwa nta buryarya;

---

[9] *« Les impenses voluptuaires ou somptuaires sont des dépenses de pur luxe ou agrément, effectuées en vue de satisfaire les goûts personnels de celui qui les a engagées……Le possesseur ne peut jamais demander l'indemnité pour de telles impenses, mais il a la faculté d'enlever les objets apposés sur le fonds, s'il est possible de le faire sans dégradation » ; François TERRE et Philippe SIMLER, op.cit., p. 413.*
« Les impenses voluptuaires ou somptuaires sont des améliorations de pur agrément pour celui qui les a effectuées. Elles n'apportent aucune plus-value appréciable à l'immeuble. Aucune indemnisation n'est due et le propriétaire peut même exiger la disparition des travaux » ; Christian LARROUMET, op.cit., p. 373.
« Les impenses voluptuaires qui ont un caractère de luxe ou de pur agrément et satisfont surtout le gout personnel de celui qui les a engagées, ne donnent pas lieu à indemnité. Le possesseur évincé pourrait d'ailleurs enlever les ornements qu'il aurait ajoutés au fonds, à charge de ne pas détériorer celui-ci » ; Patrice JOURDAIN, op.cit., p. 282.

Ku byakozwe biri ngombwa, asubizwa agaciro yabikoreshejeho (remboursement intégral);

Ku byakozwe bifite akamaro, asubizwa agaciro karebewe igihe byemejwe ko asubiza umutungo;

Ku byakozwe by'umurimbo, ntabyo yishyurwa na nyiri umutungo w'ukuri, icyakora ashobora gusaba ko uwamugurishije abyishyura iyo yamugurishije mu buryarya.

[39] Hakurikijwe ibyavuzwe mu bika bya 24 na 26 by'uru rubanza, Urukiko rurasanga hari ibyo Mugenga Joseph yongeye ku nzu yasubije abazungura ba Rwamanywa Jérémie, bigizwe n'ibi bikurikira:

Kubaka m^2 0.69 n'amatafari ya rukarakara, gushyiraho "claustra" na "moustiquaires", no gushyira urugarika ku muzenguruko w'inzu n'inkingi (389.950 Frw);

Gukora igisenge (1.115475 Frw):

- Ahindura amabati, akavanaho "tôles simples galvanisées" zari zisanzweho agashyiraho "*tôles autoportants"*;
- Yongeraho: "*vernes en tubes métallique*" kuri *"charpente", "planche de rive", "gouttière en plastique", na "tuyau de descente" ;*

Gukora "*pavement"* ya "*trottoir",* gushyira amakaro(*carreaux)* mu nzu, gushyiraho "*plinthe"* no gusiga karabasasu

"crepissage" (1.056.583 Frw);

Gushyira "*plafond*" mu nzu (1.217.487 Frw);

Gusiga irangi (2.693.612 Frw);

Gushyira inzugi mu nzu no gusiga irangi ku nzugi z'ibyuma n'amadirishya byari bisanzwe ku nzu (591.030 Frw);

Gushyira amashanyarazi mu nzu (588.000 Frw);

Gushyira "sanitaires" mu nzu na "*plomberie*" (2.925.000 Frw);

Gutunganya hanze mu gipangu hashyirwaho urugo rw'amatafari ahiye, urugi, parikingi, *rigole* na "*citerne"* y'amazi byagize uruhare mu kongerera inzu agaciro (7.633.672 Frw);

Ibyongewe ku nzu byose hamwe bifite agaciro ka 10.577.136 Frw + 7.633.672 Frw = 18.210.808 Frw, ako gaciro kakaba kabariwe ku mwaka wa 2008 igihe MUGENGA Joseph yasubizaga inzu.

[40] Harebwe imiterere y'imirimo yakozwe, Urukiko rurasanga ibyakozwe byose bifite akamaro (*impenses utiles*), bikaba byarongereye agaciro k'inzu. Ku bijyanye by'umwihariko n'igisenge cy'inzu, Inkiko zibanza zavuze ko ibyakozwe bitafatwa nk'ibyari bifite akamaro (*impenses utiles*) mu gihe inzu yari isanzwe isakaye(hariho "*charpente*" y'ibiti na *"tôles simples"),* ariko uru Rukiko rurasanga kuba *"charpente*" yarongewemo ibyuma, amabati asanzwe (*tôles simples*) agasimbuzwa "tôles autoportants" akomeye kandi aramba kurushaho, bitafatwa nk'ibyakozwe by'umurimbo *(impenses voluptuaires)* kuko byatumye inzu ikomera kurushaho kandi bikayongerera agaciro.

[41] Urukiko rurasanga, hashingiwe ku mategeko n'ibisobanuro by'abahanga byagaragajwe mu bika bibanza, Mugenga Joseph agomba gusubizwa agaciro k'ibyo yongeye ku nzu bifite akamaro (bitari inyubako nshya ziza kurebwa mu ngingo zikurikira), akabyishyurwa n'abazungura ba Rwamanywa Jérémie basubiranye inzu, aribo Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle. Urukiko rurasanga rero Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bagomba gusubiza Mugenga Joseph 18.210.808 Frw.

ii. Inyubako nshya zashyizwe mu kibanza

[42] Ingingo ya 35 y'Itegeko Ngenga N° 03/2013/OL ryo ku wa 16/06/2013 rikuraho Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigenga imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, igika cya 3, iteganya ko « mu gihe inyubako cyangwa se ibihingwa byashyizwe n'undi muntu ku butaka butari ubwe, hadakurikijwe ibisabwa n'amategeko cyangwa amasezerano (procedures that are contrary to laws or agreement with land owner), nyir'ubutaka afite uburenganzira bwo gusaba uwabishyizeho kubikuraho bitabujije no gusaba impozamarira cyangwa indishyi mu gihe hari ibikorwa bye byangijwe ».

[43] Ibivugwa muri iyi ngingo, bireba inyubako cyangwa ibihingwa byashyizwe ku butaka bw'undi, bikaba bitandukanye n'ibyongerewe ku mutungo usanzweho mu rwego rwo kuwusana cyangwa kuwongerera agaciro. Ibi nibyo bisobanurwa n'Umuhanga mu mategeko Patrice JOURDAIN avuga ko inyubako nshyashya n'ibihingwa bidafatwa nk'ibyakozwe/ibyongerewe ku mutungo utimukanwa (les impenses)[10]. Ni nabyo kandi bisobanurwa n'abahanga mu

[10] *les constructions neuves et les plantations ne sont pas considérées comme des impenses….", Patrice JOURDAIN, op. cit., p.282*

mategeko nka François TERRE na Philippe SIMLER[11], mu gusesengura ingingo ya 555 y'amategeko mbonezamubano y'abafaransa ikubiyemo ibitekerezo bihura n'ibiteganywa n'ingingo ya 35 y'Itegeko rigenga imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda yavuzwe haruguru.

[44] Ku bijyanye n'inyubako nshya cyangwa ibihingwa byashyizwe ku butaka bw'undi, igitekerezo cy'umushingamategeko mu ngingo ya 35 y'Itegeko Ngenga No 03/2013/OL ryo ku wa 16/06/2013 ryavuzwe haruguru ni uko mu gihe byashyizweho mu buryo budakurikije amategeko, nyir'ubutaka afite uburenganzira bwo gusaba ko uwabishyizeho abikuraho. Hakurikijwe ibiteganywa muri iyi ngingo, birumvikana ko mu gihe umuntu yashyize inyubako nshya ku butaka yaguze n'utari nyirabwo, azi neza ko uwo baguze atari nyirabwo, aba yashyizeho izo nyubako mu buryo budakurikije amategeko kuko kugurisha umutungo w'undi ari uguhungabanya uburenganzira awufiteho, kandi bikaba bibujijwe n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, kandi ko umutungo bwite w'umuntu ari ntavogerwa[12]. Ibi bikaba bitandukanye

---

[11] *"Les mots « plantations, constructions et ouvrages » doivent être entendus de manière assez large. Il résulte cependant de la jurisprudence qu'il doit s'agir d'ouvrages nouveaux. Elle écarte donc l'application du texte s'il n'y a eu que de simples travaux de réparation et d'amélioration, voire de transformation de constructions existantes, serait-ce sous la forme d'une surélévation »; François TERRE et Philippe SIMLER, op.cit, p.229*

[12] "Buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi.
Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa.
Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko"; Ingingo ya 34

n'igihe uwaguze atigeze amenya ko uwo baguze atari nyir'ubutaka, akagura azi ko yanyuze mu nzira zikurikije amategeko.

[45] Muri uru rubanza, Mugenga Joseph yaguze na Kabagema Ferdinand inzu iri mu kibanza cyanditse kuri Rwamanywa Jérémie. Mugenga Joseph yemereye mu Rukiko ko « fiche cadastrale » yari yanditse kuri Rwamanywa Jérémie, bivuga ko yaguze na Kabagema Ferdinand azi neza ko inzu baguze n'ikibanza yubatseho atari ibye. Ibyo Mugenga Joseph avuga ko Kabagema Ferdinand yari « tuteur de droit » w'abana ba Rwamanywa Jérémie, ntacyo bihindura ku kuba yaraguze n'utari nyiri umutungo kandi abizi, kuko umwishingizi w'abana adafite ububasha bwo kugurisha umutungo wabo atabiherewe uburenganzira n'Inama y'Ubwishingire, ahubwo ashinzwe kuwurinda no kuwubacungira nk'uko biteganywa n'ingingo za 389[13] na 388[14] z'Itegeko N° 42/1988 rishyiraho Interuro y'ibanze n'Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano yakoreshwaga igihe ubugure bwabaga.

[46] Hakurikijwe ibyagaragajwe na raporo y'umuhanga mu igenagaciro washyizweho n'Urukiko, Mugenga Joseph yashyize inyubako nshya yiswe « annexe » mu kibanza cyarimo inzu yaguze. Urukiko rusanga iyo nyubako yarashyizwe mu kibanza hadakurikijwe ibisabwa n'amategeko, kuko yashyizwe ku butaka

---

y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

[13] « Ibikorwa bigamije gutanga kugurisha n'ibindi byose bishobora kubangamira umutungo w'umwana, umwishingizi ntaboshobora kubikora atabiherewe uburenganzira n'inama y'ubwishingire…… »

[14] « Umwishingizi akora ubwe ibya ngombwa byose byo kurinda no gucunga umutungo bigamije inyungu z'umwana kandi akabikoresha ku buryo bushobotse bumubyarira inyungu ».

Mugenga Joseph yaguze n'utari nyirabwo kandi abizi nk'uko byasobanuwe mu gika kibanza.

[47] Urukiko rurasanga rero, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 35 y'Itegeko Ngenga No 03/2013/OL ryo ku wa 16/06/2013 ryavuzwe haruguru, nyir'ubutaka ni ukuvuga abazungura ba Rwamanywa Jérémie aribo Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle, bafite uburenganzira bwo gusaba Mugenga Joseph gukuraho inyubako nshya yiswe « annexe » yashyize mu kibanza basubijwe. Icyakora, mu gihe basanga atari ngombwa gukoresha ubwo burenganzira bagahitamo kugumana iyo nyubako, bagomba kumvikana na Mugenga Joseph ku gaciro bamusubiza. Uyu murongo, ugendeye ku ihame rya "equity/équité", ni nawo wafashwe mu zindi manza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, by'umwihariko:

> Urubanza No RS/REV/INJUST/CIV 0012/15/CS rwaciwe ku wa 18/01/2019, haburana Kayitsinga Alexis, Kanyamibwa Immaculée na Nsangineza Célestin (igika cya 52 na 66);
>
> Urubanza N° RS/INJUST/RC 0006/2018/SC rwaciwe ku wa 18/01/2019, haburana Nibasenge Anathalie na Nahayo François Xavier (igika cya 33 na 43).

[48] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe ku bijyanye no kumenya niba Mugenga Joseph agomba kwishyurwa ibyo yongeye ku mutungo yasubije n'uwabimwishyura, Urukiko rurasanga Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bagomba kumwishyura ibyo yongeye ku nzu bifite akamaro, bihwanye na 18.210.808 Frw. Naho ku bijyanye n'inyubako nshya yashyizwe mu kibanza yiswe "annexe", Urukiko rurasanga mu gihe Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bahitamo kuyigumana,

bakumvikana na Mugenga Joseph ku gaciro bamusubiza, bitashoboka Mugenga Joseph akayivanaho.

C. Gusuzuma Indishyi zasabwe

i. Indishyi zasabwe na Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle

- **Amafaranga y'ubukode bw'inzu kuva Mugenga Joseph ayigiyemo mu buryo bunyuranyije n'amategeko kugeza ayivuyemo**

[49] Me Nsengiyumva Abel wunganira Nishimwe Claudine na Me Abasa Fazil wunganira Mashami Gisèle bavuga ko Mugenga Joseph agomba gutanga indishyi zingana na 97.250.000 Frw kuko batigeze bamwishyuza amafaranga y'ubukode bw'igihe cyose yamaze mu nzu iburanwa, ni ukuvuga kuva mu 1994 kugeza mu 2008, zibazwe ku mafaranga 450.000 ku kwezi mu myaka 14 yamaranye iyo nzu.

[50] Mugenga Joseph avuga ko izi ndishyi asabwa nta shingiro zifite, kuko yabaye muri iyo nzu kubera ko yari yarayiguze, kandi ikaba yari imwanditseho kugeza mu 2008 ubwo yayikurwagamo bitegetswe n'Urukiko, akaba rero yarabaga mu mutungo we kandi akaba atarawukodeshaga. Avuga ko atagomba kuryozwa indishyi zo kuba mu mutungo yafataga nk'uwe kugeza awukuwemo, ko kandi 450.000 Frw bita ko ari ay'ubukode atumva ishingiro ryayo kubera ko nta n'amasezerano y'ubukode Nishimwe Claudine na MashamI Gisèle berekana uretse kubivuga gusa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[51] Hashingiwe ku buhamya bwatanzwe na Habimana Pierre, Busogi Emmanuel na Hakizabera Louis, Mugenga Joseph yaguze inzu iburanwa ituzuye, ibyo bigahura n'ibivugwa muri raporo y'igenagaciro yakozwe na Minisiteri y'Ibikorwaremezo n'Ingufu ku wa 07/03/1997. Urukiko rurasanga Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle batagaragaza uko inzu ituzuye, ifite agaciro ka 3.169.145 Frw, yashoboraga gukodeshwa 450.000 Frw ku kwezi nk'uko babiburanisha, ngo babe barayatakaje mu gihe bamaze batayifite. Urukiko rukaba rusanga Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle batarabashije kugaragaza uko babara igihombo baba baratewe no kudashobora gukoresha inzu yabo. Urukiko rukaba rusanga rero 97.250.000 Frw basaba batayahabwa. Icyakora kubera igihe bamaze baravukijwe inzu yabo (perte de jouissance), kandi MUGENGA Joseph yarayibonye mu buryo budakurikije amategeko, Urukiko rurasanga bagenerwa mu bushishozi bwarwo indishyi zingana na 2.000.000 Frw.

- **Indishyi z'akababaro, ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka**

[52] Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle basaba Mugenga Joseph kubishyura indishyi z'akababaro zingana na 10.000.000 Frw kubera ko nawe yemera ko ibyo yaguze atabiguze na nyirabyo, akanabishyura 3.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 200.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[53] Urukiko rurasanga mu rubanza N° RC 36.294/01 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ku wa 12/02/2003, "Succession" Rwamanywa Jérémie yaregagamo Mugenga Joseph isaba gusubizwa inzu ivugwa muri uru rubanza, uwari uhagarariye abazungura ba Rwamanywa Jérémie yarabasabiye indishyi z'akababaro kubera ko bandagaye kandi bari bafite aho batuye, Urukiko rubagenera 300.000 Frw. Urukiko rukaba rusanga rero, mu gihe indishyi z'akababaro zamaze gutangwa mu rubanza rumaze kuvugwa rwabaye itegeko, zitakongera kugarukwaho muri uru rubanza.

[54] Ku bijyanye n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, Urukiko rurasanga Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle batayahabwa kuko hari ibyo batsindiwe mu rubanza.

iii. Indishyi zasabwe na Mugenga Joseph mu bujurire bwuririye ku bundi

[55] Mugenga Joseph asaba ko Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bamuha indishyi z'akababaro kubera guhozwa mu nkiko zingana na 2.000.000 Frw, 1.500.000 Frw y'igihembo cya Avoka, na 200.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[56] Urukiko rurasanga indishyi z'akababaro kubera guhozwa mu manza Mugenga Joseph asaba atazihabwa kuko gusiragizwa mu manza bitangirwa amafaranga y'ikurikiranarubanza, kandi uretse n'ibyo, abo azisaba bakaba bafite ibyo batsindiye.

[57] Urukiko rurasanga amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka Mugenga Joseph asaba atayahabwa kuko hari ibyo atsindiwe mu rubanza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[58] Rwemeje ko ikirego cy'ubujurire cyatanzwe na Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle gifite ishingiro kuri bimwe;

[59] Rwemeje ko urubanza N° RCA 0517/15/HC/KIG-RCA 0538/15/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 22/04/2016, ruhindutse kuri bimwe;

[60] Rwemeje ko hari ibyo Mugenga Joseph yongeye ku nzu no mu kibanza yasubije abazungura ba Rwamanywa Jérémie, aribo Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle;

[61] Rutegetse Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle kwishyura Mugenga Joseph 18.210.808 Frw y'agaciro k' ibyo yongeye ku nzu;

[62] Rutegetse Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle kwishyura Mugenga Joseph amafaranga bazaba bumvikanyeho y'agaciro k'inzu yongewe mu kibanza yiswe « annexe », mu gihe bahisemo kuyigumana, bitashoboka Mugenga Joseph akayivanaho;

[63] Rutegetse Mugenga Joseph kwishyura Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle 2.000.000 Frw y'indishyi z'igihe bamaze baravukijwe inzu yabo;

[64] Rutegetse ko ingwate y’amagarama yatanzwe muri uru rubanza ihwanye n’ibyarukozwemo.

IMANZA Z'UBUCURUZI

ANGEL PHARMACY Ltd v. NDABATEZE

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/REV/INJUST/COM 0005/15/CS (Kayitesi Z, P.J., Nyirinkwaya na Ngagi, J.) 15 Mutarama 2016]

Amategeko agenga amasosiyete – Icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete – Icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete n'ikimenyetso kigaragaza ko isosiyete ishinzwe kandi ifite ubuzima gatozi uhereye ku itariki icyemezo cyanditsweho kugeza igihe izasibirwa mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by 'ubucuruzi.

Amategeko agenga amasosiyete – Isosiyete icuruza imiti (farumasi) – Ikigaragaza ko iriho – Agaciro k'icyangombwa gitangwa na MINISANTE – Icyo cyangombwa si cyo cyemeza ko farumasi iriho ko kandi ari iya kanaka ahubwo n'inyandiko ituma farumasi yateguwe, irimo n'ibicuruzwa itangira gukora.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rukomaka ku makimbirane aho Umukumburwa avuga ko yashinze Angel Pharmacy Ltd afatanyije n'abana bimfubyi arera ariko kubera ko itegeko ryariho icyo gihe ritemereraga umuntu utarize farumasi kuyifungura, yiyambaza Ndabateze wari warabyize kugirango abasabire ibyangobwa MINISANTE. Nyuma yo guhabwa uburenganzira bwo gufungura iyo farumasi, Ndabateze yabaye Managing Director akajya ahembwa 300,000Frw ku kwezi.

Ndabateze yaje kuvuga ko Angel pharmacy ari iye; izo mpaka zatumye Angel Pharmacy Ltd itanga ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge maze iratsinda, ndetse Urukiko rugaragaza ko Angel pharmacy itabaho, ahubwo ko mu rwego

rw'amategeko habaho Angel Pharmacy Ltd, rwemeza ko abayishinze ari abayifitemo imigabane, naho Ndabateze akaba atari umunyamigabane.

Ndabateze yajuriye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi urwo Rukiko rwemeza ko Umukumburwa uhagarariye Angel Pharmacy Ltd agomba gusubiza Ndabateze Angel pharmacy nk'uko babyumvikanyeho bagitangira gukorana.

Umukumburwa yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Umuvunyi Mukuru yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo urubanza rwasubirwamo kubera impamvu z'akarengane zikurikira kuko urukiko rwategetse ko Umukumburwa uhagarariye Angel pharmacy Ltd agomba gusubiza Ndabateze Angel pharmacy kandi itarigeze ibaho nkuko bigaragazwa n'ibaruwa yanditswe n'Ubuyobozi bwa RDB ndetse no kuba Urukiko rwarategetse Umukumburwa gusubiza Angel pharmacy bikaba byatera ingaruka yo kudashobora kurangiza urubanza kuko mu gihe cyo kurangiza urubanza, ishobora kuzashakwa ngo isubizwe nyirayo ntiboneke.

Kuri izo mpamvu, Ndabateze Adéline yahakanye kuba yari umukozi w'Umukumburwa Alice. Yavuze ahubwo ko ashaka kwitiranya ANGEL PHARMACY na ANGEL PHARMACY Ltd. Yavuze ahubwo ko 300.000 Frw yarayahabwaga kubera icyangombwa cye yari yaratanze mu gusaba "autorisation"

Umukumburwa uhagarayiye Angel Pharmacy Ltd yasabye indishyi zinyuranye harimo iz'ikurikiranarubanza, mbonezamusaruro nizo kuba Ndabateze yarakoresheje izina Angel hakiyongeraho igihembo cy'Avoka mu rubanza rw'akarengane.

Incamake y'icyemezo: 1. Icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete n'ikimenyetso kigaragaza ko isosiyete ishinzwe kandi ifite ubuzima gatozi uhereye ku itariki icyemezo cyanditsweho kugeza igihe izasibirwa mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi.

2. Icyangombwa gitangwa na MINISANTE si cyo cyemeza ko farumasi iriho ko kandi ari iya kanaka ahubwo n'inyandiko ituma farumasi yateguwe, irimo n'ibicuruzwa itangira gukora.

3. Igikorwa cyose cyangirije undi gitegeka nyir'ugukora ikosa kuriha ibyangiritse

Ikirego gifite ishingiro kuri bimwe;
Amagarama y'urubanza ahereye kuri Ndabateze.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nº 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi (ryavuyeho), ingingo ya 2(39, b) ,4, 17(2) niya 18.

Iteka rya Minisitiri Nº 20/15 ryo ku wa 03/05/2005 rigena ibyangombwa bisabwa mu gufungura, gukoresha no kwimura farumasi igenewe kudandaza imiti n'inzu icuruzwamo imiti, ingingo 6

Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa (ryavuyeho), ingingo ya 258

Nta manza zifashishijwe:

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Umukumburwa Alice avuga ko kuwa 21/10/2011 yashinze sosiyete y'ubucuruzi bw'imiti yitwa Angel Pharmacy Ltd afatanyije n'abana b'imfubyi arera kandi yari abereye umwishingizi, ari bo Akizanye Alaine, Nduwawe Ange na Umuhoza Aimée. Bitewe n'uko itegeko ryariho icyo gihe ritemereraga umuntu utarize farumasi kuyifungura, Umukumburwa Alice yiyambaje umuntu w'inshuti ye witwa Ndabateze Adeline wari warabyize, aba ari we usaba ibyangombwa muri MINISANTE, hanyuma ahabwa uburenganzira bwo gufungura farumasi nka "Managing Director", ariko akaba atari umunyamigabane, ahubwo farumasi imaze gutangira, Umukumburwa Alice na bagenzi be bakaba barahaga Ndabateze Adeline 300.000 Frw buri kwezi nka "Managing Director" wayo.

[2] Nyuma y'uko havutse impaka hagati ya Ndabateze Adeline na Umukumburwa Alice zerekeranye no kuba Ndabateze Adeline yaravugaga ko Angel Pharmacy ari iye, Angel PHARMACY Ltd yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge kuri N° RCOM 0480/14/TC/NYGE, iratsinda, ndetse Urukiko rugaragaza ko Angel Pharmacy itabaho, ahubwo ko mu rwego rw'amategeko habaho Angel Pharmacy Ltd, rwemeza ko abayishinze ari abayifitemo imigabane, naho Ndabateze Adeline akaba atari umunyamigabane.

[3] Ndabateze Adeline yajuririye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuri N° RCOMA 0465/14/HCC, urwo Rukiko ruca urubanza ku wa 23/10/2014, rwemeza ko Umukumburwa Alice

uhagarariye Angel Pharmacy Ltd agomba gusubiza Ndabateze Adeline Angel Pharmacy nk'uko babyumvikanyeho bagitangira gukorana.

[4] Kuwa 04/11/2014, Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza N° RCOMA 0465/14/HCC rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Kuwa 01/12/2014, Umuvunyi Mukuru yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urubanza N° RCOMA 0465/14/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasubirwamo kubera impamvu z'akarengane zikurikira:

1) Urukiko rwategetse ko Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd asubiza Ndabateze Adeline Angel Pharmacy, ariko ko ibyo bitashoboka kuko, nk'uko bishimangirwa n'ibaruwa N° RDB/3/RH/0238/02/2014 yanditswe n'Ubuyobozi bwa RDB aho yasubizaga Umukumburwa Alice wayisabaga gusobanura ibijyanye na Angel Pharmacy Ndabateze Adeline avuga ko ari iye na Angel Pharmacy Ltd, hanyuma ubwo buyobozi bukamusubiza ko Ndabateze Adeline yanditse kuri Pharmacie Bethel ifite code 101808806, ibyo bigaragaza ko niba na Angel Pharmacy yarabayeho, yabayeho mu bitekerezo ariko ko mu rwego rw'amategeko itigeze ibaho;

2) Kuba Urukiko rwaremeje ko Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd asubiza Ndabateze Adeline Angel Pharmacy, ibyo bitera ingaruka yo kudashobora kurangiza urubanza kuko mu gihe cyo kurangiza urubanza, hashobora kuzashakwa Angel

Pharmacy ngo isubizwe nyirayo nk'uko Urukiko rwabitegetse ariko ntiboneke.

[5] Kuwa 21/11/2014,na none Angel Pharmacy Ltd ihagarariwe na Umukumburwa Alice yajuririye urubanza N° RCOMA 0465/14/HCC (kuri EFS)[1], ikirego cye gihabwa N° RCOMAA 0054/14/CS, bigeze ku wa 12/06/2015, Urukiko rw'Ikirenga rwemeza ko ubujurire bwayo butari mu bubasha bwarwo.

[6] Iburanisha rya mbere ry'uru rubanza (RS/REV/INJUST/COM 0005/15/CS) ryabereye mu ruhame ku wa 13/10/2015, Angel Pharmacy Ltd ihagarariwe na Umukumburwa Alice yunganiwe na Me Niyondora Nsengiyumva, naho Ndabateze Adeline ahagarariwe n'umugabo we Ngwabije Murihano Ephrem yunganiwe na Me Ngabonziza Julien na Me NDAYAMBAJE Iyamuremye Simon.

[7] Iryo buranisha rigitangira, Ngwabije Murihano Ephrem yazamuye inzitizi zo kutakira ikirego kubera ko hiyambajwe inzira ebyiri z'ubujurire kandi bibujijwe mu ngingo ya 12 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ndetse n'ingingo z'akarengane zikaba zidahuye n'ibiteganywa n'ingingo ya 81 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga. Kuri izo nzitizi, Urukiko, mu rubanza rubanziriza urundi rwaciwe ku wa 20/11/2015, rwasanze nta shingiro zifite, rwemeza ko iburanisha rizakomeza mu mizi kuwa 09/12/2015.

---

[1] *Electronic Filing System.*

[8] Iburanisha ryo ku wa 09/12/2015 ryabereye mu ruhame, Angel Pharmacy Ltd ihagarariwe na Umukumburwa Alice yunganiwe na Me Niyondora Nsengiyumva, naho Ndabateze Adeline yunganiwe na Me Ndayambaje Iyamuremye Simon.

II.IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

Kumenya farumasi iriho mu rwego rw'amategeko hagati ya Angel Pharmacy Ltd na Angel Pharmacy, ndetse no kumenya nyirayo

[9] Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd avuga ko bashinze farumasi nk'imfubyi, bifashisha Ndabateze Adeline wari warize ibya farumasi kugira ngo abafashe kuyishinga, babona "autorisation" nyuma y'umwaka, hanyuma batangiye gukora Ndabateze Adeline abasaba "autorisation" kugira ngo ajye gushinga farumasi ye, ibibazo biratangira, bashaka undi mukozi, ndetse na Ndabateze Adeline ashaka undi mukozi witwa Mutabazi Serge.

[10] Me Niyondora Nsengiyumva wunganira Umukumburwa Alice avuga ko Urukiko rwazasuzuma niba Rejisitiri (Registre) y'ubucuruzi yahawe Sosiyete y'ubucuruzi ari yo ituma Sosiyete ibaho cyangwa niba ibeshwaho na "Licence d'exploitation" yahawe na MINISANTE, ko Angel Pharmacy Ltd yemejwe mu rwego rw'amategeko kuwa 21/10/2011 ikaba inagaragaza abayifitemo imigabane, kandi ko iyo sosiyete imaze kwandikwa ari bwo isaba "Licence d'exploitation" ya farumasi. Avuga ko Ndabateze Adeline yemera ko yahabwaga 300.000 Frw, ko niba koko ari nyiri farumasi nta mpamvu yagombaga guhabwa ayo

mafaranga, ko ahubwo yayafataga kubera ko yari umukozi wayo nka "Director Manager".

[11] Ndabateze Adéline avuga ko Umukumburwa Alice ashaka kwitiranya Angel PHARMACY na Angel Pharmacy Ltd, ko atigeze aba umukozi wa Umukumbubwa Alice. Avuga ko, nk'umuntu wize ibijyanye na farumasi, yafunguye Pharmacie Bethel, hanyuma Umukumburwa Alice aza kumutakambira ngo bakorane muri farumasi, afungura Angel PHARMACY kuri "Registre" ye y'ubucuruzi, akajya atuma Umukumburwa Alice ndetse ko uyu yagiye asinya mu mwanya we (P.O), bityo ko iyo aza kuba ari umukoresha we atari kujya amutuma, naho 300.000 Frw akaba yarayahabwaga kubera icyangombwa cye yari yaratanze mu gusaba "autorisation ". Avuga ko yumvikanye na Umukumburwa Alice ko azajya akora ibijyanye n'ibaruramari (comptabilité), naho nyina (wa Ndabateze Adeline) akajya kuri "caisse", kandi ko bazajya bagabana ku kwezi, ko nyuma y'umwaka umwe bari gutandukana, agasubiza Umukumburwa Alice amafaranga ya "Comptoir", n'ay'imiti yari kuba isigayemo, hanyuma agakomeza imirimo ya farumasi muri "Entreprise" ye.

[12] Me Iyamuremye Simon wunganira Ndabateze Adeline avuga ko Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd yashatse ibyangombwa arabibura, yifashisha ibyangombwa bya Ndabateze Adeline. Avuga ko ufite uburenganzira kuri farumasi ari ufite uburenganzira bwatanzwe na MINISANTE.

Ku byerekeye kumenya farumasi iriho mu rwego rw'amategeko hagati ya Angel Pharmacy Ltd na Angel Pharmacy

[13] Ingingo ya 4 y'Itegeko Nº 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi iteganya ko: "Kwandikisha isosiyete mu biro by'Umwanditsi Mukuru mu by'ubucuruzi ni itegeko". Naho ingingo ya 17, agace ka 2º, y'iri Tegeko rivuzwe haruguru, iteganya ko icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete kiba ari ikimenyetso kigaragaza ko isosiyete ishinzwe uhereye ku itariki icyemezo cyanditsweho. Ingingo ya 18 nayo iteganya ko isosiyete yanditswe hakurikijwe iri tegeko iba ifite ubuzima gatozi bwite n'izina yanditsweho, kandi ikomeza gukora kugeza igihe izasibirwa mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi.

[14] Dosiye y'uru rubanza igaragaza ko Angel Pharmacy Ltd yanditswe mu biro by'Umwanditsi Mukuru mu by'ubucuruzi (Office of the Registrar General) muri "Rwanda Development Board" (RDB) kuwa 21/10/2011 haza kuba "amendment" ku wa 09/10/2012 nkuko bigaragazwa na "*Full Registration for Domestic Company*". Dosiye igaragaza na none ko abanyamigabane ba sosiyete ari Umukumburwa Alice, Akizanye Alaine, Nduwawe Ange na Umuhoza Aimée; Umukumburwa Alice akaba ariwe uyihagarariye mu rwego rw'amategeko, naho Ndabateze Adeline utagaragara mu banyamigabane, akaba "Managing Director" wayo. Inyandiko y'Ubwumvikane (Memorandum of Association) ya Angel Pharmacy Ltd yo ku wa 07/10/2011, ari nacyo cyemezo gishinga sosiyete, yatanzwe na RDB, nayo igaragaza ko Umukumburwa Alice, Akizanye Alaine, Nduwawe Ange na Umuhoza Aimée aribo banyamigabane muri

Angel Pharmacy Ltd, Ndabateze Adeline akaba "Managing Director"; kandi ko sosiyete igamije ibikorwa byo kudandaza no kugurisha ibicuruzwa byo muri farumasi, imiti n'iby'isuku (*Retail sale of pharmaceutical and medical goods, cosmetics and toilet articles in specialised stores),* ko n'imari shingiro (capital) ari 2.500.000 Frw yatanzwe ku buryo bungana n'abanyamigabane uko ari bane (4).

[15] Dosiye igaragaza na none ko mu ibaruwa yo ku wa 19/02/2014, Umwanditsi Mukuru mu by'ubucuruzi muri RDB yandikiye Alice Umukumburwa, ivuga neza ko Angel Pharmacy Ltd ariyo sosiyete yanditswe muri "Rwanda Development Board", ko Ndabateze Adeline ari umucuruzi ku giti cye ukoresha izina ry'ubucuruzi "Pharmacie Bethel".

[16] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa mu bika bibanza, Urukiko rurasanga Angel Pharmacy Ltd ihagarariwe na Umukumburwa Alice ariyo farumasi yanditswe muri RDB, nk'uko bisabwa n'ingingo ya 4 y'Itegeko ryerekeye amasosiyete mu Rwanda; ni nayo ifite ubuzima gatozi kandi iriho mu buryo bwemewe n'amategeko, kuko ariyo yubahirije ibisabwa n'amategeko, naho Angel Pharmacy, Ndabateze Adeline avuga ko ari ye, niyo yaba ikora, nta na hamwe bigaragara ko yaba iriho mu rwego rw'amategeko; kuko uvuga ko iriho, atigeze ayandikisha muri RDB.

Ku byerekeye kumenya nyiri Angel Pharmacy Ltd

[17] Ingingo ya 2, agace ka 32º, b, y'Itegeko Nº 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi iteganya ko umunyamigabane (actionnaire) ari umuntu uvugwa mu nyandiko isaba kwandikwa kw'isosiyete mu gihe cy'ishingwa

ryayo kandi agafatwa nk'umunyamigabane kugeza aho izina rye ryandikiwe mu gitabo cy'imigabane.

[18] Ingingo ya 6 y'Iteka rya Minisitiri Nº 20/15 ryo ku wa 03/05/2005 rigena ibyangombwa bisabwa mu gufungura, gukoresha no kwimura farumasi igenewe kudandaza imiti n'inzu icuruzwamo imiti iteganya ko iyo umufarumasiye akorera abandi, inyandiko isaba gufungura farumasi igomba guherekezwa n'icyemezo kigaragaza ubwo bufatanye cyitwa "Amasezerano mbonera y'ubufatanye" ariho umukono w'umufarumasiye n'uw'umuntu wemerewe n'amategeko gukora mu izina ry'icyo kigo.

[19] Ku byerekeye kumenya niba uruhushya rwa MINISANTE rwo gufungura farumasi ari rwo rwerekana ko farumasi ibayeho mu rwego rw'amategeko, kandi ko uwo icyemezo cyanditseho ariwe nyiri iyo farumasi, Urukiko rurasanga Umukumburwa Alice yaremeranyije na Ndabateze Adeline gufatanya gufungura farumasi, ariko amasezerano mbonera y'ubufatanye akaba yarabaye mu magambo gusa, kuko nta nyandiko ibigaragaza nkuko biteganywa n'ingingo ya 6 y'Iteka rya Minisitiri Nº 20/15 ryo ku wa 03/05/2005 ryavuzwe haruguru iteganya ko umufarumasiye ashobora gukorera abandi bantu. Rurasanga mu bwumvikane bw'impande zombi, uruhande ruhagarariwe na Umukumburwa Alice arirwo rwashatse imari shingiro rugura imiti, ibikoresho, rwishyura inzu n'ibindi, naho uruhare rwa Ndabateze Adeline rukaba rwarabaye gushaka uruhushya akoresheje ibyangombwa bye birimo "registre de commerce", indangamuntu, impamyabumenyi n'ibindi, kugira ngo farumasi yemererwe gufungura imirimo y'ubucuruzi, Ndabateze Adeline akajya ahabwa 300.000 Frw buri kwezi ku bw'iyo "autorisation".

[20] Ikindi kigaragara n'uko igikorwa cyo gushakira farumasi uburenganzira bwo gutangira imirimo yayo cyatangiye ku wa 18/05/2012, aribwo Ndabateze Adeline yandikiye MINISANTE ayisaba uruhushya rwo gufungura farumasi, ku wa 08/06/2012 nibwo "*National Pharmaceutical Establishments Committee*" yatanze raporo y'igenzura ryakozwe yemeza uko ibisabwa kugira ngo farumasi yemererwe gufungura byuzuye, uburenganzira bwo gufungura farumasi butangwa ku wa 09/08/2012 nk'uko bigaragazwa n'ibaruwa n° 20/4265/PH/INSP/JK/2012 yo ku wa 09/08/2012 MINISANTE yandikiye Ndabateze Adeline imwemerera gufungura ibikorwa bya farumasi muri ANGEL. Ibi bikaba bishimangira ko farumasi yabanje kwandikishwa muri RDB mu mwaka wa 2011, uruhushya rwo gutangira ibikorwa ruza nyuma rusanga farumasi iriho, cyane cyane ko n'urwo ruhushya rutangwa nyuma yaho habaye igenzura mu buryo bwa tekenike ryemeje ko ibisabwa byose byuzuye.

[21] Urukiko rurasanga icyangombwa cya MINISANTE atari cyo gituma uwo cyanditseho yitwa nyiri farumasi kuko ingingo ya 6 y'Iteka rimaze kuvugwa haruguru yemera ko haba ubufatanye hagati y'umufarumasiye n'umuntu wemerewe n'amategeko gukora mu izina ry'ikigo, ko ahubwo icyo cyangombwa ari inyandiko ituma farumasi yateguwe, irimo n'ibicuruzwa itangira gukora, ko atari cyo cyemeza ko farumasi iriho ko kandi ari iya kanaka. Urukiko rurasanga Ndabateze Adeline atari kuba nyiri farumasi yasabiye ibyangombwa, na none ngo yongere ajye ahemberwa icyangombwa yahawe, kuko nyir'umugabane, iyo atari umukozi wa sosiyete atagenerwa umushahara, ko ahubwo agabana inyungu ku migabane nk'uko biteganywa n'ingingo ya 156 y'Itegeko N° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi ryavuzwe haruguru ivuga ko abanyamigabane bafite uburenganzira ku

nyungu zitangwa n'imigabane (...); bityo, Angel Pharmacy Ltd ihagarariwe na Umukumburwa Alice akaba ariyo farumasi iriho mu buryo mwemewe n'amategeko nk'uko byavuzwe haruguru.

[22] Urukiko rurasanga Angel Pharmacy Ltd iriho mu buryo bwemewe n'amategeko, kandi ari yo igomba gukomeza imirimo ya farumasi, naho Angel Pharmacy itariho mu rwego rw'amategeko ikaba itagomba gukomeza gukorera kuri iryo zina kuko byaba binyuranije n'iki cyemezo cy'Urukiko.

[23] Hashingiwe ku bisobanuro n'amategeko byatanzwe haruguru, Urukiko rurasanga abanyamigabane bafunguye farumasi Angel Pharmacy Ltd, ari nabo ba nyirayo ari Umukumburwa Alice, Akizanye Alaine, Nduwawe Ange na Umuhoza Aimée, nk'uko bigaragara kuri "Memorandum of Association" yatanzwe na RDB ku wa 07/10/2011, kuko aribo bagaragara mu nyandiko isaba kwandikwa kw'isosiyete mu gihe cy'ishingwa ryayo kandi farumasi itakwitirirwa undi uretse uwashatse imari shingiro agakusanya n'ibyangombwa kugirango ibeho, naho Ndabateze Adeline akagaragara nka "Managing Director" utari mu banyamigabane.

Kumenya niba hari indishyi zagenwa muri uru rubanza

[24] Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd avuga ko indishyi asaba zisobanuye mu buryo bukurikira:

- Amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na 5.955.000 Frw agizwe na 1.960.000 Frw yatakaje mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge mu manza N° RCOM 0480/14/TC/NYAR na N° RCOM 0529/14/TC/NYAR, 550.000 Frw yatakaje mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi mu rubanza N° RCOMA 0465/14/HCC, 500.000 Frw yakoresheje ageza ikibazo cye ku Muvunyi, na

2.945.000Frw yakoresheje akurikirana mu Rukiko rw'Ikirenga urubanza RCOMA 0008/15/CS.

- Indishyi mbonezamusaruro zingana na 3.850.000Frw agizwe na 100.000Frw yo kwimuka na 3.750.000Frw y'inyungu yari kuzabona mu bucuruzi bwe kuva ku wa 28/08/2015, ariko agomba kwiyongera kugeza igihe urubanza rurangijwe;

-Indishyi zingana na 2.000.000Frw zijyanye no kuba Ndabateze Adeline akorera ku izina rye, bikazamura imisoro agomba gusora;

-Indishyi zingana na 3.000.000Frw kubera izina ANGEL Ndabateze Adeline yakoresheje kandi ryari ryarakoreshejwe nk'urwibutso rw'ababyeyi babo kuko ari izina rya murumuna we Nduwawe Ange wari ufite amezi 6 ubwo ababyeyi babo bapfaga;

Indishyi zose hamwe zikaba zingana na 14.805.000Frw, hiyongeyeho igihembo cya Avoka mu rubanza rw'akarengane kingana na 1.500.000Frw.

[25] Me Iyamuremye Simon wunganira Ndabateze Adéline avuga ko indishyi zisabwa nta shingiro zahabwa kuko Umukumburwa Alice arimo gukoresha inzira zidakwiye kugira ngo abone farumasi itari iye, ahubwo ko yamugira inama yo gushaka icyangombwa cya farumasi ye adakoresheje farumasi ya Ndabateze Adeline.

[26] Ingingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano iteganya ko: "Igikorwa cyose cyangirije undi gitegeka nyir'ugukora ikosa kuriha ibyangiritse".

[27] Muri uru rubanza, Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd asaba 1.960.000Frw y'indishyi z'ibyo yakoresheje mu manza N° RCOM 0480/14/TC/NYAR na N° RCOM 0529/14/TC/NYAR[2] zaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge; dosiye y'urubanza igaragaza ariko ko mu rubanza N° RCOM 0480/14/TC/NYAR yari yagenewe 800.000Frw. Urukiko rurasanga Angel Pharmacy Ltd yagenerwa 800.000Frw yari yarahawe muri urwo rubanza rwa mbere kuko ari mu rugero rukwiye.

[28] Ku byerekeye amafaranga yatakajwe mu rubanza N° RCOMA 0465/14/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Urukiko rurasanga nayo agomba gutangwa uko ari 550.000 Frw nk'uko yasabwe, kuko Angel Pharmacy Ltd yayatakaje ikurikirana urwo rubanza. Naho ku bijyanye n'amafaranga angana na 500.000 Frw yakoreshejwe na Umukumburwa Alice ageza ikibazo ku Rwego rw'Umuvunyi, Urukiko rurasanga nayo akwiye gutangwa kuko akarengane yagiriye mu rubanza N° RCOMA 0465/14/HCC ariko katumye ayatakaza ashyikiriza ikibazo Urwego rw'Umuvunyi.

---

[2] Uru rubanza rwerekeranye n'ikirego cyihutirwa mu rubanza N° RCOM 0480/14/TC/NYAR aho ikiregerwa cyari: "Gufungurirwa Pharmacy no kwandikwaho autorisation, tukaba dukora mu gihe dutegereje icyemezo cy'urukiko uku kirego cy'iremezo", kandi biragaragara ko ku bijyanye n'indishyi umucamanza yari yasobanuye ko indishyi zizasabwa mu rubanza rw'iremezo (RCOM 0480/14/NYAR).

[29] Ku byerekeye indishyi z'ibyo yatakaje akurikirana urubanza muri uru Rukiko,Urukiko rurasanga 2.940.000 Frw akomoka ku kirego cyihutirwa (Nº RCOM 0008/15/CS) yifujwe na Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd na 1.500.000 Frw ajyanye n'urubanza rw'iremezo (Nº RS/REV/INJUST/COM 0005/15/CS), ari ikirenga, bityo mu bushishozi bwarwo rukaba rugeneye Angel pharmacy Ltd kuri izo manza zombi[3] amafaranga ibihumbi magana inani (800.000Frw) y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[30] Ku byerekeye indishyi mbonezamusaruro zasabwe, Urukiko rurasanga zidakwiye gutangwa kuko Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy Ltd azisaba ashingiye ko atakoraga no kuba yarimutse aho yakoreraga, kandi mu miburanire ye hari aho asobanura ko Angel Pharmacy Ltd ikorera mu yindi nzu, bisobanuye ko, uretse kuba atarumvikanye na Ndabateze Adéline ku mikorere ya farumasi bari bahuriyeho, Umukumburwa Alice yakomeje ubucuruzi bwa farumasi. Ikindi, n'ubwo Angel Pharmacy Ltd yaba yarahagaritse ubucuruzi yakoraga, ntabwo yagaragaje ibimenyetso ishingiraho isaba indishyi mbonezamusaruro. Naho ku bijyanye n'amafaranga 100.000 yo kwimuka Umukumburwa Alice asaba, Urukiko rurasanga nayo adakwiye kuyahabwa kuko nta kigaragaza ko ari Ndabateze Adéline wamuvanye mu nyubako yakoreragamo, cyane cyane ko n'uru Rukiko (rw'Ikirenga) mu rubanza Nº RCOM 0008/15/CS rwaciwe ku wa 31/07/2015, rwari rwategetse ko irangiza ry'urubanza Nº RCOMA 0465/14/HCC riba rihagaze

[3] Ingingo ya 320, igika cya nyuma, y'Itegeko Nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko: "Indishyi n'ibindi bijyanye n'amafaranga umuburanyi yakoresheje mu rubanza ku kirego cyihutirwa biregerwa hamwe n'ikirego cy'iremezo."

by'agateganyo kugeza igihe urubanza Nº RS/REV/INJUST/COM 0005/14/CS ruzacibwa.

[31] Ku byerekeye amafaranga n'indishyi zijyanye no kuba Ndabateze Adeline akorera ku izina rye, bikazamura imisoro agomba gusora, ndetse n'indishyi zo kuba Ndabateze Adeline yarakoresheje izina "Angel", Urukiko rurasanga izo ndishyi zose zitagomba gutangwa kuko, hakurikijwe ibisobanuro Umukumburwa Alice atanga, farumasi yatumye habaho impaka yari yashinzwe ku bwumvikane hagati ya Umukumburwa Alice (washoye amafaranga y'imiti, ayo gukodesha inyubako no kugura ibindi bikoresho) na Ndabateze Adeline (watanze icyangombwa cye mu gushaka uburenganzira bwo gufungura farumasi), bityo Umukumburwa Alice uhagarariye Angel Pharmacy ltd akaba atabyuririraho ngo abisabire indishyi.

[32] hakurikijwe ibimaze gusobanurwa haruguru, urukiko rurasanga Angel Pharmacy Ltd igomba guhabwa indishyi zingana na 2.650.000 Frw agizwe na 800.000 Frw zagenwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi mu rubanza Nº RCOM 0480/14/TC/NYAR, 550.000 Frw yatakaje mu rubanza Nº RCOMA 0465/14/HCC mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, 500.000 Frw yatakaje ishyikiriza ikibazo Urwego rw'Umuvunyi na 800.000 Frw yatakaje muri uru rubanza rw'akarengane (Nº RS/REV/INJUST/COM 0005/15/CS).

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[33] Rwemeje ko ikirego cya Angel Pharmacy Ltd cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro kuri bimwe;

[34] Rwemeje ko Angel Pharmacy Ltd ariyo farumasi iriho mu buryo bwemewe n'amategeko, ikaba ari yo igomba gukomeza imirimo ya Farumasi;

[35] Rwemeje ko Angel pharmacy Ltd ari iy'abanyamigabane aribo Umukumburwa Alice, Akizanye Alaine, Nduwawe Ange na Umuhoza Aimée.

DRESOCECO Ltd v. MININTCO Ltd

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA 00086/2018/CA (Mukanyundo, P.J., Mukandamage na Kanyange, J.) 27 Nzeri 2019]

Amategeko arengera umutungo bwite mu by'ubwenge – Ikirango – Ibirango bitera urujijo – Ibirango bitera urujijo –Kwigana ikirango – Kugira ngo hamenyekane niba ibirango bisa ku buryo bitera urujijo, si ngombwa ko biba bisa ijana kw'ijana ahubwo harebwa ubwiganze bwo gusa (dominant test of similarity) kuri ibyo birango byombi ku buryo byateza urujijo ku muguzi.

Incamake y'ikibazo: MININTCO LTD ni sosiyete y'ubucuruzi yiyandikishijeho ikirango cya KANTA BRAND muri RDB, ikanakora ubucuruzi bwayo, yaje kumenya ko iyindi sosiyete yitwa DRESOCECO Ltd itumiza mu gihugu cy'Ubushinwa igicuruzwa gifite ikirango cya Wild Olive, ikavuga ko icyo gicuruzwa cyiganye ikirango cyayo, ikaba igicuruza mu buryo bw'uburiganya, akaba ariyo mpamvu yayireze mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge isaba uru rukiko gutegeka guhagarika ikwirakwizwa ryicyo gicuruzwa, kubisenya no kubifatira ku buryo kitazongera kwinjizwa mu gihugu cy'Urwanda kuko gitera urujijo ku bicurizwa byayo, inasaba indishyi.

DRESOCECO Ltd yo yireguye ivuga ko nta kosa yakoze, kuko nta kimenyetso MININTCO Ltd itanga kigaragaza ko yiganye ikirango cyayo cya KANTA Brand, kuko atari yo ikora ibicuruzwa bya Wild olive, uretse ko n'ibyo birango byombi bitandukanye ku buryo abaguzi badashobora kubyitiranya, haba ku mabara, ibyanditseho n'ibishushanyijeho, ko ikirango ''Wild

olive'' cyari gutera urujijo mu gihe ahanditse ''Kanta Brand'' handitswe amagambo ahuye n'iryo jambo, ko ahubwo icyo MININTCO Ltd igamije ari ukwikubira isoko yonyine kandi bitemewe mu rwego rw'ubucuruzi. Uru Rukiko rwemeje ko ikirango ''Wild olive'' n'icya ''Kanta Brand'' bitandukanye, kandi icya ''Wild olive'' kitigana icya ''Kanta Brand'', ndetse kidatera urujijo mu baguzi.

MININTCO Ltd yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rutitaye ku bishingirwaho mu gupima ikirango kigana ikindi, ko rwemeje ko itagombaga kurega DRESOCECO Ltd kuko atari uruganda rukora ''Wild olive'' kandi ntaho rubishingiye, ko ndetse rutasuzumye ikibazo cyo kumenya niba ikirango ''Wild olive'' kidashobora kwifashishwa mu ihiganwa ririmo uburiganya ugereranyije n'icya ''Kanta Brand''.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ubujurire bufite ishingiro, ko imikirize y'urubanza rwajuririwe ihindutse mu ngingo zarwo zose, rutegeka ko ibicuruzwa bya ''Wild olive'' bizanwa mu Rwanda na DRESOCECO Ltd bihagarikwa kuhacururizwa, kuko birangwa n'ikirango gitera urujijo mu bicuruzwa mu buryo butubahiriza amategeko.

DRESOCECO Ltd yajuriye nayo mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko ikirego cya MININTCO Ltd kijyanye no kuba ikirango cya ''Wild olive'' kigana cyangwa se kitigana icya ''Kanta Brand'' kitagombaga kwakirwa, kuko cyasuzumwe mu rundi rubanza haburana MININTCO Ltd na Unitex Rwanda Ltd rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwarabaye itegeko, kuko rutigeze rujuririrwa mu Rukiko rw'Ikirenga rwari rufite ububasha icyo gihe, ko ndetse rutigeze rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, n'ubu rukaba rukiriho, isaba guhabwa indishyi

z'igihombo yagize. Nyuma y'ivugurura ry'inkiko, urubanza rwoherejwe mu Rukiko rw'Ubujurire.

Mwiburanisha DRESOCECO Ltd isobanura ko ubusanzwe urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rudashobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe, ko ariko mu birebana na bene ibi birego (class action cases), harebwa icyaburanwaga gusa, kuko bitabaye ibyo, impaka ku birebana no gusa cyangwa kudasa kw'ibicuruzwa zazajya zihoraho ntizirangire, kuko buri muntu wese yajya atanga ikirego atitaye ku rubanza rwabanje.

DRESOCECO Ltd ivuga ko n'ubwo Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ikirango Wild Olive gitera urujijo icya "KANTA Brand", nyamara siko bimeze kuko nta sano bifitanye kuko bidateye kimwe, ndetse n'amagambo agiye yanditseho si amwe. Ikomeza ivuga ko ikarito ya ''Kanta Brand'' hariho umunzani, ariko kuri ''Wild olive'' hariho ishami rifite imbuto ebyiri kandi ko n'ubwo amabara yakoreshejwe hari amwe ajya kumera kimwe, ariko atari yose, ko kandi hari amabara abantu kimwe n'inganda bakunze kwifashisha agaragara neza, ko rero ibicuruzwa bifite ikirango cya ''Wild olive'' bidatera urujijo mu baguzi ku buryo babyitiranya n'ibifite icya ''Kanta Brand''

Mu kwerekana uburyo ikirango "Wild olive" cyaba kigana ikirango "KANTA Brand", MININTCO Ltd yifashishije agakarito k'amavuta afite ikirango cya "Wild olive" akakagereranya n'akazamo amavuta afite icya "KANTA Brand", agaragaza ibintu bitandukanye kuri ko gakarito aho ikirango cya "Wild olive" cyagiye cyigana icya "KANTA Brand", ku buryo ari urwiganwa rukabije rw'ikirango "KANTA Brand" bityo abaguzi b'amavuta ahindura umusatsi umukara bashobora

kwibeshya byoroshye bakagura aya "Wild olive" bakeka ko ari aya "KANTA Brand".

MININTCO Ltd bavuga ko uru Rukiko rukwiye kwemeza ko ubujurire bwa DRESOCECO Ltd nta shingiro bufite, ko ikirango "Wild olive" ari urwiganwa rw'icya "KANTA Brand", maze rugategeka ko ibicuruzwa bifite ikirango cya "Wild olive" bitera urujijo mu baguzi. Maze rukanemeza ko bitemewe gucururizwa ku butaka bw'u Rwanda, rugategeka ko ibyafatiriwe muri Gasutamo bisenywa.

DRESOCECO Ltd bavuga ko irimo gukorerwa akarengane, kuko yaranguye amavuta afite ikirango cya "Wild Olive" yumva ko nta kosa irimo gukora, ko kandi n'iyo urukiko rwasanga icyo gicuruzwa ari urwiganwa rutera urujijo, uretse ko atari byo, yahabwa ibyo bicuruzwa byafatiriwe muri Gasutamo, kuko nta mugambi wo kubangamira MININTCO Ltd yari ifite.

Incamake y'icyemezo: 1. DRESOCECO Ltd ntiyakwitwaza urubanza RCOMA 00194/2016/HC/HCC, rwaciwe ku rwego rwa nyuma n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ngo ivuge ko ikirego yarezwe na MININTCO Ltd kitagombaga kwakirwa, kuko ababuranyi n'ikiburanwa atari bimwe.

2.Kugira ngo hamenyekane niba ibirango bisa ku buryo bitera urujijo, si ngombwa ko biba bisa ijana kw'ijana ahubwo harebwa ubwiganze bwo gusa (dominant test of similarity) kuri ibyo birango byombi ku buryo byateza urujijo ku muguzi.

Ubujurire nta shingiro bufite.
Amagarama ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 111

Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, ingingo ya 178, 180 n'iya 258.

Itegeko Nº15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 76

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga:

DEBORAH E. BOUCHOUX, La propriété intellectuelle, le droit des marques, le droit d'auteur, le droit des brevets d'invention et des secrets commerciaux, Nouveaux Horizons, p. 97.

Serge GUINCHARD, Droit et pratique de la procédure civile, Dalloz, cinquième édition, p.864.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] MININTCO Ltd yareze DRESOCECO Ltd mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge isaba guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa itumiza mu Bushinwa biriho ikirango ''Wild Olive'' ivuga ko gitera urujijo ku bicurizwa byayo bifite ikirango kizwi nka ''Kanta Brand'', isobanura ko DRESOCECO Ltd yiganye icyo kirango, kuko iyo urebye imiterere y'ibyo birango

usanga nta tandukaniro bifite harebwe imiterere y'udukarito, ingano yatwo, imiterere y'amabara, imiterere y'ibindi bigize ikirango cya ''Kanta Brand'' (iminzani), amagambo agize ikirango, n'umwanya amagambo agize ikirango yanditsemo, ku buryo nta tandukaniro rihari mu maso y'abaguzi, ko kandi bibangamiye uburenganzira ku mutungo mu by'ubwenge bwa MININTCO Ltd, ndetse n'imicururize yayo kuko biyihombya, isaba ko ibicuruzwa bya DRESOCECO Ltd byafatiriwe muri Gasutamo bisenywa kandi igategekwa kutazongera kubyinjiza mu Rwanda, no gutanga indishyi zingana na 50.000.000Frw n'amafaranga y'ibyo yatanze ku rubanza.

[2] DRESOCECO Ltd yo yireguye ivuga ko nta kimenyetso MININTCO Ltd itanga kigaragaza ko yiganye ikirango cyayo cya ''KANTA Brand'', kuko atari yo ikora ibicuruzwa (produits) bya ''Wild olive'', kuko yabiguze nk'uko yari kugura n'ibya MININTCO Ltd, ko rero yo nta gihangano ifite cy'ibyo yaguze, ndetse atari yo yandikishije ikirango cya ''Wild olive'' ku Mwanditsi Mukuru wa RDB, ikaba mu rwego rw'amategeko n'urw'ibimenyetso nta kosa yakoze, ko ahubwo MININTCO Ltd ikwiye kurega uruganda rukora ''Wild olive'' mu gihe haba hari ibyo rwiganye ku kirango cya ''Kanta Brand'', uretse ko n'ibyo birango byombi bitandukanye ku buryo abaguzi badashobora kubyitiranya, haba ku mabara, ibyanditseho n'ibishushanyijeho, ko ikirango ''Wild olive'' cyari gutera urujijo mu gihe ahanditse ''Kanta Brand'' handitswe amagambo ahuye n'iryo jambo, ko ahubwo icyo MININTCO Ltd igamije ari ukwikubira isoko yonyine kandi bitemewe mu rwego rw'ubucuruzi. Nayo yasabye ko MININTCO Ltd itegekwa kuyishyura 50.000.000Frw y'indishyi, 18.750.000Frw y'igihombo yayiteje ifatira ibicuruzwa byayo ikabuzwa kubicuruza, n'amafaranga y'ibyo yatanze ku rubanza.

[3] Urwo rukiko rwaciye urubanza RCOM 00385/2017/TC/Nyge ku wa 20/04/2017, rwemeza ko ikirango ‘’Wild olive’’ n’icya ‘’Kanta Brand’’ bitandukanye, kandi icya ‘’Wild olive’’ kitigana icya ‘’Kanta Brand’’, ndetse kidatera urujijo mu baguzi, rutegeka MININTCO Ltd kwishyura DRESOCECO Ltd 500.000Frw y’igihembo cya Avoka na 200.000Frw y’ikurikiranarubanza.

[4] MININTCO Ltd yajuririye Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rw’Ubucuruzi rwa Nyarugenge rutitaye ku bishingirwaho mu gupima ikirango kigana ikindi, ko rwemeje ko itagombaga kurega DRESOCECO Ltd kuko atari uruganda rukora ‘’Wild olive’’ kandi ntaho rubishingiye, ahubwo runyuranya n’ibiteganywa n’ingingo ya 258 y’Itegeko nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by’ubwenge, ko ndetse rutasuzumye ikibazo cyo kumenya niba ikirango ‘’Wild olive’’ kidashobora kwifashishwa mu ihiganwa ririmo uburiganya ugereranyije n’icya ‘’Kanta Brand’’.

[5] Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi rwaciye urubanza RCOMA 00236/2017/CHC/HCC ku wa 16/11/2017, rwemeza ko ubujurire bwa MININTCO Ltd bufite ishingiro, ko imikirize y’urubanza rwajuririwe ihindutse mu ngingo zarwo zose, rutegeka ko ibicuruzwa bya ‘‘Wild olive‘‘ bizanwa mu Rwanda na DRESOCECO Ltd bihagarikwa kuhacururizwa, kuko birangwa n’ikirango gitera urujijo mu bicuruzwa mu buryo butubahiriza amategeko.

[6] DRESOCECO Ltd yajuriye mu Rukiko rw’Ikirenga urubanza ruhabwa nº RCOMAA 00014/2018/SC, nyuma ruza koherezwa mu Rukiko rw’Ubujurire hashingiwe ku biteganywa n’ingingo ya 105 y‘Itegeko Nº30/2018 ryo ku wa 02/06/2018

rigena ububasha bw'inkiko, ruhabwa no RCOMAA 00086/2018/CA.

[7] Mu bujurire bwayo DRESOCECO Ltd ivuga ko ikirego cya MININTCO Ltd kijyanye no kuba ikirango cya ''Wild olive'' kigana cyangwa se kitigana icya ''Kanta Brand'' kitagombaga kwakirwa, kuko cyasuzumwe mu rubanza RCOMA 00194/2016/HC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 12/10/2016 rwabaye itegeko, ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije amategeko n'ibimenyetso yatanze bigaragaza ko ikirango cyayo kitigana icya MININTCO Ltd, ikaba ikwiye guhabwa ibicuruzwa byayo byafatiriwe na Gasutamo, ikanahabwa indishyi z'igihombo yagize, naho MININTCO Ltd ikavuga ko ubujurire bwa DRESOCECO Ltd nta shingiro bufite.

[8] Habanje gusuzumwa inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rwajuririwe yatanzwe na MININTCO Ltd ishingiye ku gaciro k'ikiburanwa, maze mu rubanza rubanziriza urundi rwaciwe ku wa 05/04/2019, Urukiko rwemeje ko ubujurire bwa DRESOCECO Ltd buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ubujurire, iburanisha mu mizi y'urubanza rikomeza ku wa 08/05/2019 no ku wa 30/04/2019, DRESOCECO Ltd ihagarariwe n'Umuyobozi wayo Sagatwa Anastase yunganiwe na Me Mutarindwa Félix afatanyije na Me Butare Godefrey, naho MININTCO Ltd ihagarariwe n'Umuyobozi wayo Rahul Gulab Jham yunganiwe na Me Nsengumuremyi Cyridion.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

a. Kumenya niba ikirego cya MININTCO Ltd kitaragombaga kwakirwa n'inkiko zabanje kubera ko mu rubanza RCOMA 00194/2016/CHC/HCC rwabaye itegeko, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemejemo ko ikirango cya ''Wild olive ''kitigana icya "KANTA Brand"

[9] Ababuranira DRESOCECO Ltd bavuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije gusuzuma ikibazo rwashyikirijwe kijyanye n'uko ikirego cyatanzwe na MININTCO Ltd kitagombaga kwakirwa ngo gisuzumwe ku rwego rwa mbere, kubera ko hari urundi rubanza RCOMA 00194/2016/HC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 12/10/2016 (mbere y'uru rwaciwe ku wa 16/11/2017), haburana MININTCO Ltd na Unitex Rwanda Ltd, rwemeje ko ikirango cya ''Wild olive'' gikoreshwa na Unitex Rwanda Ltd kidatera urujijo, kuko gifite byinshi bigitandukanya n'ikirango cya "KANTA Brand" cya MININTCO Ltd, ko rero urwo rubanza rwabaye itegeko, kuko rutigeze rujuririrwa mu Rukiko rw'Ikirenga rwari rufite ububasha icyo gihe, ko ndetse rutigeze rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, n'ubu rukaba rukiriho.

[10] Bavuga ko bashingiye ku ngingo ya 151 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka wa 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, iteganya ko *"ibyemezo by'ubucamanza bigomba kubahirizwa n'abo bireba bose, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo. Ntibishobora kuvuguruzwa keretse binyuze mu nzira no mu buryo buteganywa n'amategeko (...)"*, basaba ko icyemezo cyafashwe kivuga ko ibyo birango byombi bidasa cyakubahirizwa, ko niba MININTCO Ltd ibona kibangamye, igomba kunyura mu nzira

zemewe n'amategeko igasaba ko kivaho, ko ariko mu gihe kikiriho ntacyabuza abacuruzi kurangura ibyo bicuruzwa bifite ikirango cya "Wild olive" kubikora, ko kandi nayo yabiranguye ari uko imaze kubona urwo rubanza, ikaba rero igomba kurengerwa nk'uko byakorewe Unitex Rwanda Ltd, kuko ingingo ya 15 y'iryo Tegeko Nshinga ivuga ko abantu bose bareshya.

[11] Bakomeza bavuga ko ubusanzwe urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rudashobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe, ko ariko mu birebana na bene ibi birego (class action cases), harebwa icyaburanwaga gusa, kuko bitabaye ibyo, impaka ku birebana no gusa cyangwa kudasa kw'ibicuruzwa zazajya zihoraho ntizirangire, kuko buri muntu wese yajya atanga ikirego atitaye ku rubanza rwabanje.

[12] Ibyo bavuga banabishyigikiza ibyanditswe na Yves FAURE mu gitabo yanditse asoza amashuri y'icyiciro cy'ikirenga (Thèse de doctorat) cyitwa "Le contentieux de la contrefaçon. La réponse du droit français à l'atteinte aux droits de propriété intellectuelle", ku rupapuro rwa 403[1], banavuga ko

---

[1] Bavuga ko muri icyo gitabo, Yves FAURE yavuze ko*: "L'autorité de la chose jugée constitue également une fin de non-recevoir tout à fait commune et n'est donc pas spécifique aux droits de la propriété intellectuelle, mais s'y intéresser spécialement est ici nécessaire car il se trouve également là une application particulière à la matière. De rappeler tout d'abord que le principe gouvernant l'autorité de la chose jugée est donné par l'article 1351 du code civil, il s'agit d'une présomption légale qui entraîne l'impossibilité d'un nouveau jugement sur une demande lorsque celle-ci a déjà tranchée du fait qu'il existe une identité de parties, d'objet et de la cause. Les conditions administrant la notion de l'autorité de la chose jugée sont donc restrictives*

urukiko rwa "TGI Paris" rwanze kwakira ikirego, ku mpamvu y'uko igicuruzwa kimwe (produit) cyari cyongeye kuburanwaho (voir TGI Paris, 23 févr.2007: PIBD 2007, nº 858, p.551 en matière de marque). Batanga na none urugero ku rubanza rwaciwe n'Urukiko Rusesa Imanza rwo mu gihugu cy'Ubufaransa haburana sosiyete "Merk Shap et Dhome".

[13] Me Nsengumuremyi Cyridion, uburanira MININTCO Ltd, avuga ko ibyo DRESOCECO Ltd ivuga ko ikirego cyayo kitagombaga kwakirwa kubera ko hari urubanza rwabaye itegeko nta shingiro bifite, kubera ko itagaragaza ko "autorité de la chose jugée" ivuga ari "absolue" cyangwa "relative".

[14] Akomeza avuga ko inyandiko DRESOCECO Ltd yashyize muri dosiye zijyanye n'amategeko y'Ubufaransa, nyamara ikibazo cy'urubanza rwabaye itegeko (autorité de la chose jugée) kirebwa n'uru rubanza giteganyijwe mu ngingo ya 14 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko ikibazo cyaciweho imanza n'inkiko kitongera kugaruka mu rukiko iyo ababuranyi ari bamwe, ikiburanwa ari kimwe kandi n'impamvu z'imiburanire akaba ari zimwe.

---

mais se trouvent bien à s'appliquer en matière de contentieux de la contrefaçon. C'est ainsi qu'il faut s'apercevoir que c'est autour d'une problématique relative à l'objet que se cristallisent les difficultés, les questions d'identité de parties et des causes sont plus facilement expurgées du fait de l'objectivité de leur appréciation, là où les aspects relatifs à l'objet sont plus à même d'appeler à une interprétation. Il existe ainsi une identité d'objet ayant entrainé la reconnaissance de l'autorité de la chose jugée et conséquemment un fin de non-recevoir, lorsqu'il a déjà été statué une action en contrefaçon sur le même bien (...)".

[15] Asanga rero urubanza RCOMA 00194/2016/HC/HCC rutarabaye hagati y'ababuranyi bamwe n'ababurana ubu mu Rukiko rw'Ubujurire, kuko icyo gihe haburanaga MININTCO Ltd na Unitex Rwanda Ltd, naho ubu hakaba haburana MININTCO Ltd na DRESOCECO Ltd.

[16] Ku bijyanye n'urubanza rwa "Merk Shap et Dhome" rushingirwaho na DRESOCECO Ltd, Me Nsengumuremyi Cyridion avuga ko rwari rwerekeranye no gusaba gukuraho icyemezo cya "brevet d'invention" cyari cyatanzwe n'Urwego rwa Leta rubifitiye ububasha, gukuraho icyo cyemezo akaba ari ukwambura ubwo burenganzira uwari yagihawe, bisobanuye ko urubanza rwabaye itegeko rwagize agaciro ku bantu bose (autorité de la chose jugée absolue), atari gusa ku barubayemo ababuranyi (autorité de la chose jugée relative), ko nyamara atari cyo kiburanwa hagati ya MININTCO Ltd na DRESOCECO Ltd muri uru rubanza kuko MININTCO Ltd isaba ko hubahirizwa uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge kubera icyemezo yahawe na RDB mu mwaka wa 2012.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[17] Ku byerekeye agaciro k'urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma (autorité de la chose jugée), ingingo ya 14 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko *''Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma ntirushobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe''*.

[18] Nk'uko binasobanurwa n'umuhanga mu mategeko Serge GUINCHARD, avuga ko kugira ngo umuburanyi asabe ko ikirego kitakirwa ashingiye ku mpamvu y'uko hari urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, ibintu bitatu bigomba kuba byuzuye, ni ukuvuga: *impamvu zimwe, ikiburanwa kimwe, hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe,* haba hari kimwe kibura, ikirego kigashobora kwakirwa, ko abacamanza baregewe bagomba kubisuzuma kugira ngo inzitizi yo kutakira ikirego ishingiye kuri iyo mpamvu ihabwe cyangwa se ibure ishingiro, bitaba ibyo urubanza rukaba rwashobora guseswa kubera kutagira aho rushingiye mu mategeko[2]. Ibyo uwo muhanga yasobanuye yabishingiye ku biteganywa n'ingingo ya 1351 Code civil y'Ubufaransa bihuye n'ibiteganywa n'ingingo ya 14 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuze haruguru.

[19] Bigaragara rero mu rubanza RCOMA 00194/2016/HC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 12/10/2016, haburana MININTCO Ltd irega Unitex Rwanda Ltd, ko ikiburanwa cyari "Kwemeza ko sosiyete Unitex Rwanda Ltd yakoresheje mu Bushinwa ndetse yinjiza mu Rwanda ibicuruzwa bya "Wild olive black hair dye" byigana ku buryo bugaragara ibicuruzwa by'ikirango cya "KANTA Brand" cya sosiyete MININTCO Ltd, bityo Unitex Rwanda Ltd ikaba

---

[2] *"Pour que l'intéressé puisse opposer à la nouvelle demande la fin de non-recevoir tirée de l'autorité de la chose jugée, les trois éléments prévus par l'article 1351 du Code civil doivent être cumulativement réunis: si l'une d'entre eux est modifié, la demande pourra faire l'objet d'un jugement. Les juges saisis de la nouvelle demande sont dans l'obligation de constater l'existence ou l'absence de ces trois éléments pour admettre ou rejeter la fin de non-recevoir, à peine de casation pour manqué de base légale". Serge GUINCHARD, Droit et pratique de la procédure civile, Dalloz, cinquième édition, p.864.*

yarakoze ibikorwa bibujijwe by'ipiganwa mu bucuruzi burimo uburiganya binyuranyije n'imigirire y'ubunyangamugayo kandi bihungabanya uburenganzira bwa MININTCO Ltd nyiri ikirango *"KANTA Brand". (...)",* urwo Rukiko rwemeza ko ubujurire bwa MININTCO Ltd nta shingiro bufite, hagumaho imikirize y'urubanza RCOM 1105/TC/NYGE rwaciwe ku wa 16/02/2016 n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, rwemeje ko ikirego cya MININTCO Ltd nta shingiro gifite, rukayitegeka guha indishyi Unitex Rwanda Ltd.

[20] Naho muri uru rubanza MININTCO Ltd yareze DRESOCECO Ltd isaba urukiko "Guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa byatumijwe n'uregwa biriho ikirango ''Wild Olive'' gitera urujijo ku bicurizwa bifite ikirango cy'urega kizwi nka ''KANTA Brand'', ikaba yo itaregwa kuba yarakoresheje mu Bushinwa ibyo bicuruzwa nk'uko biri mu rubanza RCOMA 00194/2016/HC/HCC .

[21] Urukiko rurasanga, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 14 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, DRESOCECO Ltd itakwitwaza ko hari urubanza Nº RCOMA 00194/2016/HC/HCC rwavuzwe haruguru, rwaciwe ku rwego rwa nyuma n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ngo ivuge ko ikirego yarezwe na MININTCO Ltd kitagombaga kwakirwa, kuko ababuranyi atari bamwe n'ikiburanwa atari kimwe mu ngingo zacyo zose, bityo kuba ikirego MININTCO Ltd yareze DRESOCECO Ltd cyarakiriwe kigasuzumwa n'inkiko zabanje bifite ishingiro. Ikigaragara ahubwo n'uko muri izo manza zombi, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasesenguye mu buryo butandukanye ikibazo cyo kumenya niba ibicuruzwa bifite ikirango cya "Wild Olive" gitera urujijo ku bifite ikirango cya

"KANTA Brand", uru rukiko rukaba rero rukwiye gutanga umurongo kuri iki kibazo.

[22] Ku birebana n'ibyo abahagarariye DRESOCECO Ltd baburanisha bavuga ko ihame ry'agaciro k'urubanza rwabaye itegeko ridakurikizwa mu manza zerekeye umutungo bwite mu by'ubwenge, Urukiko rurasanga umwanditsi Yves FAURE bashingiraho mu gika cya 12 cy'uru rubanza, nawe yarashimangiye iryo hame, avuga kandi ko rikurikizwa no mu manza zerekeye umutungo bwite mu by'ubwenge, asobanura ko muri izo manza ikigorana kugaragaza ari ikibazo kijyanye no gusobanura ikiburanwa (objet), naho ibyerekeye ababuranyi bamwe n'impamvu zimwe byo bitagoye gusesengura. Atanga urugero rw'igihe ikiburanwa aba ari kimwe ku buryo gishobora gutuma ikirego kitakirwa hashingiwe kuri iryo hame, avuga ko iyo hari urubanza rwemeje ko habayeho kwigana ikirango cy'undi ku gicuruzwa rwabaye itegeko, ntibyemewe ko hagira umuburanyi utanga ikindi kirego bundi bushya cyerekeranye no kuba hatarabayeho kwigana icyo kirango ku gicuruzwa kimwe, ko ibyo binashoboka ku rubanza rw'inshinjabyaha n'urw'imbonezamubano zerekeye kwigana ibirango[3].

[23] Urukiko rurasanga rero, kuba uyu mwanditsi yaratanze ingero ku kiburanwa kimwe, bitavuze ko nk'uko nawe abisobanura haruguru, iyo ikiburanwa ari kimwe, bitaba ngombwa no gusuzuma niba n'ababuranyi ari bamwe, ko kandi n'impamvu ikirego gishingiyeho ari zimwe.

[24] Ku byerekeye urubanza rwaciwe na "TGI Paris, 23 févr.2007" n'urubanza rwa "Merk Shap et Dhome",

[3] Ibyo Yves FAURE yanditse bigaragara hasi ku rupapuro rwa 4.

DRESOCECO Ltd iburanisha ishaka kugaragaza ko ihame ry'agaciro k'urubanza rwabaye itegeko ridakurikizwa mu manza zerekeye umutungo bwite, Urukiko rurasanga, uretse kuzivuga gusa, ntazo yashyikirije uru Rukiko ku buryo hamenyekana inkiko zaziciye n'ibyemezo zazifashemo, kandi nta sesengura yazikoreye ngo igaragaze ibitekerezo izikuramo, rukaba rero ntaho rwahera ruzishingiraho muri uru rubanza.

[25] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa, Urukiko rurasanga ubujurire bwa DRESOCECO Ltd bugamije kugaragaza ko ikirego cya MININTCO Ltd kitagomba kwakirwa nta shingiro bufite.

b. Kumenya niba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaremeje ko ibicuruzwa bifite ikirango cya ''Wild olive'' bitera urujijo ku bicuruzwa bifite ikirango cya "KANTA Brand" mu buryo budahura n'ibiteganywa n'ingingo z'Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge rwashingiyeho

[26] Ababuranira DRESOCECO Ltd bavuga ko mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge basobanuye neza ko ibicuruzwa byayo bifite ikirango cya "Wild Olive" bitigana iby'ikirango cya "KANTA Brand", kubera ko n'ubwo MININTCO Ltd ivuga ko mu miterere yabyo nta tandukaniro bifite (signes distinctifs), nyamara siko bimeze, ko n'ubwo Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko bisa, nyamara nta sano bifitanye, kuko bidateye kimwe, ndetse n'amagambo agiye yanditseho si amwe nk'uko Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwari rwabibonye mu gace ka 6 k'urubanza RCOM 00385/2017/TC/Nyge.

[27] Bavuga na none ko ibyo MININTCO Ltd ivuga ko ku ikarito ya ''Kanta Brand'' hariho umunzani, ariko kuri ''Wild

olive'' hariho ishami rifite imbuto ebyiri naryo rijya kumera nk'umunzani ari ugucishiriza, naho ku bijyanye n'amabara, bakavuga ko n'ubwo hari amwe ajya kumera kimwe, ariko atari yose, ko kandi hari amabara abantu kimwe n'inganda bakunze kwifashisha agaragara neza, ko rero ibicuruzwa bifite ikirango cya ''Wild olive'' bidatera urujijo mu baguzi ku buryo babyitiranya n'ibifite icya ''Kanta Brand''.

[28] Basanga rero Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutaragombaga gushingira ku biteganywa n'ingingo ya 1, iya 3, iya 4 n'iya 5 z'Itegeko nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, kuko isura z'ibirango byombi zidahuye, ko n'ubuhamya bwatanzwe n'umukozi wa RDB nta kuri kurimo. Bongeraho ko no mu rubanza RCOMA 00194/2016/CHC/HCC haburana MININTCO Ltd yaregaga Unitex Rwanda Ltd nayo yaranguye ibicuruzwa bya "Wild Olive" mu gihugu cy'Ubushinwa rwavuzwe haruguru, urwo Rukiko rwemeje ko ibirango byombi ntaho bihuriye, ko amavuta ya ''Wild olive'' adatera urujijo ku kirango cya ''KANTA Brand'', ariko mu rubanza rujuririrwa umucamanza ntiyagaragaje impamvu yanze gushingira ku byemejwe muri urwo rubanza.

[29] Bavuga na none ko kuba abahagarariye MININTCO Ltd biyemereye ko ikiburanwa atari igicuruzwa (produit), kuko n'izindi sosiyete nka SULFO RWANDA nayo y'Abahinde zikora amavuta ahindura umusatsi umukara, ko ikiburanwa ari ikirango (trade mark), nta kimenyetso batanga kigaragaza ko bataburana ibicuruzwa, kimwe gikorerwa mu Buhinde n'ikindi gikorerwa mu Bushinwa, ko ahubwo ikirego cyayo kigamije kwiharira isoko mu bucuruzi, ibyo bikaba binyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo za 2, 4, 6 na 7 z'Itegeko Nº 31/2009 ryo

ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge.

[30] Ku byerekeye urubanza HCT-00-CC-CS-0829-2007 rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Uganda ku wa 16/05/2008, MININTCO Ltd ivuga ko rwemeje ko ikirango ''Smart Look'' ari urwiganwa rw'ikirango ''KANTA brand'', ababuranira DRESOCECO Ltd bavuga ko nta sano rufitanye n'ibiburanwa muri uru rubanza by'ikirango hagati ya ''Wild olive'' na ''KANTA Brand''.

[31] Uhagarariye MININTCO Ltd avuga ko ingingo z'amategeko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwashingiye mu guca urubanza zijyanye n'icyaburanwaga, ko rwagaragaje ikiba kigamijwe mu kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge nk'uko kigaragara mu ngingo za 1 - 5, z'Itegeko N° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, runagaragaza impamvu hakwiye gukumirwa ihiganwa ririmo uburiganya rikorwa na DRESOCECO Ltd (ingingo ya 178) rugendeye mu bikorwa byayo byo gutera urujijo mu bucuruzi bwa MININTCO Ltd bw'amavuta asigwa mu musatsi kugira ngo ube umukara (ingingo ya 180).

[32] Avuga ko ibyo DRESOCECO Ltd ivuga ko atariyo yakoze "Wild olive" ahubwo ko yayiranguye gusa, bityo ikaba idakwiye kuregwa, ko itigeze yandikisha ikirango cyigana "KANTA Brand" nta shingiro bifite, kubera impamvu zikurikira:

- Iki kirego cya MININTCO Ltd kigamije gusaba urukiko kubahiriza umutungo bwite mu by'ubwenge wandikishijwe (enforcement of IPRS), kandi DRESOCECO Ltd yafatanywe ibicuruzwa bifite ikirango cyigana ikirango "KANTA Brand" ikaba itagaragaza

ingingo n'imwe y'amategeko iyirengera ibuza ko yakurikiranwa.

- Kuba DRESOCECO Ltd ivuga ko itigeze yandikisha ikirango cyigana "KANTA Brand" ni impamvu ikomeye ishimangira ikirego cya MININTCO Ltd, ko kandi bitumvikana ukuntu DRESOCECO Ltd idashobora kwandikisha ikirango "Wild olive" ku rwego rubifitiye ububasha, ariko igaca ku ruhande ikagikoresha mu bucuruzi bwayo.

[33] Uhagarariye MININTCO Ltd akomeza avuga ko n'ubwo DRESOCECO Ltd ivuga ko ikirango "Wild olive" kitigana ikirango "KANTA Brand", ingingo ya 136 y'Itegeko N° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 ryavuzwe haruguru, ivuga ko ikirango kiba kigana ikindi iyo: 1° "gifite isura ihwanye, cyangwa isura isa ku buryo butera urujijo, n'iy'ikirango cyangwa izina ry'ubucuruzi, bisanzwe byaramamaye ku butaka bw'u Rwanda"; 2° "gifite isura ihwanye, cyangwa isura isa n'iy'ikirango cyanditswe undi muntu atunze (…) kikaba kiranga ibikorwa bimwe cyangwa imirimo imwe (…) ku buryo gishobora gutuma kwibeshya bishoboka, cyangwa kigatera urujijo".

[34] Umuyobozi wa MININTCO Ltd avuga ko yatanze ibimenyetso by'uko amavuta asigwa mu musatsi kugirango ube umukara afite "KANTA Brand" akorerwa mu gihugu cy'Ubuhinde mu ruganda rwashinzwe na Sekuruza witwa NANOOMAL ISSADRAS MOTIWALA mu mwaka wa 1929, rukaba rufite ibyangombwa kuri icyo kirango muri icyo gihugu, ko rwatangiye rufite izina ry'uwarushinze NANOOMAL ISSADRAS MOTIWALA, ariko nyuma ruza guhindura izina rwitwa RRG, izi akaba ari impine z'amazina ya ba nyiri imigabane barwo aribo sekuru (RAMCHAND Nanoomal Jham),

se (GULAB RAMCHAND Jham), na nyina (Usha GULAB Jham), ko ayo mavuta yageze muri Afrika y'Iburasirazuba n'u Rwanda rurimo mu myaka ya 1960, ko ababyeyi be bamuhaye ububasha bwo gukora ibyo amategeko yo muri ibi bihugu ateganya mu gusigasira ubucuruzi bw'ayo amavuta ubwo byari bimaze kugaragara ko butangiye gusubira inyuma kubera abayigana, maze ashinga sosiyete MININTCO Ltd yandikisha n'ikirango "KANTA Brand" mu Rwanda.

[35] Ku byerekeranye n'uko ikirango "Wild olive" cyaba kigana ikirango "KANTA Brand", Umuyobozi wa MININTCO Ltd yifashishije agakarito k'amavuta afite ikirango cya "Wild olive" akakagereranya n'akazamo amavuta afite icya "KANTA Brand", agaragaza ko ikirango "Wild olive" ari urwiganwa rukabije rw'ikirango "KANTA Brand" ku buryo abaguzi b'amavuta ahindura umusatsi umukara bashobora kwibeshya byoroshye bakagura aya "Wild olive" bakeka ko ari aya "KANTA Brand", kubera impamvu zikurikira:

> Ku bijyanye n'imiterere n'amabara by'udukarito duto tubamo utundi dukarito duto cyane cumi na tubiri (12):
>
> "Wild olive" ipfunyitse mu dukarito dufite imisusire (forme) n'ingano bimwe n'ibyo udukarito twa "KANTA Brand" dupfunyitsemo;
>
> Ku dukarito twa "Wild olive" n'utwa "KANTA Brand" usangaho amabara y'umutuku, ubururu, umweru n'umuhondo kandi ayo mabara ateye ku buryo bumwe (imisusire);
>
> amagambo "KANTA Brand" afite ibara ry'umutuku yanditse mu buso (background) bw'umuhondo, ibi ni nako bimeze kuri "Wild olive";

amagambo BLACK HAIR DYE afite ibara ry'ubururu yanditse mu buso (background) bw'umweru haba kuri "KANTA Brand" no kuri "Wild olive";

amagambo MADE IN INDIA kuri "KANTA Brand" na MADE IN CHINA kuri "Wild olive" yanditse mu ibara ry'ubururu mu buso (background) bw'umuhondo;

Ikirango cya "KANTA Brand" kigaragara mu buso bw'umweru kikaba kiri hagati mu ruhande rwo hejuru;

kuri "KANTA Brand" no kuri "Wild olive" uhasanga amagambo "BUY ORIGINAL" y'ibara ry'ubururu yanditse mu buso bw'umuhondo, mu nguni y'ibumoso hejuru.

Ku bijyanye n'imiterere n'amabara by'udukarito duto cyane tubamo agacupa kamwe kamwe

Ku ruhande rumwe:

kuri "KANTA Brand" no kuri "Wild olive" uhasanga amagambo "BUY ORIGINAL" y'ibara ry'ubururu yanditse mu buso bw'umuhondo, mu nguni y'ibumoso hejuru;

Amagambo "KANTA Brand" afite ibara ry'umutuku ryanditse mu buso (background) bw'umuhondo, ibi ni nako bimeze kuri "Wild olive";

Amagambo BLACK HAIR DYE afite ibara ry'ubururu bwanditse mu buso (background) bw'umweru haba kuri "KANTA Brand" no kuri "Wild olive";

Ikirango cya "KANTA Brand" kigaragara mu buso bw'umweru kikaba kiri hagati, ni nako bimeze kuri "Wild olive";

Kuri "Wild olive" uhasanga "NET: 4.5 g" mu mwanya umwe n'uwo usangaho "Nt: 4.5 g" kuri "KANTA Brand", ibyo kandi biri mu ibara ry'ubururu ku dukarito twombi;

Ku misozo yo hasi y'udukarito twa "KANTA Brand" n'utwa "Wild olive" uhasanga amagambo yanditse mu ibara ry'ubururu agize imirongo ibiri kandi ayo magambo ari mu buso bw'ubururu;

Ku rundi ruhande:

[36] Kuri "KANTA Brand" no kuri "Wild olive" uhasanga amagambo "NEW PACK" afite ibara ry'umuhondo yanditse mu buso bw'ubururu bufite ishusho y'inyenyeri;

uruhande ruteganye n'ururiho amagambo "Gives your grey Hair a Youthful & Natural Black Shine" yandikishijwe ibara ry'umuhondo

Ku bijyanye n'imiterere y'uducupa: uducupa twa "Wild olive" duteye ijana ku ijana nk'uducupa twa "KANTA Brand" ndetse n'ibirango biriho (étiquettes) birasa nk'uko bigaragara ku dukarito twatwo.

[37] Uhagarariye MININTCO Ltd avuga ko abahanga mu mategeko yerekeye umutungo bwite mu by'ubwenge M. F. Maraiss, na T. Lachacinski, mu gitabo cyabo "Application des droits de propriété intellectuelle", in OMPI, Recueil de jurisprudence, 2008, p. 65, bagaragaza ko ufite uburenganzira ku kirango yandikishije ku rwego rubifitiye ububasha ari we wenyine wemerewe gucuruza ibicuruzwa bigaragazwa n'icyo kirango mu ifasi yacyandikishijemo (principe de territorialité).

[38] Yongeraho ko n'urubanza HCT-00-CC-CS-0829-2007 rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Uganda ku wa 16/05/2008, rwemeje ko ikirango "Smart Look" ari urwiganwa rw'ikirango "KANTA Brand", kuko n'ubwo amazina agize ibyo birango atandukanye, imisusire yabyo isa (aspect visuel).

[39] Ku byo abahagarariye DRESOCECO Ltd bavuga ko MININTCO Ltd idashaka ihiganwa, ko ishaka kwiharira isoko ryo gucuruza amavuta asigwa mu musatsi ngo ube umukara, ngo kuko ihiganwa ririmo uburiganya rigaragazwa na "imitation, parasitisme, dénigrement", cyangwa "désorganisation de l'entreprise", ngo ikaba kandi itumva niba iki kirego cyerekeye kwigana ikirango (action en contrefaçon) cyangwa ubucuruzi burimo uburiganya (action en concurence déloyale), Me Nsengumuremyi Cyridion avuga ko MININTCO Ltd idashaka kwiharira isoko, ko n'ikimenyimenyi hari abandi bacuruza amavuta ahindura umusatsi umukara ku isoko ry'u Rwanda, hakaba nta kibazo na kimwe bigeze bagirana nayo, barimo Sulfo Rwanda Industries ikoresheje ibirango byayo "BEAUTE" na "BLACK PEARL" byagaragarijwe uru Rukiko, kuko hagati y'aya masosiyete yombi hakorwa ihiganwa riciye mu mucyo ritarimo uburiganya, naho ihiganwa DRESOCECO Ltd yo yifuza ari iririmo uburiganya, kuko ibirango by'ibicuruzwa byayo ari urwiganwa rw'icya MININTCO Ltd ku bicuruzwa bimwe ku isoko rimwe, ikaba ishaka kuyuririraho mu buryo bw'uburiganya kugira ngo yigarurire isoko ryayo igendeye ku mabara n'ibindi bigize ikirango "KANTA Brand".

UKO URUKIKO RUBIBONA

[40] Uru rubanza rukomoka ku bicuruzwa by'amavuta ahindura umusatsi umukara DRESOCECO Ltd yatumije mu Bushinwa bifite ikirango cya "Wild olive", bifatirwa muri Gasutamo kubera ko MININTCO Ltd ivuga ko icyo kirango gitera urujijo ku mavuta ahindura umusatsi umukara icuruza ava mu gihugu cy'Ubuhinde afite ikirango cya "KANTA Brand" ifiteho uburenganzira bwihariye ihabwa n'uko yacyandikishije muri RDB, ko rero DRESOCECO Ltd ikora ubucuruzi burimo uburiganya, igasaba ko urukiko rwayitegeka guhagarika ikwirakwizwa ry'ibyo bicurizwa, ibyafatiriwe bigasenywa.

[41] Ingingo ya 178 y'Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge iteganya ko "Hejuru y'uburindwe bw'umutungo bwite mu by'ubwenge buteganywa n'iri tegeko, igikorwa cyose cy'ubucuruzi, cy'inganda, cyangwa cy'ubukorikori kirindwa ipiganwa ririmo uburiganya".

[42] Ku byerekeye ibikorwa by'ipiganwa birimo uburiganya, ingingo ya 180 y'iryo Tegeko iteganya ko "Gifatwa nk'igikorwa cy'ipiganwa ririmo uburiganya igikorwa cyangwa imigenzereze mu mirimo y'inganda cyangwa y'ubucuruzi, bitera cyangwa bikaba bishobora gutera urujijo, mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu kigo cy'ukora imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe nk'iby'undi cyangwa umuntu cyangwa ibikorwa bye cyane cyane mu rwego rw'ibyatunganyijwe cyangwa imirimo itangwa n'ikigo.

Urujijo rushobora kuba kuri ibi bikurikira:

1º ikirango cyandikishijwe cyangwa kitandikishijwe ;

2º izina ry'ubucuruzi ;

3º ikimenyetso cyihariye cy'ubucuruzi ;

4º isura y'icyatunganyijwe cyangwa y'umurimo ;

5º imiterere y'icyatunganyijwe ;

6º ukwamamara cyangwa ukumenyekana kw'akarango mpisho ; "

[43] Na none ingingo ya 179 y'iryo Tegeko iteganya ko "Umuntu wese urenganyijwe cyangwa ushobora kurenganywa n'igikorwa cy'ipiganwa ririmo uburiganya ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha, iyo habaye ibikorwa by'ubuhemu mu rwego rw'inganda n'ubucuruzi, aho umunyenganda, umucuruzi, ukora imirimo yo gutunganya, umunyabukorikori, amutesha agaciro, amwambura abaguzi cyangwa se akabangamira ubushobozi bwe bwo gupiganwa. Urukiko rubifitiye ububasha ruhagarika icyo gikorwa kandi byaba ngombwa rukagena indishyi".

[44] Izi ngingo zumvikanisha ko hejuru y'uburindwe bw'umutungo bwite mu by'ubwenge, igikorwa cyose cy'ubucuruzi, cy'inganda, cyangwa cy'ubukorikori kirindwa ipiganwa ririmo uburiganya, ko umuntu wese urenganyijwe cyangwa ushobora kurenganywa n'igikorwa cy'ipiganwa ririmo uburiganya ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo ruhagarike icyo gikorwa.

[45] Ku byerekeye ibishingirwaho kugira ngo hamenyekane niba hari urujijo hagati y'ibirango bibiri, umuhanga mu mategeko Deborah E.Bouchoux, avuga ko inkiko zimwe zo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zagiye zishyiraho ibigomba gushingirwaho mu kugaragaza ko hashobora kuba harabayeho

kwica amategeko hagati y'ibirango bibiri, ko muri rusange ikintu kimwe kitihagije ubwacyo kugira ngo hamenyekane ko harimo koko urujijo, ko ahubwo inkiko zigerageza gusesengura zikareba niba hari impamvu yaba ituma haba urujijo. Zimwe muri izo mpamvu ni izi[4]

- Ugusa kw'ibirango ku buryo bugaragara, mu buryo byumvikana mu majwi no mu buryo byanditswe mu bucuruzi ;
- Ugusa kw'ibicuruzwa na servisi zitangwa hashingiwe ku birango ;
- Ugusa kw'imimiyoboro ikoreshwa mu bucuruzi ;
- Uburyo bukoreshwa mu bucuruzi: hari abagura batabanje gushishoza cyane, hari n'abagura biturutse ku bumenyi bafite ku bicuruzwa runaka ;

---

[4] *"Divers tribunaux, dans différentes circonscriptions judiciaires ont établi des tests pour déterminer la probabilité de confusion entre deux marques. En général, aucun facteur n'est à lui seul déterminant; les tribunaux examinant toutes les circonstances en tentant de déterminer l'existence éventuelle d'une violation. Généralement, pour déterminer s'il y a contrefaçon, ils prennent en considération les facteurs suivants: - la similitude des marques quant à l'apparence, au son, à la connotation et à l'impression commerciale; - la similitude des biens ou services proposés au titre des marques; - la similitude des réseaux commerciaux par lesquels transitent les biens ou services proposés; - les conditions de réalisations de ventes, à savoir: les achats sont-ils faits sur une impulsion ou après un examen approfondi par les acheteurs éclairés? - la force de la marque antérieure; - l'existence de la confusion antérieure effective; - le nombre et la nature des marques similaires sur des biens similaires; - la durée pendant laquelle l'exploitation des marques a été comcomittante sans confusion", DEBORAH E.BOUCHOUX, La propriété intellectuelle, le droit des marques, le droit d'auteur, le droit des brevets d'invention et des secrets commerciaux, Nouveaux Horizons, p. 97.*

- Ingufu ikirango gisanganywe ;
- Kuba hari ubundi higeze kubaho urujijo ku kirango ;
- Umubare n'ubwoko buhari bw'ibirango bisa cyangwa se ibicuruzwa bisa ;
- Igihe ibirango bimaze bikoreshwa hamwe bidatera urujijo.

[46] Nk'uko bigaragara mu buhamya bwatanzwe ku wa 19/07/2017 na Mbaraga Blaise, impuguke ya RDB, yagaragaje ibyo bashingiraho mu gusuzuma ikirango mbere y'uko cyandikwa ari byo: kureba uwandikishije bwa mbere ikirango, akaba ari we ufite uburenganzira ku kirango cy'ubucuruzi (first to file principle), ihame ry'itandukanya ry'ibirango (distinctivness principle), ihame ry'uburiganya (not imitativeness principle), ihame ryo gutera urujijo (not confucting principle) n'icyiciro cy'ikirango gikoresha mu bikorwa bitandukanye, harimo ibicuruzwa cyangwa sevisi (nice classification of good and service).

[47] Iyo mpuguke yasesenguye kandi ikirango cya "Wild Olive" n'icya "KANTA Brand", isanga "Wild Olive" itanditswe mu magambo cyangwa mu isura muri RDB, ariko "KANTA Brand" yaranditswe ku wa 15/02/2012 kuri RW-M100004413 yahinduwe ikaba RW/T/2012/413. Ku byerekeye amagambo akubiye mu birango, yavuze ko "KANTA Brand" na "Wild Olive" zitandukanye kandi zombi zishobora gukoreshwa ku isoko kandi "Wild" ikanakirwa muri Ofisi y'Umwanditsi mu magambo gusa ariko "Olive" ikangirwa kuko ari izina rusange.

[48] Ku byerekeye amagambo "black hair dye", yasobanuye ko ari amagambo rusange umuntu wese ashobora gukoresha

kandi atemewe kwandikishwa nk'ikirango, naho ku isura y'ibirango avuga ko byombi bisa hakurikijwe imirongo, amabara n'imimerere yabyo, ko "dominant test of similarity" iri hejuru cyane kuko byombi bifite imirongo isa 100%, n'amabara asa 100%, ko ukuyeho amagambo hagasigara isura (appearence), bigora umuguzi uwari wese kubitandukanya, ko kandi ibyo birango byombi biri mu byiciro bimwe ari byo *"bleaching preparation and other substances for laundry use, cleaning, polishing, scouring and abrasive preparation, soaps, perfumery, essential oil, cosmetics, hair lotions, dentifrices",* cyane cyane ko ari "hair dye".

[49] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rushingiye kuri iri sesengura ry'impuguke ya RDB, rwemeje ko ikirango "Wild Olive" kiri ku bicuruzwa byatumijwe na DRESOCECO Ltd ari urwiganwa rw'ikirango cya "KANTA Brand" cyandikishijwe muri RDB na MININTCO Ltd, kubera ko ibicuruzwa byombi bifite isura isa (appearence) ndetse n'ibirango bifite isura zisa cyane (dominant test of similarity), ko kandi imirongo igize ikirango cya "KANTA Brand" imaze kwamamara cyane nk'akarango mpisho (a celebrity or well-known fictional mark), bityo ko nta wundi ugifiteho uburenganzira atari MININTCO Ltd, ko n'amabara y'umuhondo, ubururu n'umutuku ari ku birango byombi asa cyane (appearence and positionning) kandi bitagomba gusa.

[50] Urukiko rurasanga kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwarashingiye kuri ubwo buhamya bw'umuhanga nta kosa rwakoze, kuko ari ikimenyetso cyemewe n'ingingo ya 76 y'Itegeko Nº15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko *"ubuhamya bw'abahanga ni ubugamije guha urukiko*

ibisobanuro bishingiye ku bumenyi kimwe n'umwanzuro urenze ubumenyi busanzwe bw'umucamanza mu kazi ke bitewe n'uko ibiburanwa bishingiye ku buhanga bwihariye".

[51] Urukiko rurasanga kandi umwanzuro wagezweho n'impuguke ya RDB uhuje n'ukuri, hanashingiwe ku byo rwagaragarijwe n'Umuyobozi wa MININTCO Ltd igihe cy'iburanisha, kuko narwo rwiboneye ko udukarito turimo amavuta ahindura umusatsi dufite ikirango cya "Wild Olive" acuruzwa na DRESOCECO Ltd dusa cyane n'utw'amavuta nk'ayo afite ikirango cya "KANTA Brand" acuruzwa na MININTCO Ltd, haba ku mabara y'umuhondo, ubururu n'umutuku, amagambo yanditseho n'uburyo yanditse, n'imirongo ishushanyijeho, ku buryo umuguzi udasobanukiwe neza yakwitiranya ibicuruzwa bifite ibyo birango byombi.

[52] Urukiko rurasanga rero kuba DRESOCECO Ltd itumiza mu Bushinwa ibicuruzwa bifite ikirango cya "Wild Olive" kigaragara ko ari urwiganwa rw'ikirango cya "KANTA Brand" cyandikishijwe muri RDB na MININTCO Ltd, ikabicuruza mu Rwanda aho MININTCO Ltd yemerewe gucururiza ku kirango cya "KANTA Brand", bigize igikorwa cy'ipiganwa ririmo uburiganya mu mirimo y'ubucuruzi bwa MININTCO Ltd, kuko gitera urujijo ku kirango kimenyerewe cya "KANTA Brand" ku buryo abaguzi bashobora kwitiranya ibyo bicuruzwa byombi, bikaba bibangamiye ubucuruzi bwayo.

[53] Urukiko rurasanga ibyo DRESOCECO Ltd ivuga ko itiganye ikirango cya ''KANTA Brand'' nta shingiro bifite, kubera ko yarezwe ko ikwirakwiza ibicuruzwa itumiza mu mahanga biriho ikirango ''Wild Olive'' gitera urujijo ku bicuruzwa bya MININTCO Ltd bifite ikirango cya ''KANTA Brand'', ntabwo yarezwe ko ari yo yacyiganye, ndetse n'ibyo

ivuga ko yaranguye ibicuruzwa mu Bushinwa atari yo ibikora nta gaciro byahabwa, kuko ibyo ikora byo gutumiza ibicuruzwa bifite ikirango cya ''Wild Olive'' kigana icya ''KANTA Brand'' ni byo biteganywa n'itegeko ko bigize ipiganwa ririmo uburiganya.

[54] Urukiko rurasanga na none kuba DRESOCECO Ltd ivuga ko yatumije ibicuruzwa bifite ikirango cya ''Wild Olive'' ari uko imaze kubona urubanza RCOMA 00194/2016/HC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwavuzwe haruguru rwemeje ko ikirango cya ''Wild Olive'' kidatera urujijo ku cya '' 'KANTA Brand'', ikanabishingiraho isaba kurenganurwa nk'uko Unitex Rwanda Ltd yarenganuwe, bitafatwaho ukuri kubera ko, nk'uko bigaragazwa n'amasezerano y'ubuguzi (order contract) ari muri dosiye, DRESOCECO Ltd yaranguye ibyo bicuruzwa ku wa 29/09/2016, urubanza rucibwa ku wa 12/10/2016, bikaba rero bigaragara ko yabiguze mbere y'urwo rubanza, kandi nk'uko byagaragajwe haruguru ''Wild Olive'' ni urwiganwa rwa ''KANTA Brand'' nk'uko byemejwe mu rubanza rwajuririwe.

[55] Urukiko rurasanga, hejuru yo kuba MININTCO Ltd ifite uburenganzira bwihariye ku kirango cyayo "KANTA Brand" ihabwa n'Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 ryavuzwe haruguru, igomba no kurindwa ipiganwa ririmo uburiganya, bityo DRESOCECO Ltd ikaba igomba guhagarika itumizwa ry'ibicuruzwa bifite ikirango cya ''Wild Olive'' no kubicururiza mu Rwanda nk'uko byemejwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

[56] Harebwe imanza zaciwe mu bindi bihugu, icyemezo nk'iki cyafashwe mu rubanza rwaciwe ku wa 11/04/2018 n'Urukiko rw'ubucuruzi rwa Versaille, urugereko rwa kabiri, mu gihugu cy'ubufaransa aho sosiyete 3DVIA yahindutse Dassault

Systemes yareze sosiyete La SAS Wanadev, urwo rukiko rwemeza ko ibikorwa bya La SAS Wanadev bigize ipiganwa ririmo uburiganya ryakorewe Dassault Systemes kuri "Logiciel" yakoze yitwa "HomeByMe", kuko yayiganye imikorere, ishusho ndetse n'ibiyigize ku buryo bitera urujijo ikora iyayo yitwa "Wanaplan" yagurishije sosiyete Adéo, maze rwemeza ko iyo migenzereze igize ihiganwa ririmo uburiganya (concurrence déloyale), rutegeka La SAS Wanadev kwishyura Société Dassault Systemes indishyi zingana na 50.000 Euros, runayitegeka guhagarika gukoresha iyo "logiciel" itera urujijo, itabikora mu gihe cy'iminsi 30 urubanza rusomwe, igacibwa 1.000 euros buri munsi y'igihano, kandi urubanza rugashyirwa ku rubuga (website) rwa Dessault Systemes.

[57] Hashingiwe ku ngingo za 178-180 z'Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 ryavuzwe haruguru no kubimaze gusobanurwa, Urukiko rurasanga ubujurire bwa MININTCO Ltd kuri iyi ngingo nta shingiro bufite, bikaba rero atari ngombwa gusuzuma niba yahabwa indishyi z'igihombo ivuga ko yagize.

c. Kumenya niba ibicuruzwa bya DRESOCECO Ltd byafatiriwe na Gasutamo byasenywa

[58] Abahagarariye MININTCO Ltd bavuga ko uru Rukiko rukwiye kwemeza ko ubujurire bwa DRESOCECO Ltd nta shingiro bufite, ko ikirango "Wild olive" ari urwiganwa rw'icya "KANTA Brand", maze rugategeka ko ibicuruzwa bifite ikirango cya "Wild olive" bitera urujijo mu baguzi mu kubitandukanya n'ibicuruzwa by'amavuta asigwa mu misatsi kugira ngo ube umukara bifite ikirango cya "KANTA Brand" bya MININTCO Ltd, rukanemeza ko bitemewe gucururizwa ku butaka bw'u Rwanda, rugategeka ko ibyafatiriwe muri Gasutamo bisenywa.

[59] Ababuranira DRESOCECO Ltd bavuga ko irimo gukorerwa akarengane, kuko yaranguye amavuta afite ikirango cya "Wild Olive"yumva ko nta kosa irimo gukora, ko kandi n'iyo urukiko rwasanga icyo gicuruzwa ari urwiganwa rutera urujijo, uretse ko atari byo, yahabwa ibyo bicuruzwa byafatiriwe muri Gasutamo, kuko nta mugambi wo kubangamira MININTCO Ltd yari ifite.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[60] Urukiko rurasanga ibyo MININTCO Ltd isaba ko ibicuruzwa bya DRESOCECO Ltd byafatiriwe na Gasutamo byasenywa, no mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi yari yabisabye ibishingiye ku ngingo ya 258 y'Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 ryavuzwe haruguru, ariko iyi ngingo yerekeranye no *"gusaba no gufata ibyemezo bikosora birebana n'umutungo mu by'inganda"*, kandi nk'uko byasobanuwe haruguru, icyo MININTCO Ltd ikurikiranye kuri DRESOCECO Ltd si uko ifite uruganda rukora ibiciruzwa byiganye ikirango cyayo ikwirakwiza (action en contrefaçon), ahubwo iyikurikiranyeho ibikorwa by'ipiganwa ririmo uburiganya (concurrence déloyale), ikaba rero ntaho yahera isaba ko ibicuruzwa byayo bisenywa, kubera ko ingingo ya 179 y'Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 yibukijwe haruguru iyemerera gusa gusaba guhagarikisha igikorwa cy'ipiganwa ririmo uburiganya, no kuba yagenerwa indishyi mu gihe izisabye, ariko muri uru rubanza ntazo MININTCO Ltd yasabye.

[61] Urukiko rurasanga rero, kuba DRESOCECO Ltd icururiza mu Rwanda ibicuruzwa byayo bifite ikirango cya "Wild Olive", bigize igikorwa cy'ipiganwa ririmo uburiganya, kubera ko bitera urujijo ku bicuruzwa bya MININTCO Ltd bifite

ikirango cya "KANTA Brand", ikaba rero igomba guhagarika ubwo bucuruzi nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabyemeje mu rubanza rwajuririwe.

d. Ku byerekeye amafaranga yo gukurikirana urubanza n'igihembo cya Avoka

[62] Ababuranira DRESOCECO Ltd bavuga ko bashingiye ku ngingo ya 111 y'Itegeko Nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, MININTCO Ltd igomba kuyishyura amafaranga y'igihembo cya Avoka angana na 5.000.000Frw n'andi 6.000.000Frw yishyuwe umuhanga yiyambaje ngo ayikorere raporo ku gihombo yagize.

[63] Uhagarariye MININTCO Ltd avuga ko amafaranga asabwa na DRESOCECO Ltd nta shingiro afite**.**

UKO URUKIKO RUBIBONA

[64] Ingingo ya 111 y'Itegeko Nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ari igishamikiye ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyuza ibyakoreshejwe mu rubanza, ko kiburanishwa rimwe n'ikirego cy'iremezo.

[65] Urukiko rurasanga nta mafaranga y'igihembo cy'Avoka cyangwa ay'ikurikiranarubanza DRESOCECO Ltd igomba kugenerwa, kuko ubujurire bwayo nta shingiro bufite.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[66] Rwemeje ko ubujurire bwa DRESOCECO Ltd nta shingiro bufite ;

[67] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOMA 00236/2017/CHC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 16/11/2017 idahindutse;

[68] Ruvuze ko amafaranga y'ingwate y'amagarama yatanzwe na DRESOCECO Ltd ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd v. TRANSCORP

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA 00096/2018/CA (Mukanyundo, P.J., Ngagi na Kanyange, J.) 19 Nyakanga 2019]

Amategeko agenga amasezerano – amasezerano y'ubwishingizi – Kutubahiriza amabwiriza yo gutanga ubwishingizi bigenerwa ibihano by'ubutegetsi ku ruhande rwa sosiyete y'ubwishingizi, ariko si impamvu yo gusesa amasezerano yakozwe mu buryo bwubahirije amategeko agenga amasezerano.

Amategeko agenga amasezerano – Amasezerano y'ubwishingizi – Ikimenyetso cy'ubwishyu –"Vignettes" si ikimenyetso cy'ubwishyu, ahubwo n'ikimenyetso cy'ubwishingizi bw'ikinyabiziga, uwagitanze akaba agomba kwirengera icyishingiwe igihe habaye impanuka hatitawe ko yishyuwe cyangwa atishyuwe.

Incamake y'ikibazo: Sosiyete y'ubwishingizi PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd yahaye sosiyete TRANSCORP umwenda w'ubwishingizi bw'imodoka zayo mu bihe bitandukanye, impande zombi zikorana amasezerano y'inguzanyo ku bwishingizi, bumvikana no ku gihe umwenda uzaba wishyuwe. Amasezerano ntiyaje kwubahirizwa ku ruhande rw'uwahawe inguzanyo ku bwishingizi kuko itabashize kwishyura amafaranga yose, maze uwatanze inguzanyo ayirega Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge isaba kwishyurwa, uru rukiko rwemeza ko ikirego nta shingiro gifite.

PHOENIX ntiyishimiye imikirize y'urubanza ijuririra Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ivuga ko TRANSCORP yemeje Urukiko ko iyo uwishingiwe atishyuye ikiguzi (prime) amasezerano ahita aseswa, kandi atari ko bimeze kuko umwishingizi afite uburenganzira bwo guhitamo icyo akora, avuga ko ubwishingizi bushobora kugurizwa. Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ubujurire nta shingiro bufite, ruhamishaho imikirize y'urubanza rwajuririwe.

PHOENIX yongeye ijuririra Urukiko rw'Ubujurire ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwitiranyije amasezerano y'ubwishingizi n'amategeko ku nguzanyo kuko nta tegeko ribaho ribuza umuntu gutanga ideni y'ubwishingizi, ivuga kandi ko impande zombi zakoze amasezerano y'ubwishingizi y'imodoka ku mwenda, zihabwa vignettes, bumvikana ko bazajya bagenda bishyura igiciro cy'ubwishingizi buhoro buhoro, ibi byose bikaba aribyo byemeza ko hari umwenda bayifitiye, bikagaragazwa kandi n'inyandiko yitwa "statement of unpaid premium" impande zombi zashyizeho umukono nk' ikimenyetso cy'umwenda ushingiye ku masezerano y'ubwishingizi.

TRANSCORP yiregura ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwatiranyije amasezerano y'ubwishingizi n'amategeko ku nguzanyo, ivuga ko iyi mpamvu y'ubujurire nta shingiro yahabwa kuko Amabwiriza ya Banki Nkuru y'u Rwanda abuza ibigo by'ubwishingizi gutanga ubwishingizi ku mwenda, ivuga ko mu gihe rero PHOENIX yaba yarishe aya Mabwiriza, igomba guhanwa.

TRANSCORP ivuga kandi ko Banki Nkuru y'u Rwanda ari yo ishinzwe imikorere y'amasosiyete y'ubwishingizi, ariko ko hari irengayobora ku bigo bya Leta kuko byo bishobora guhabwa ubwishingizi ku ideni gihe cy'amezi atandatu gusa.

Kubirebana n'ibimenyetso bigaragaza umwenda wishyuzwa, PHOENIX yisobanura ivuga ko hari amafaranga y'ubwishingizi TRANSCORP yagendaga isigaramo uko bahaga ubwishingizi imodoka zayo, igahabwa vignettes nubwo itishyuye, ibyo bikagaragazwa na "historique" ya banki hamwe n'inyandiko yitwa "Statement of Unpaid Premiums/ After Renewal in 2016 bigaragaza uko yagendaga yishyura buhoro buhoro, bityo ikaba isaba urukiko kuyitegeka kwishyurwa umwenda hamwe n'inyungu zawo zibariwe ku gipimo cya 21% guhera umunsi yayihanangirijeho bwa nyuma kugeza igihe izishyurirwa

TRANSCORP ku ruhande rwayo ikomeza ihakana umwenda yishyuzwa ivuga ko nta masezerano y'umwenda bagiranye kuko itari guhabwa vignettes itishyuye, akaba ari nacyo kimenyetso kigaragaza ko yishyuye, ivuga kandi ko ikomeje gushorwa mu manza nta mpamvu, bityo ikaba ibisabira indishyi.

Incamake y'icyemezo: 1. Kutubahiriza amabwiriza yo gutanga ubwishingizi bigenerwa ibihano by'ubutegetsi ku ruhande rwa sosiyete y'ubwishingizi, ariko si impamvu yo gusesa amasezerano yakozwe mu buryo bwubahirije amategeko agenga amasezerano.

2. *Vignettes* si ikimenyetso cy'ubwishyu, ahubwo n'ikimenyetso cy'ubwishingizi bw'ikinyabiziga, uwagitanze akaba agomba kwirengera icyishingiwe igihe habaye impanuka hatitawe ko yishyuwe cyangwa atishyuwe.

Ubujurire nta shingiro bufite;
Amagarama y'urubanza aherereye kuri TRANSCORP.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nº 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, iteganya ko amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayigiranye, ingingo ya 64.

Amabwiriza N^{0}05/2009 yo ku wa 29/07/2009 yerekeye iyemerwa n'ibindi bisabwa mu murimo w'ubwishingizi, ingingo ya 23.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd irega TRANSCORP umwenda ungana na 83.739.236Frw ukomoka ku bwishingizi bw'amamodoka yayo iyi sosiyete yayihaye mu bihe bitandukanye guhera mu mwaka wa 2014 kugeza mu mwaka wa 2017, ivuga ko amafaranga y'ubwishingizi atishyuwe yose hasigara 83.739.236Frw.

[2] Ku wa 18/05/2018, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwaciye urubanza RCOM 01140/2017/TC/NYGE rwemeza ko ikirego cya PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd nta shingiro gifite, ruyitegeka kwishyura TRANSCORP 100.000Frw y'ikurikiranarubanza na 500.000Frw y'igihembo cya Avoka.

[3] PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd ntiyishimiye imikirize y'urubanza ijuririra Urukiko Rukuru

rw'Ubucuruzi, ivuga ko TRANSCORP yemeje Urukiko ko iyo uwishingiwe atishyuye ikiguzi (prime) amasezerano ahita aseswa, nyamara atari ko bimeze kuko umwishingizi afite uburenganzira bwo guhitamo icyo akora, haba kwihanangiriza uwishingiwe, kumwishyuza ikirarane cya bwa bwishingizi yahawe cyangwa gusaba ko amasezerano aseswa; ko igihe nta mpamvu yo gusaba ko amasezerano aseswa, bitabuza umwishingizi kwishyuza nyuma y'ukwezi kumwe amaze gutanga integuza, nk'uko biteganywa mu ngingo ya 14 y'Itegeko N^{0} 20/75 ryo ku wa 20/06/1975, bityo rero ko ubwishingizi bushobora kugurizwa.

[4] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza RCOMA 00450/2018/HCC ku wa 20/09/2018, rwemeza ko ubujurire bwa PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd nta shingiro bufite, ruhamishaho imikirize y'urubanza rwajuririwe.

[5] Urwo Rukiko rwasanze PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd nk'umunyamwuga mu by'ubwishingizi kandi izi neza ko mu mirimo yayo isanzwe isabwa kubahiriza amabwiriza ya Banki Nkuru y'u Rwanda, kuba yarishoye mu makosa yo gutanga ubwishingizi ku ideni nyuma ntiyishyurwe itari kwirirwa iregera Urukiko rufite inshingano yo gufasha mu iyubahirizwa ry'amategeko ngo ruyifashe kugira uwahatirwa kubahiriza ibyakozwe mu buryo bugaragarira buri wese ko byishe amategeko.

[6] PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd yajuririye Urukiko rw'Ubujurire ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwitiranyije amasezerano y'ubwishingizi n'amategeko ku nguzanyo kuko nta tegeko ribaho ribuza umuntu gutanga ideni, rukaba rutaranubahirije itegeko rigenga

amasezerano cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4, iteganya ibisabwa kugira ngo amasezerano abe yuzuye. PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd ijurira kandi ivuga ko, aho gusuzuma ikigaragaza aho TRANSCORP yishyuriye, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasuzumye amabwiriza ya Banki Nkuru y'u Rwanda rwirengagije ubusumbane bw'amategeko, kandi ko aya mabwiriza atareba abagana abishingizi, ahubwo areba imikoranire hagati ya Banki Nkuru y'u Rwanda n'amasosiyete y'ubwishingizi.

[7] Urubanza rwabunishirijwe mu ruhame ku wa 14/05/2019 no ku wa 26/06/2019, PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd iburanirwa na Me Buhuru Pierre Célestin afatanyije na Me Nsengiyumva Colette, naho TRANSCORP iburanirwa na Me Kayitare Serge afatanyije na Me Twiringiyemungu Joseph, ababuranira TRANSCORP babwira Urukiko ko baretse inzitizi bari batanze yerekeranye n'iburabubasha rw'Urukiko rw'Ubujurire.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

A. UBUJURIRE BWA PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd

Kumenya niba kuba PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd yarahaye TRANSCORP ubwishingizi ku ideni byatuma itayishyura

[8] Ababuranira PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd bavuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

rwitiranyije amasezerano y'ubwishingizi n'amasezerano y'inguzanyo, kuko nta tegeko ribaho ribuza umuntu gutanga ideni. Basobanura ko amasezerano PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY LTD yagiranye na TRANSCORP ari ay'ubwishingizi, kuko yatanze ubwishingizi bw'amamodoka yabo yose ku mwenda hagendewe ku rutonde rwazo itanga na "vignettes" zifite agaciro k'umwaka wose, bumvikana ko bazajya bagenda bishyura igiciro cy'ubwishingizi buhoro buhoro kubera imikoranire bari basanganywe, akaba ari ho bahera bavuga ko hari umwenda TRANSCORP ifitiye PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd. Bavuga ko TRANSCORP ivuga ko nta mwenda w'ubwishingizi ifite, igasaba ibimenyetso byawo, yumvikanisha ko itahabwa "vignettes" itishyuye, ariko ikaba idatanga ibimenyetso by'uko yishyuye.

[9] Bakomeza bavuga ko ku birebana n'amasezerano y'ubwishingizi, ubwishyu (premium) butangwa mu minsi 30, bitaba ibyo, amasezerano akaba ashobora gusubikwa; bivuze ko iyo uwishingiwe atishyuye muri icyo gihe cy'iminsi 30, aba arimo umwenda. Bavuga ko ku birebana n'uru rubanza, "statement of unpaid premium" impande zombi zashyizeho umukono iri muri dosiye, ari ikimenyetso cy'ukoTRANSCORP ifitiye PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd umwenda ushingiye ku masezerano y'ubwishingizi, mu rwego rwa mbere umucamanza akaba yaritiranyije ibintu avuga ko PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd itagaragaza amasezerano y'inguzanyo.

[10] Ku byerekeye Amabwiriza ya Banki Nkuru y'u Rwanda abuza gutanga ubwishingizi ku ideni yashingiweho n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, abahagarariye PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd bavuga ko areba imikoranire ya

Banki Nkuru y'u Rwanda n'amasosiyete y'ubwishingizi, akaba atareba amasezerano izo sosiyete zigirana n'abo zishingira. Bavuga kandi ko ayo mabwiriza yashyizweho umukono na Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda, akaba yakoreshwa ku bandi bantu ari uko ashyizweho umukono na Perezida wa Repubulika cyangwa Minisitiri, ko icyo Banki Nkuru y'u Rwanda yakora igihe hari sosiyete y'ubwishingizi itayubahirije, ari ukuyifatira ibihano gusa.

[11] Ababuranira TRANSCORP biregura bavuga ko ku birebana no kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaritiranyije amasezerano y'ubwishingizi n'amategeko ku nguzanyo, iyi mpamvu y'ubujurire nta shingiro ifite, kuko Amabwiriza ya Banki Nkuru y'u Rwanda N^{0} 05/2009 abuza ibigo by'ubwishingizi (n'uwajuriye arimo) gutanga ubwishingizi ku mwenda, mu gihe rero PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd yaba yarishe aya Mabwiriza, igomba guhanwa, ndetse ko mu gihe yemera ko itayubahirije idakwiye gusaba Urukiko ngo rwemeze ko ibyo yakoze ari byo, hanyuma izajye guhanwa na Banki Nkuru y'u Rwanda; Urukiko rero rukaba mbere na mbere rukwiye kureba niba amasezerano yarakozwe mu buryo bwemewe n'amategeko.

[12] Bakomeza bavuga ko Banki Nkuru y'u Rwanda ari yo ishinzwe imikorere y'amasosiyete y'ubwishingizi (regulator), ari nayo mpamvu ishyiraho amabwiriza agomba gukurikizwa, agatangazwa mu Igazeti ya Leta, bikaba bivuze ko anareba abagana aya masosiyete, ariko ko hari irengayobora ku bigo bya Leta kuko byo bishobora guhabwa ubwishingizi ku ideni, nabwo mu gihe cy'amezi atandatu (6) gusa. Bavuga kandi ko imyenda y'igihe kirekire idashobora gusimbura ibiteganywa n'amategeko, hakaba nta mpaka zakagombye kugibwa kuri iki kibazo, mu gihe

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko n'iyo ibimenyetso by'umwenda byaboneka, bitahabwa agaciro kuko amasezerano yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, kuko Amabwiriza yavuzwe haruguru yubahirizwa ku bakiriya, atari kuri Banki Nkuru y'u Rwanda (vis-à-vis des clients et non de la BNR).

[13] Basobanura ko kuva mu mwaka wa 2014, PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd yakoranaga na TRANSCORP, nyuma yaha hari ikamyo ya TRANSCORP yaje gukora impanuka muri Uganda, PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd yanga kwishyura, bituma ijya gushaka ubwishingizi ahandi, icyo gihe akaba ari bwo PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd yahise itangira kwishyuza ibirarane yavugaga ko TRANSCORP iyibereyemo kuva mu mwaka wa 2014, ariko ko nta birarane TRANSCORP yari iyifitiye, kuko iyo biza kuba bihari itari gukomeza kuyiha ubundi bwishingizi kugeza muri miliyoni babarega.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[14] Ingingo ya 64 y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, iteganya ko amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayigiranye.

[15] Ingingo ya 23, igika cya 5, y'Amabwiriza N^{0}05/2009 yo ku wa 29/07/2009 yerekeye iyemerwa n'ibindi bisabwa mu murimo w'ubwishingizi, iteganya ko: "Ikiguzi cy'ubwishingizi kitemewe gutangwaho umwenda".

[16] Ingingo ya 6 y'Amabwiriza ya Banki Nkuru y'u Rwanda Nº 03/2017 yo ku wa 20/02/2017 yerekeye ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi n'amafaranga bifatirwa abishingizi iteganya ko: "Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 3 hamwe n'iya 5 z'aya mabwiriza, iyo umwishingizi wigenga atubahirije ibiteganywa n'itegeko ryerekeye umurimo w'ubwishingizi cyangwa amabwiriza n'ibyemezo bya Banki Nkuru birishyira mu bikorwa, ibihano biberanye n'amakosa yakozwe bisobanuye mu mugereka bishobora gutangwa". Naho agace ka 9 k'umugereka wayo kagateganya ko gutanga ubwishingizi ku ideni bihanishwa 0.5% by'imisanzu igomba kwakirwa buri gihembwe.

[17] Inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza ko ku wa 02/12/2014, PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd yagiranye na TRANSCORP amasezerano y'ubwishingizi bw'imodoka zayo 61, impande zombi zikaba zemeranya ko ayo masezerano yakomeje kujya avugururwa uko umwaka ushize kugeza mu mwaka wa 2017. Amasezerano ateganya kandi ko TRANSCORP yagombaga kwishyura ikiguzi cy'ubwishingizi mu minsi 30 uhereye igihe amasezerano atangiriye cyangwa igihe avugururiwe, ko iyo iminsi iramutse irenze TRANSCOP itarishyura, PHOENIX OF RWANDA ASSURANCE COMPANY Ltd ishobora gusesa amasezerano, kandi TRANSCORP igategekwa kwishyura ikiguzi cy'ubwishingizi kijyanye n'icyo gihe, ko hagize ikibazo kivuka mbere y'uko amasezerano aseswa, umwishingizi agomba kwishyurwa ikiguzi cyose cy'ubwishingizi[1].

---

[1] *It is hereby expressly agreed cover under this Policy is granted subject to full payment of premium within 30 days from inception/renewal. It is further declared and agreed that this Policy will be voidable at the insurer discretion if the premium is not paid within 30 days and the insured shall be compelled*

